

# VA MURI KARANDE MBI

## AKIRA ZAHABU YAWE

Igice cya mbere 1

UMUTAMBYI
FIDELE NZIGIYIMANA

# IJAMBO RY'IBANZE

Nshuti nziza basomyi beza b'iki gitabo,
nimugire amahoro n'umugisha biva ku Mwami Imana yaremye ijuru n'isi, ikabigenera umuntu ngo azabeho mw'ishusho yayo no mu munezero wayo nk'uko yari yarabigambiriye kuva kera.

Imana ni yo dushimisha imitima bigasesekara ku mibiri yacu no mu buzima bwacu bwa buri munsi.

Ab'iki gihe bakabibwira abo mu kindi gihe bikaba karande nziza mu bisekuru byacu ko Imana ari yo yonyine yo kubahwa no kwizerwa.

Nongeye gushimira Imana ko yampaye ihishurirwa rikomeye mu buzima bwa mwene Adamu, kandi ikarimpa mu gihe nk'iki Satani akomeje gukoresha amayoberane menshi mu bantu, ndetse akitirirwa Imana bigatuma abantu bayobywa buhumyi kubera kubura ubwenge no kudasobanukirwa n'ukuri ku buzima bwabo n'umugambi nyakuri Imana yari ifite ku muntu ubwo yamuremaga.

Iki gitabo nshobojwe kugeza mu ntoki zawe ngo ugisome gikubiyemo ubuzima bwawe bwo mu gihe cyashize, ubwo muri iki gihe urimo n'ubwo mu gihe kizaza.

Kandi kirimo ubuzima bw'igisekuru ukomokamo n'igisekuru kizagukomokaho ubwawe. Niyo mpamvu ngusaba kugirango mbere yo kugisoma ubanze usenge kugira ngo Umwuka wera w'Imana Data agufashe gusobanukirwa n'ubutumwa bugikubiyemo.

Nkikugejejeho nyobowe n'umwuka wera w'Imana kugirango kigufashe kwisobanukirwa no kumenya inkomoko yawe.

Bityo ukangukire gutahura iyo werekeza ubwawe n'abawe.
Nibigukundira ntiwihererane ubu butumwa.

Wagisoma uri kumwe n'abawe mu rugo rwawe, cyangwa inshuti zawe, cyangwa se ubutumwa wasomye ukabusangiza abandi benshi, cyane cyane abo mu muryango wawe kuko ari wo muzafatanya guhindura amwe mu mateka mabi yaranze umuryango wanyu, muhange cyangwa mushyireho andi mashya meza.

Ndizera ko uzasobanukirwa Karande icyo ari cyo, uko yaduka mu muryango cyangwa se ingaruka itera mu muryango, ndetse n'ibyago itera by'uruhererekane mu muryango ndetse n'inzira wanyuramo kugirango karande mbi zikuveho.

Nizeye kandi ko uzabasha kumenya neza amasezerano yawe no kuyakurikirana kugirango uyakire uzasobanukirwa ko inzozi nziza wigeze kugira cyangwa iyerekwa wagize ukiri muto (ryari/zari) gusohora iyo wisobanukirwa hakiri kare, icyakora nta rirarenga mu gihe ugihumeka n'uyu munsi wazikabya.

Ubaye uzisenyeye urukuta mpindura myumvire rwa karande mbi zo mu miryango yawe yazibereye inzitizi ndetse n'imitekerereze mibi iciriritse.

Ibuze ubwenge buva ku Mana bavandimwe ndifuza ko dutekereza cyane ku bwenge buva ku Mana bidufashe kwikura mu ngorane turimo uyu munsi wa none ndetse n'ejo hazaza hacu.

Umuntu yakwiga mu mashuri akagira ubumenyi n'ubuhanga kandi nibyo koko birakwiriye kuko bidufasha muri byinshi muri iyi si.

Ariko biragatsindwa n'Imana kubona umuntu ufite ubuhanga n'ubumenyi budashyigikiwe cyangwa budashingiye ku bwenge buva ku Mana, uzasaga kenshi uwo muntu wataye ubwenge buva ku Mana ntacyo amariye abamureba ahubwo akoza isoni abamwumva n'abamureba ndetse n'abo ashinzwe.

Uyu muntu wiyibagije ubwenge buva ku Mana biragoye ko yamenya gutandukanya ikiza n'ikibi kuko we ubwe aba yirata ko abufite mu ruhame rwa benshi.

**Reka turebe icyo ijambo ry'Imana ribivugaho.**

**Imigani 1:7**
kubaha Uwiteka ni ishingiro ryo kumenya, ariko umupfapfa
ahinyura ubwenge n'ibibwirizwa.

**Yakobo 3:17**
Ariko ubwenge buva mu ijuru, irya mbere buraboneye kandi ni ubw'amahoro,
n'ubwineza, bwemera kugirwa inama, bwuzuye imbabazi n'imbuto nziza, butarobanura
ku butoni kandi butagira uburyarya.

**Yakobo 3:14**
Ariko niba muhorana amakimbirane akaze mu mitima yanyu mugahorana intonganya,
ntimukabyiratane ngo mubeshyere ukuri.

**Yakobo 3:15**
Bene ubwo bwenge si bwo bumanuka buvuye mu ijuru, ahubwo ni ubw'isi,
ni ubw'inyamaswa bantu ndetse ni ubw'abadayimoni.

**Umubwiriza 7:12**
kuko ubwenge ari ubwugamo nk'uko ifeza ari ubwugamo, ariko umumaro
wo kumenya ni uyu: ni uko ubwenge burinda ubugingo bw'ubufite.

Muvandimwe ubwenge dukeneye ni ubwo kutuboharo ingoyi y'ikibi kandi
n'ubwenge buvuye ku Mana nibwo bwonyine buzadufasha kubaho mu buzima buboneye,
nabo twabyaye bakaba urugero rwiza bigira kuri twe.

**NDAKWIBUTSA KO IKI ARI IGITABO CYA MBERE 1 KITWA VA MURI KARANDE MBI.**
Nzakomeza kubagezaho ibindi bitabo bitandukanye bibasobanurira uko wava
muri karande mbi ukajya muri karande nziza y'umunezero.

***Mbifurije gufashwa no kwakira impinduka nziza!***

## IBIRIMO

**1- Ni mpamvu ki**
Nsenga simpinduke?

**2- Ni mpamvu ki**
Nkora sintere imbere nk'abandi?

**3- Ni mpamvu ki**
Niyo nteye imbere nongera ngasubira inyuma?

**4- Ni mpamvu ki**
Kubaka urugo binanira?

**5- Ni mpamvu ki**
n'abazubatse barara barira?

**6- Ni mpamvu ki**
Mu muryango wacu nta muntu wize urimo?

**7- Ni mpamvu ki**
Nubwo nize izina ryanjye ritamenyekana?

**8- Ni mpamvu ki**
Abana banjye babuze ubwenge bwo mu ishuri?

**9- Ni mpamvu ki**
Abana nabyaye bambereye ibirumbo kandi ntacyo ntabakoreye nk'umubyeyi?

**10- Ni mpamvu ki**
Ntabona urubyaro nk'abandi? Imyaka icumi irashize

**11- Ni mpamvu ki**
Mu muryango w'iwacu dupfa dukenyutse?

**12- Ni mpamvu ki**
Nta mukire uba mu muryango w'iwacu?

**13- Ni mpamvu ki**
Mu muryango wacu habonekamo abapfa biyahuye?
Kandi nanjye mpora numva nshaka kwiyahura?

**14- Ni mpamvu ki**
Wanga Igihugu?
Gakondo Imana yaguhaye

**15- Ni mpamvu ki**
Hari umuryango ubatwa n'ibiyobyabwenge?

**16- Nimpamvu ki**
Nabaye maraya mu muhanda
(Ubusambanyi)?

**17- Ni mpamvu ki**
Nubaka urugo nkongera nkarwisenyera
(Gatanya)?

**18- Ni mpamvu ki**
Mporana irari ry'ubusambanyi kandi nkuze?

**19- Ni mpamvu ki**
Mpora ndarikiye inzonga?

**20- Ni mpamvu ki**
Ndwana n'uwo twashakanye?

Izi ni zimwe mu mpamvu makumyabiri (**20**)
tuzagenda tuvugaho ndetse n'ibitabo bizakurikira iki harizo tuzagarukaho.
Kandi muri iki gitabo nibizagikurikira tuzifashisha cyane ijambo ry'Imana nk'umuyobozi w'ijuru n'isi Amen.

**UMUTAMBYI**
**FIDELE NZIGIYIMANA**

**Dusome ijambo ry'Imana**

**ABAKOROSAYI 2:8**
Mwirinde, hatagira umuntu ubanyagisha ubwenge bwabantu nibihendo byubusa bikurikiza imihango yabantu, iyo bahawe naba sekuruza ho akarande.
Kandi bigakurikiza imigenzereze yambere yiby'isi bidakurikiza Kristo.

**Mariko 7:13**
Nuko ijambo ry'Imana mukarihindura ubusa kugira ngo mukomeze imigenzo yanyu yababayemo akarande.

Kandi hariho n'ibindi byinshi mukora nk'ibyo."

**Mariko 7:20**
aravuga ati" ibiva mu muntu ni byo bimuhumanya,

**Mariko 7:21**
kuko mu mitima y'abantu havamo imigambi mibi, guheheta no gusambana,

**Mariko 7:22**
kwiba no kwica, kwifuza kubi no kugira nabi, uburiganya n'iby'isoni nke,
ijisho ribi n'ibitutsi, ubwibone n'ubupfu

**Abakorosayi 2:4**
Mvugiye ibyo kugira ngo hatagira ubashukisha amagambo yoshya.

**KARANDE NI IKI?**

KARANDE ni ibintu ndanga bitandukanye nk'umuco, ingeso, imigenzo, imihango, n'ibindi byaduka **mu muryango** cyangwa bishyirwaho bikaba uruhererekane mu muryango wose uko ibisekuru bigenda bikurikirana.

Bigahinduka ibiranga cyangwa akamero k'uwo muryango ibihe byose, bishobora kandi no gufata agace runaka.

Bigahinduka ikintu kimenyerewe **(ndanga)** ku bantu bose batuye muri ako karere.

Uzumva umuntu avuga ati" Twe bene kanaka ntituvugirwamo
ibyo navuze nabivuze ndakwiyamye.

Ni uko duteye ntukankinishe ntushobora kubidukuramo na sogokuru yewe na sogokuruza nuko yari ateye, uranyumva neza ni ko tubaho n'undi munsi ntukanyitiranye.

Cyangwa se ati" Mu muryango wacu kuva kera nta muntu wize ubamo, n'ugerageje kwiga ntarenga mu wa kabiri.

Iyo yageze kure agarukira mu wa gatandatu w'amashuri abanza ubundi agafata isuka agahingira rubanda cyangwa akaragira inka za rubanda cyangwa akibera karyarugo mungo z'abandi?

Undi na we ati" uhereye kera kose mu bisekuru byacu ntihaburamo umuntu ubyara umwana ubana n'ubumuga bwo mu mutwe.

Uzumva undi agira ati" Iwacu se wigeze ubona umuntu utunga imodoka? Reka da! Nta muntu iwacu ushobora gukira ngo atunge imodoka ukumva ko mu mahame y'iwabo bazi neza ko nta cyiza babona?

Nta mukobwa iwacu ujya ushaka umugabo ari munsi y'imyaka 35 ibyo ntitwabihindura. Agahita aguha n'ingero kuko maman, nyirarume, Masenge bose bagiye babona abagabo (abagore) bakuze cyane nushatse ari muto baba babanje kujya kumuraguriza mu bapfumu cyangwa se akaboneza inzira ya bugufi (kwishyingira) ntureba nanjye imyaka maze kugira niyo mpamvu?

Izi ngero n'izindi nyinshi namwe mwabasha kubona aho mutuye cyangwa mu miryango mukomokamo n'izigaragaza igisobanuro nyacyo cya karande mbi mu muryango.

**AMOKO YA KARANDE**

***Karande irimo amoko abiri : 2***

1- Hari Karande nziza ni ukuvuga uruhererekane, mu muryango rw'ibintu byiza
2- Hakaba na Karande mbi uruhererekane mu muryango rw'ibintu bibi.

***Urugero natanga kuri karande nziza;***
hari ubwo ubaza umunyabugeni uti "Ese iyi mpano yo gukora ibintu nk'ibi byiza uyikomora he?

Agahita atanga igisubizo cyihuse ati "Abakuru bambwiye ko kera mu muryango wo kwa Papa hari umuntu wakoraga ubugeni i Bwami cyangwa se iyi mpano nyikomora kuri sogokuru.

Undi akakubwira ko impano yo gucuranga ayikura kuri sogokuruza we n'uririmba nuko akakubwira ati nabikuye kuri maman.

Usanga kenshi n'ubuyobozi buba uruhererekane mu muryango n'ubukire ni uko ugasanga umuryango wose urimo abantu bishoboye pe.

***Ingero zo ni nyinshi cyane***
Ndibutsa abakristo ko hariho karande nziza z'Imana, mu gihe udafite izo karande nziza z'Imana menya ko utari umwana w'Imana.

Uri umwana w'ikirara warananiranye kuko umwana w'Imana wese aba afite muri we ibiranga Imana.

Nimico yayo akaba ari byo agenderamo mu buzima bwe bwose, izi karande nziza nzazigarukaho mu bitabo bizakurikira iki.

**KARANDE MBI NI IKI?**

Ndajwe inshinga no kurwanya karande mbi kandi kugirango tubigereho birasaba kugira umurongo ngenderwaho ugira uti **"BIRASHOBOKA".**

Reka nkubaze, nawe se birashoboka?
Ariko se karande mbi tugomba kurwanya ni izihe?
Ese ubundi karande mbi ni iki?
Koko se karande mbi zibaho?
Karande mbi ni uruhererekane rw'imitekerereze mibi cyangwa ibikorwa bibi byokama abakomoka kuri uwo muryango uko ibisekuru bikurikirana.

Bikagira ingaruka mbi ku bagize uwo muryango n'igihugu muri rusange.
Rimwe na rimwe usanga abantu bamwe na bamwe bagira imitecyerereze mibi akumvako adashobora gutera imbere kuko iwabo nta wateye imbere uhari, agakurira muri ubwo buzima akumva ko kwiga bitamureba guharanira iterambere ntibimureba, guhanga adushya ntibimureba, kuba umunyabugeni ntibimureba, kuba umuhinzi uhinga kinyamwuga ntibimureba, kuba umucuruzi akumvako bidashoboka, kuba umwubatsi wabigize umwuga akumvako bitamureba, kuba umunyamakuru wabigize umwuga yumvako bitamureba.

Agatekerezako bifite abo byagenewe.
Karande mbi mu byumvikana rero ibaho.
Yagera n'igihe cyo kubaka urugo akabikorana akarande abana abyaye ntabajyane kwiga kenshi usanga n'abana iyo babonye umugiraneza ubarihira amashuri ntabikurikirana ngo abana bige, ngo ntashaka abamusuzugura.

Ugasanga ubuzima bubi arimo anyuzwe nabwo!
Ubuzima bubi barimo we yumva nta cyo bitwaye.
Imitekerereze yo kumva ko nta mpinduka yaba ku buzima bwawe, ukurikije aho ukomoka.
N'ibyurimo uyu mwanya bidakwiye. Iyo niyo karande mbi ikuriho.

Karande y'ubukene ikomoka mu mitekerereze mibi ubona ko yakurikiranye abantu benshi ikaba ari yo mwanzi.
Ukomeye w'iterambere ryawe (Iry'umuntu) ikaba iza ku mwanya wa mbere mu zo dukwiriye kuba turwanya nk'abanyarwanda, Imana yahishuriye umwanzi ukomeye (ubukene ni bindi)
Karande mbi ni nyinshi cyane; biragoye gusobanurira umuntu ko no kugira umwanda bishobora kuba karande ku muryango.

**AMOKO YA KARANDE**

***Karande irimo amoko abiri : 2***

1 Hari Karande nziza ni ukuvuga uruhererekane, mu muryango rw'ibintu byiza)

2 Hakaba na Karande mbi uruhererekane mu muryango rw'ibintu bibi.

Urugero natanga kuri karande nziza; hari ubwo ubaza umunyabugeni uti
"Ese iyi mpano yo gukora ibintu nk'ibi byiza uyikomora he?

Agahita atanga igisubizo cyihuse ati "Abakuru bambwiye ko kera mu muryango wo kwa Papa hari umuntu wakoraga ubugeni i Bwami cyangwa se iyi mpano nyikomora kuri sogokuru.

Undi akakubwira ko impano yo gucuranga ayikura kuri sogokuruza we n'uririmba nuko akakubwira ati nabikuye kuri maman.

Usanga kenshi n'ubuyobozi buba uruhererekane mu muryango n'ubukire ni uko ugasanga umuryango wose urimo abantu bishoboye pe.

**Ingero zo ni nyinshi cyane**

Ndibutsa abakristo ko hariho karande nziza z'Imana, mu gihe udafite izo karande nziza z'Imana menya ko utari umwana w'Imana.

Uri umwana w'ikirara warananiranye kuko umwana w'Imana wese aba afite muri we ibiranga Imana.

Nimico yayo akaba ari byo agenderamo mu buzima bwe bwose, izi karande nziza nzazigarukaho mu bitabo bizakurikira iki.

**KARANDE MBI NI IKI?**

Ndajwe inshinga no kurwanya karande mbi kandi kugirango tubigereho birasaba kugira umurongo ngenderwaho ugira uti **"BIRASHOBOKA".**
Reka nkubaze, nawe se birashoboka?
Ariko se karande mbi tugomba kurwanya ni izihe?
Ese ubundi karande mbi ni iki?
Koko se karande mbi zibaho?
Karande mbi ni uruhererekane rw'imitekerereze mibi cyangwa ibikorwa bibi byokama abakomoka kuri uwo muryango uko ibisekuru bikurikirana. Bikagira ingaruka mbi ku bagize uwo muryango n'igihugu muri rusange.

Rimwe na rimwe usanga abantu bamwe na bamwe bagira imitecyerereze mibi akumvako adashobora gutera imbere kuko iwabo nta wateye imbere uhari, agakurira muri ubwo buzima akumva ko kwiga bitamureba guharanira iterambere ntibimureba, guhanga adushya ntibimureba, kuba umunyabugeni ntibimureba, kuba umuhinzi uhinga kinyamwuga ntibimureba, kuba umucuruzi akumvako bidashoboka, kuba umwubatsi wabigize umwuga akumvako bitamureba, kuba umunyamakuru wabigize umwuga yumvako bitamureba.

Agatekerezako bifite abo byagenewe. Karande mbi mu byumvikana rero ibaho.
Yagera n'igihe cyo kubaka urugo akabikorana akarande abana abyaye ntabajyane kwiga kenshi usanga n'abana iyo babonye umugiraneza ubarihira amashuri ntabikurikirana ngo abana bige, ngo ntashaka abamusuzugura.

Ugasanga ubuzima bubi arimo anyuzwe nabwo!
Ubuzima bubi barimo we yumva nta cyo bitwaye. Imitekerereze yo kumva ko nta mpinduka yaba ku buzima bwawe, ukurikije aho ukomoka.

N'ibyurimo uyu mwanya bidakwiye. Iyo niyo karande mbi ikuriho.
Karande y'ubukene ikomoka mu mitekerereze mibi ubona ko yakurikiranye abantu benshi ikaba ari yo mwanzi.

Ukomeye w'iterambere ryawe (Iry'umuntu) ikaba iza ku mwanya wa mbere mu zo dukwiriye kuba turwanya nk'abanyarwanda, Imana yahishuriye umwanzi ukomeye (ubukene ni bindi)
Karande mbi ni nyinshi cyane; biragoye gusobanurira umuntu ko no kugira umwanda bishobora kuba karande ku muryango.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**2 Ingoma 3:6** Inzu yose ayishyiraho amabuye y'igiciro cyinshi ngo igire isuku, izahabu zavaga i Paravayimu.

Iyo wavutse ku mubyeyi udashobora kwisukura isuku ku buryo bw'umubiri biragoye ko uwo yabyaye ashobora kumubwiriza kugira isuku.

Ubu abantu benshi usanga barwaye amavunja, indwara z'amenyo, ise, macinya, Kolera, imyate, inda zo mu myenda, imperi, imbaragasa. Ubushita inzu yuzuye ivumbi aho aryama.

Biragoye kwiyumvishako harara abantu? Abana ntiboga nibindi kubera karande mbi y'umwanda Cyangwa se ugasanga umuryango wose wabaswe n'ubusinzi.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Imigani 23:20** ntukabe mu iteraniro ry'abanywi b'inzoga, no mu ry'abanyandanini bagira amerwe y'inyama.

**Yoweli1:5** Nimukanguke mwa basinzi mwe murire, namwe banywi b'inzoga mucure umuborogo, muririre vino iryoshye kuko muyiciweho mu kanwa kanyu

**Yesaya 5:22** bazabona ishyano abigira intwari zo kunywa inzoga, bakagira imbaraga zo guturira ibisindisha.

Uko ubonye amafaranga utorera mu kabari? isuku y'umusinzi iragoye isaha yawe yo gutaha ni igihe ubuze ayo wishyura, cyangwa se ugasinzirira mu kabari Ishema ryawe ni amacupa y'inzoga wanyoye n'indaya mwaryamanye, ntag enamigambi umuryango ukoreraho uhora mu bukene bukabije kubera ubusinzi bigatuma ubyara abana badahuje ababyeyi.

Uwo mugabo cyangwa se umugore ufite iyo karande mbi, n'abana abyaye baramukurikiza ku businzi nabo abo babyaye bakaba abasinzi, bigakomeza bityo babihererekanya, umuryango ku wundi, igisekuru ku kindi.

Bikabyara karande mbi dore ko n'umukobwa uvuka mu muryango ufite bene iyo mico (imyumvire) iyo agize ngo arashatse, umurambagiza aba ameze nkawe (umusinzi, itabi ryinshi) ni wa mugani ati ibisa birasabirana ariko mu by'ukuri ntibikwiye IBIBI bigomba guhinduka.

**Umusinzi akabyara undi musinzi na we akabyara umusinzi, umuryango ukaba uw'abasinzi gusa**

**KUKI DUSABWA KURWANYA KARANDE MBI?**
Kurwanya Karande mbi mu muryango birashoboka cyane.
Ikintu cyose uhagurukira kukirwanya kuko wamaze kubona ko ari kibi.
Kandi umenya ko ikintu ari kibi iyo umaze gusobanukirwa ko gifite ingaruka mbi ku muntu bigutera gufata ingamba zo kugikumira cyangwa se kukirwanya wivuye inyuma ubundi gukosa ni ikosa ariko ikibazo gikomeye ni ukudakosorwa n'ikosa wakoze.

***Unyumve neza.***
Hari ibibazo ujya wibaza mu buzima bwawe bwa buri munsi ndetse bikakugora kubibonera igisubizo urugero:

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Zaburi 143:7** Uwiteka, tebuka unsubize, Umutima wanjye urashira.
Ntumpishe mu maso hawe, kugira ngo ne guhinduka nk'abamanuka bajya muri rwa rwobo.

Ibi bibazo byose n'ibindi ushobora kuba wibaza bifite impamvu nta yindi ni Karande zikomoka mu bisekuru byawe.

Aho ukomoka, uwo ukomokaho so ukubyara, mama ukubyara cyangwa se uwakureze ni yo mpamvu ugomba guhaguruka.

Ukarwanya karande mbi nkizo ugatangira igisekuru cyawe cyiza gifite umugisha no kujijuka, kuko urimukaga gakomeye mu vandimwe

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Imigani 3:13** hahirwa umuntu ubonye ubwenge, n'umuntu wiyungura kujijuka.
**Yobu 28:28** "maze ibwira umuntu iti 'Dore kubaha Uwiteka ni bwo bwenge, kandi kuva mu byaha ni ko kujijuka."

**Imigani 18:2** Umupfapfa ntanezezwa no kujijuka, ahubwo anezezwa no kugaragaza ibiri mu mutima we.

Iyo umenye ibikwirukanka inyuma umenya aho wiruka werekeza kandi iyo usabwe icyo udafite niho umenya ibyo ubura niyo mpamvu dukwiriye kwiyirukanaho imivumo Karande y'ibisekuru twakomotsemo bidafite indangagaciro na kirazira kandi birashoboka. Birakwiye ko twunguka ubwenjye no kujijuka tukiyambura umuntu mubi wa kera ku buzima bwacu watugize imbata z'ibibi n'ibizira kandi koko iyo umenye ibizira nibwo umenya n'ibyo uzirura.

Nurangiza (gusoza) gusoma iki gitabo ukamenya ibikwirukamo, uzakira, imbaraga zibihindukirana kandi uzabinesha pe.

Umuntu iyo avuze ijambo Karande abantu ntibahita barisobanukirwa neza ariko Karande ibaho ikaba umwuka mubi uturuka mu muryango.

Muri iyi nyandiko ndagusobanurira karande icyo ari cyo ndetse ngaragaze uko yinjira mu muryango.

Ikagira ingaruka mbi cyane mu muryango tunarebe icyo ijambo ry'Imana ribivugaho. Nk'umuyobozi mukuru

Ijambo ry'Imana riradufasha kumenya icyo umuntu akwiye gukora kugira ngo agere ku byiza akiri mu isi.

Hanyuma azabone n'ubugingo bw'iteka nyuma y'ubu buzima ahatugeze musomyi mwiza kurikira wirinde gucikwa n'ijambo narimwe kugirango ugere ku mpinduka y'ubuzima bwawe wamye wifuza.

Umva dusome kurikira neza

**Dusome ijambo ry'Imana**

**IMIGANI 22:4** "Uwicisha bugufi akubaha Uwiteka ingororano ye ni ubukire, icyubahiro ni ubugingo".

Reka tuvuge ku buzima bw'umugabo uvugwa muri Bibiliya witwa YAKOBO, turebe uko karande zamujeho n'uburyo yabashije kuzivamo.

Akaba sekuruza w'imiryango cumi n'ibiri y'Abisiraheli kandi umugambi wa Satani kwari ukumwica ntacyo yimariye.

Izina Yakobo ni izina yahawe ku bwa karande mbi mu by'ukuri izina rye ry'ukuri ni ISIRAHELI ariko Satani amuriganya izina rye yitwa YAKOBO.

Ndagira ngo nkubwire ko atari wowe Satani arwanya ahubwo arwanya icyo Imana yakugambiriyeho ikikurema.

Umumaro wawe kw'isi Nyina wa Yakobo amaze kumenya ko Isaka agiye gutanga umugisha ku mwana w'imfura.

Mama wabo yahise asanga YAKOBO amwigisha uko yitwara imbere yase akaba ari we uhabwa uwo mugisha mu cyimbo cya mukuru we ESAWU.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 27:5-29;** Rebeka yumva Isaka abwira umwana we Esawu.
Esawu ajya mu ishyamba guhiga, ngo ahigurire Se umuhigo
Rebeka abwira Yakobo umwana we ati" numvise So abwira Esawu mwene so ati"
mpigurira umuhigo untekere inyama ziryoshye nzirye nguheshereze umugisha mu maso
y'Uwiteka ntarapfa  nuko none mwana wanjye wumvire ibyo ngiye kugutegeka.

jya mu mukumbi unzanire abana b'ihene beza babiri, nanjye ndabatekera
So babe inyama ziryoshye zimeze nk'izo akunda, nawe uzishyire So azirye,
aguheshe umugisha atarapfa.

Yakobo asubiza Rebeka nyina ati" dore Esawu mukuru wanjye ni cyoya, ngeweho
umubiri wanjye ni umurembe.

ahari Data yankorakora, akamenya ko ndi umuriganya, nkizanira umuvumo mu kimbo
cy'umugisha Nyina aramubwira ati" Mwana wanjye umuvumo wawe abe arinjye ubaho
nyumvira gusa ugende uzinzanire."

aragenda arazizana aziha Nyina, Nyina ateka inyama ziryoshye nk'izo Se akunda
Rebeka yenda imyambaro myiza nkiya Esawu imfura ye iyo yari afite mu nzu ayambika
Yakobo umuhererezi

kandi ashyira impu z'abo bana b'ihene ku bikonjo bye no ku ijosi rye aharembekereye
aha umwana we Yakobo za nyama ziryoshye yatetse n'umutsima yavuze
ajya aho Se ari ati" Data." aritaba ati" ndakwitaba.

Urinde mwana wanjye?"
Yakobo asubiza Se ati" ndi Imfura yawe Esawu nkoze ibyo wantegetse.
Ndakwinginze, byuka urye ku muhigo wanjye, kugirango umpeshe umugisha."

Isaka abaza umwana we ati" ni iki kiwukuboneshej vuba utyo, mwana wanjye?"
aramusubiza ati" ni uko Uwiteka Imana yawe yampaye ishya

Isaka abwira Yakobo ati" mwana wanjye, igira hino ndakwinginze, ngukorakore,
menye yuko uri umwana wanjye Esawu koko, cyangwa utari we."

Yakobo yegera Isaka Se aramukorakora aravuga ati" ijwi ni irya Yakobo,
ariko ibikonjo ni ibya Esawu."

ntiyamenya uwo ariwe, kuko ibikonjo biriho ubwoya nkibya mukuruwe Esawu,
nuko amuhesha umugisha.

aramubaza ati" uri umwana wanjye Esawu koko?" aramusubiza ati" ndiwe.

aramubwira ati" wunyegereze, nanjye ndye ku muhigo w'umwana wanjye kugirango nguheshe umugisha." Arawumwegereza ararya, amuzanira vino, ashozaho.
Se isaka aramubwira ati" mwana wanjye, nyegera unsome."

aramwegera, aramusoma, yumva impumuro y'imyambaro ye amuhesha umugisha ati" impumuro y'umwana wanjye, imeze nk'iy'umurima Uwiteka yahaye umugisha.

n'uko Imana iguhe ku kime kiva mu ijuru no ku mwero w'ubutaka, n'imyaka y'impeke myinshi na vino nyinshi.

amoko agukorere, amahanga akwikubite imbere, utware bene so, bene nyoko bakwikubite imbere.

Uzakuvuma wese azavumwe, uzakwifuriza umugisha wese awuhabwe."

Ibi REBEKA nyina wa ESAWU na YAKOBO yabikoze kuko yari afite ibanga ry'Imana ku buzima bwa YAKOBO, Imana yari yaramubwiye ko umukuru azaba umugaragu w'umuto

**Itangiriro 25:22** abana bakiranira mu nda ye aribaza ati" ubwo bimeze, bityo ibi bimbereyeho iki?" aragenda ajya kubaza Uwiteka.

Uwiteka aramusubiza ati" inda yawe irimo amahanga abiri, amoko abiri, azatandukana ahereye igihe azavira mumara yawe.

Ubwoko bumwe buzarusha ubundi amaboko, umukuru azaba umugaragu w'umuto."

maze igihe cyo kubyara kwe gisohoye, zari impanga mu nda ye.
gakuru avuka atukura ari cyoya nk'umwenda w'ubwoya, bamwita Esawu.

hakurikiraho gato afashe agatsinsino ka Esawu, bamwita Yakobo kandi
Isaka yari amaze imyaka mirongo itandatu avutse, ubwo Rebeka yababyaraga.

Ku bw'iri sezerano Rebeka yikundiraga Yakobo ariko Isaka agakunda Esawu kuko ngo yajyaga arya ku muhigo we.

**Dusome ijambo ry'Imana**

Itangiriro 25:28 maze Isaka yakundiraga Esawu kuko yajyaga arya ku muhigo we rebeka we yakundaga yakobo.

Byarangiye umugisha uhawe Yakobo, mama wabo abimufashijemo, ku buriganya bakoreye Esawu, aho Esawu abimenyeye byatumye Yakobo ahungira kwa nyirarume, birumvikana YAKOBO yari ahungishijwe n'ikosa yakoreye mukuru we ryo kumuriganya ku buryo bukomeye kandi abifashijwemo na mama we.

ESAWU yari afite agahinda kenshi kuzuye umujinya, YAKOBO ni bwo yerekeje kwa LABANI yahabaye imyaka 20 ari muri karande.

**KARANDE KURI YAKOBO**

Karande mbi ya 1 Yakobo yaragiriye Labani imikumbi imyaka irindwi (7) adahembwa, Labani akamwima ibihembo bavuganye.

Ibaze nawe ubaye ufite karande yo gukorera ubusa kandi wari wizeye guhembwa, cyangwa ukaba uri umusore uko uterese umugeni ugakora ibisabwa byose ku munsi, w'ubukwe ukabona bakuzaniye utariwe.

Cyangwa se ugatereta hakarongora abandi ni agahinda gakomeye cyane.

Iyi myaka irindwi 7 Yakobo yayimaze bamuhindurira ibihembo kandi nabyo ntibabimuhe.
Karande mbi ya 2, Yakobo yabengutse umukobwa wa Labani witwa Rasheli amutendera imyaka irindwi (7).

Iyo myaka ishize aho kumuha umukobwa yakunze Labani amushyingira umukobwa ureba imiryezi witwaga LEYA, Yakobo ati" ibintu unkoreye ni ibiki koko, ko uri marume ni iki gituma umpemukiye ukampa umukobwa ntakunze?

LABANI ati" sinaguha umuto kandi hari mukuru we, niba ushaka Rasheli ongera umutendere indi myaka irindwi.

Yakobo yagumye muri iyo karande mbi yo gukorera indashima, akazi kose yasabwaga gukora yaragakoze kandi neza.

Imyaka cumi n'ine (14) uteranyijeho indi itandatu (6) yose ikaba imyaka makumyabiri (20) ari muri karande mbi yo gukorera ubusa. Iyo myaka ishize nibwo LABANI yemeye guha Yakabo Rasheri, urumva ko Yakobo kugirango abone inkwano yo gukwa umugeni we byaramugoye cyane ariko iyo usesenguye usanga YAKOBO yari ari mu ngaruka z'icyaha yari yakoze agifashijwemo na nyina nawe cyo kuriganya mukuru we ESAWU umugisha.

Ubwo yiyambikaga uruhu rw'ihene n'imyambaro ya Esawu kugirango ise namukoraho yumve afite ubwoya nk'ubwa ESAWU.

Ise yamukoze ho yumva ni cyoya ariko ijwi yumva ni Yakobo, kubera uko kwiyoberanya byarangiye umugisha wa ESAWU Ise awuhaye YAKOBO burya rero icyo ukora cyose gifite ingaruka yacyo.

Ese wamenya gute ko uri mu ngaruka y'amakosa wakoze cyera cyangwa se ayo abo ukomokaho bakoze? Kuko ibihe byisubiramo, nibyo turi kureba igihe byisubiriramo. Yakobo bisobanura umuriganya.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Zaburi 5:7** Uzarimbura abanyabinyoma,
Uwiteka yanga urunuka umwicanyi n'umuriganya.

Mu mubabaro mwinshi yagombaga kwisobanukirwa, akamenya ko atagomba kugumana izina rimugayisha mu bandi.

Ryaramukurikiranye izina satani yamwise, ariko we yahisemo gushaka impinduka y'izina rye rya Isirayeli kuko ni ryo Imana yashakaga ko yitwa.

**Tukiri aho tekereza kw'izina ryawe?**

Hari amazina twemera kubana nayo kandi atari ayacu tukaba mu ngaruka zayo tutabizi. Ni gute ushimishwa no kwitwa karyarugo? Kandi ukumva ko nta kindi washobora mu buzima bwawe!

Abo muri urwo rugo erega nabo bakagufata nk'uwavumwe, nk'imashini, tingatinga yo gukora ibyananiranye aho, bakagusuzugura, bakagufata uko bashatse kandi bagukeneye pe, bemera no kuguhemba iyontica ntikize.

Nawe ukabyemera kandi ukumva ubwo buzima Imana itabuguhindurira kuba ukora ako kazi ushingiye ku nkomoko yawe ku mpamvu z'uko wavutse nta genamigambi, ntacyo wasanze aho uvuka bikagutera kumva ko ntacyo uzimarira.

Ikibi cyose ntuzi kwitandukanya nacyo ntunamenya ko witwa izina rigayitse rya karyarugo, kandi wariyakiriye, wumva nta kindi kiza utegereje ukurikije aho uvuka.

Umva nkubwire ubusobanuro bw'iryo zina bakwita ryakaryarugo riravuga ngo wowe, uhombya urugo.

Byibaze nawe ndagusaba kumfasha uyu mwanya tugakora impinduka y'iryo zina ribi bakwita hita uryanga.

Ni ukuvuga se ko wowe Imana usenga ari murumuna w'iyo shobuja cyangwa nyokobuja asenga?

Niba Imana ari Data, kandi ikaba ikize ku bintu byose, ni gute yabyara abakene? Nyumva neza.

Tuzi ko avoka yera avoka, umwembe wera umwembe, nta cunga ryera igitoki, nta gitoki cyera amapera, bivuze iki? Umukene abyara umukene.
Umukire abyara umukire.
Umuyobozi abyara umuyobozi, umwami abyara umwami, Imana ibyara Imana.
Niba turi urubyaro rw'Imana turi Imana natwe.

Mu gihe cyose ukorera umuntu mukorere utekereza ko muzatandukana ukikorera, akazi ukora akariko kose korana iyi ntego yo kwikorera, kandi utekereza nuwo ukumokaho mu buryo bw'umubiri impinduka wakora nziza ushingiye ku byugaya bitagenze neza mu muryango wanyu.

Ugukoresha nawe namenyeko nawe yakoreye abandi cyangwa se akinabakorera bityo bimutere kugukoresha aguhaye agaciro kuko urumwana w'Imana.

Ntukibeshye, gukoresha umuntu ntibisobanuye ko byarangiye, ngo wumve ko nta kindi azimarira twese turi abantu.

Uwo wita shobuja ni ikiremwa nkawe imbere y'Imana turangana kuko twese yaturemye mu mukungugu kandi iherezo ry'umuntu ni ugusubira aho yavuye, mu gitaka.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 3:19** Gututubikana ko mu maso hawe ni ko guzaguhesha umutsima,
urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka kuko ari mo wakuwe:
uri umukungugu, mu mukungugu ni mo uzasubira."

Ntawe yaremye mw'ibuye, kandi iturema yaturemye idukunze ituremeye imirimo myiza uretse ko twe abantu aritwe twanga tukayihemukira twarangiza kuyihemukira natwe ubwacu tukihemukira.

Uwo ubona nk'usuzuguritse kubera ko umukoresha, mwubahe ibyo ari kugukorera none ntabyo ushoboye iyo ubishobora ntiwari kumukoresha, genza gake ibyiza byo kw'isi byaremewe abantu ku buryo uwukoresha akugiriraho umugisha w'icyo acyeneye yari yarabuze ahindurirwe izina ribi (umupagasi, karyarugo n'andi menshi mukunze gukoresha yuzuye agasuzuguro.

Tekereza ko ejo nawe azitwa bosi, ntubizi se ko bibaho, ariko haranira ko iryo zina Imana irihindura, wowe wigeze kumukoresha haricyo wabikozeho agushimira wamufashije mu gihe cyose mwamaranye agukorera. Amen

**Dusome ijambo ry'Imana**

**1 Timoteyo 6:18** kandi bakore ibyiza babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabuntu bakunda gutanga.

**ZABURI 82:6** Ni njye wababwiye nti: muri imana, mwese muri abana b'Isumbabyose)

**Avoka yera avoka, nta gitoki cyera umwembe.**

Ibi bivuze ko hari ubutware natwe dufite hejuru y'imikorere y'isi (systeme y'isi) ntibisaba ko Imana Data iza kubidukorera.

Hari ibintu mu buzima bwacu dukwiye gutegeka bigahinduka, hari intambara byanze bikunze dukwiye kurwana tukazitsinda.

Kuko tutarwanira intsinzi ahubwo turwanira mu ntsinzi, hari imbaraga zikorera muri twe ku buryo nta cyo twahagurukira kurwanya ngo kitunanire.

Igihe cyose dukoresheje neza ubutware twifitemo nk'abana b'Imana, ikibazo abantu tugira ni ugutakaza imbara aho zidakenewe.

Twagera aho zikenewe ugasanga twamaze kunanirwa wamara kunanirwa ugatega amaboko utari buguhe, yanaguha akaba abonye uburyo bwiza bwo kugutwaza igitugu.

Haribintu bitari bikwiye muri twe, buriwese yumva icyo afite mugenzi we atagitunga, duhora muri ibi.

Inzu yanjye, imodoka yanjye, umugore wanjye, abana banjye, inka zanjye, inkoko zanjye, isambu yanjye, isahani yanjye, amafaranga yanjye, n'ibindi ntarondoye.

Reka nkubwize ukuri n'ubwo ubifite ntibikunyuze.
Uracyashaka ibindi byinshi kandi n'ubwo ubishaka ndetse ukanabibona burya si ibyawe kuko wowe kuri iyi isi uri umushyitsi utambuka (wihitira) kandi nanjye burya ni uko pe.

Icyo usabwa, bishake kandi shyiraho umwete pe, KANDI BIGWIZE ariko hindukira ku ruhande rwawe reba uwo muntu uhabona.

Urabona abura iki? Icyo abura kimuhe ukiriho kuko ukw'iminsi ishira nawe urashira, urasatira iherezo ryawe kandi numuha urarushaho kunguka, wimwima muhe.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**1 Timoteyo 6:18** kandi bakore ibyiza babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabuntu bakunda gutanga.

**1 Timoteyo 6:19** bibikire ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo nyakuri.

**2 Abakorinto 8:12** kuko iyo umuntu yemeye gutanga akurikije ibyo afite, ibyo birahagije nta wukwiriye gutanga ibyo adafite.

**2 Abakorinto 8:13** simvuze ntyo kugirango abandi boroherezwe namwe ngo murushywe

**2 Abakorinto 8:14** ahubwo ni ukugirango muganye, ngo ibibasagutse muri iki gihe bihabwe abandi mu bukene bwabo, kandi ngo ibisaguka ba bandi na byo muzabihabwe mu bukene bwanyu, munganye.

**imigani11:24** hari umuntu atanga akwiragiza, nyamara akarushaho kunguka. Kandi hari uwimana birenza urugero, ariko we bizamutera ubukene gusa.

Kunyurwa na bike kandi ibyinshi bihari ni karande mbi uri umunebwe; kumva ko uko uri kubi ntacyo wabihinduraho ni karande mbi.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 32:28** aramubaza ati "witwa nde" aramusubiza ati" ndi yakobo"
**Itangiriro 32:29** aramubwira ati" ntucyitwa Yakobo ukundi, ahubwo uzitwa Isirayeli, kuko wakiranije Imana n'abantu ukanesha."

Aha ndagirango nsobanure neza ko Malayika atakiranye na Yakobo ahubwo Malayika yafatanyije na Isiraheli kurwanya Yakobo kandi baramunesha, Yakobo aratsindwa.

Mwibuke icyifuzo Yakobo yari afite cy'izina ribi.
Isiraheli iratsinda kuva ubwo ibyo Yakobo yatinyaga byose yahawe ububasha n' Imana bwo kubinesha AGIRA UBUTUNZI BW'IBINTU BYINSHI harimo n'abana.

Izina rya Yakobo rivaho Karande mbi iba imuvuyeho, nubwo yabigezeho bigoye ariko imitekerereze ye myiza yo kwikura mu bibazo yari arimo byamugejeje kuba akomokwaho n'imiryango cumi n'ibiri y'abisirayeli.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**1 abami 18:31** Nuko Eliya yenda amabuye cumi n'abiri uko umubare w'imiryango ya bene Yakobo wanganaga, ari we ijambo ry'Uwiteka ryagezeho riti "Isirayeli ni ryo ribaye izina ryawe."

Ijambo twatangiye dusoma ryatubwiye ko hari ingororano ku bantu bubaha Imana kandi bakicisha bugufi, ni ubukire, icyubahiro n'ubugingo.

**1 UBUKIRE:**
Imana ntiyigeze igena ko abantu bayubaha bazakena; twibaze iki:
Ni gute usenga Imana ikize ifite byose?

Mu kiganza cyayo kandi itanga itimana hanyuma wowe ugakena.
Niba Imana ari umubyeyi yaba se yarananiwe kukurera?
Fata umwanya wibaze ibi?

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Imigani 10:4**
Ukoresha ukubuko kudeha azakena, ariko ukuboko k'umunyamwete gutera ubukire.

•Fata umwanya wisubize iki kibazo ganira n'umutima nama wawe

**Imigani 10:22**
Umugisha Uwiteka atanga uzana ubukire, kandi nta mubabaro yongeraho.

•Ongera uganirize umutima nama wawe reba ubukene ufite n'umubabaro urimo?

**Yeremiya 2:7**
Kandi nabazanye mu gihugu kirimo ubukire kugira ngo murye umwero wacyo n'ibyiza byacyo, ariko mumaze kuhagera mwanyandurije igihugu, umwandu wanjye mwawuhinduye ikizira.

•Ese ibyo warutunze mbere byagiye gute wabyitwayemo ute ko wari wahawe umugisha n'Uwiteka byaje kukugendera gute? Ni wowe mbaza? Ko wari washyizwe ubukire mu bingaza ni iki cyabugutwaye, subiza?

**Zaburi 112:3**
ubutunzi n'ubukire biri mu rugo rwe, gukiranuka kwe guhoraho iteka ryose.

• Imana yacu ntacyo ibuze na kimwe nta n'icyo yatwima ariko irabiha nde, irabiha umutima utekereza gute, wifuriza abandi ibyiza?

**Imigani 8:18**
ubukire n'icyubahiro biri iwanjye, kandi n'ubutunzi buhoraho, no gukiranuka nabyo.

• Umuntu wese wubaha Imana nayo iramwemera yarangiza ikamuha n'icyubahiro, reba neza impamvu nta cyubahiro ufite kandi uyikorera, ese ubwo ni yo yaguhamagaye cyangwa warihamagaye?

**Zaburi 23:1**
iti "Uwiteka ni we mwungeri wanjye sinzakena."

• Ni ukuri ntibikwiye ko twakorera Imana hanyuma ngo dukene ahubwo niwisuzume neza nanjye nisuzume, umukozi w'Imana siwe wo gusabiriza?

**Karande mbi** ikumvisha ko kuba ukennye, ari ko Imana yabishatse, ariko ibyo si ko biri, imwe mu ngororano eshatu Imana yageneye umuntu wese uyubaha ni Ubukire.

None se ubukene buri mu bantu bubaha Imana bukomoka he niba Imana yarabasezeranyije ubukire? Mu mwanya w'ubukire ugakena. Nta gushidikanya ko buterwa na karande mbi.

Yakobo yabayeho akennye atabasha no kwibonera inkwano yo gukwa umukobwa yakunze yemera kumukorera imirimo y'uburetwa imyaka cumi n'ine (14) yose.

Ariko amaze kwisobanukirwa yikuyeho karande mbi. Yisobanukiwe ko ari umuriganya, umuruho umwishe nibwo yatangiye guhirwa aba umutunzi ukomeye.

Iyo wisobanukiwe ukumva ko hari ibikwiye guhinduka muri wowe byanze bikunze Imana iha umugisha ibyo bitekerezo bishaka impinduka nziza.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Zaburi 67:8**
Imana izaduha umugisha, kandi abo ku mpera y'isi hose bazayubaha.

**Abaheburayo 6:14**
"ni ukuri no kuguha umugisha nzaguha umugisha, kandi no kugwiza nzakugwiza."

**Abaroma15:29**
kandi nzi yuko ubwo nzaza aho muri, nzazana umugisha wa Kristo ugwiriye.

Tera intabwe mu bitekerezo wikwisanisha n'ibyagukomerekeje cyangwa se n'ubukene bw'igisekuru wakuriyemo hindura imyumvire n'imitekereze urebe ngo uraba umukire, umunyamugisha.

Vayo, uri kure mu mitekerereze wuzuye ubwihebe bwinshi ariko mw'izina ry'Imana ishobora byose vayo.

Mu gihe cyose wumva ko nta ntabwe watera ushaka icyiza, ibyo bizaba bikureba, kuko nubwo wakijijwe ibyaha ukwiye gukizwa n'ubujiji bubata ibitekerezo.

Agakiza si amafaranga, wikwibeshya cyangwa ngo bakubeshye, amafaranga arashakishwa, Imana igatanga umugisha mu byo wakoze.

Nta kizamanuka mw'ijuru ngo kigusange wicaye nta ntambwe wateye ntibishoboka ndakurahiye.

Amasengesho menshi ntiyagutunga icyakora amasengesho atunga umuntu w'imbere akabyibuha pe.

Ariko uw'inyuma bisaba kwaguka mu bitekerezo ukamukorera kugirango abeho.

Roho nzima mu mubiri muzima.

Imbeho itamwica, adasonza, atifuza kuko iyo ubuze umwete wo gukorera umuntu w'inyuma urifuza kandi nabyo bibabaza Imana yakuremye.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Imigani21:5**
ibyo umunyamwete atekereza bizana ubukire, ariko ubwira bwinshi bwiriza ubusa.
Imana itanga ubukire ariko ibuha umukozi ku murimo. Gusenga cyane ntibizana ubukire, ubukire buzanwa no gukora no kwizera ko ibyo ukora bizakugeza ku ntambwe wifuza kugeraho no kwigira ku bandi bagutanze kunyura mu nzira uri kunyuramo uyu munsi.

Ikiruta ibindi byose ni ukubaha Imana, nudakora uzakena, nukena uzasaba, nusaba bazakwima, nibakwima uzatukisha Imana, nuyitukisha bitume itakwishimira, nitakwishimira bizakugwa nabi, nibikugwa nabi uzayituka, nuyituka ntizakwihanganira, kuko Imana ikunda icyubahiro cyayo.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Kuva 15:11**
"Uwiteka, mu byitwa Imana hari ihwanye nawe.
Ni iyihe ihwanye nawe? Kwera kwawe ni ko kuguhesha icyubahiro, ishimwe ryawe rituma abantu bagutinya kuko ukora ibitangaza!

Kuko Imana ikunda icyubahro cyayo bitume uzanira umuvumo abagukomokaho bose? Gerageza usenge ukiranuka unakora, Imana iraguha umugisha ubure aho uwukwiza Amen.

**2.ICYUBAHIRO KU BUBAHA IMAMA**

Indi ngororano ku bubaha Imana ni icyubahiro.

Ese umuntu agira icyubahiro ryari?

Wari uzi ko icyubahiro iyo ugishaka ukwiriye kumenya ugitanga ukamenya ko ari umushinga utegurwa.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**1 Samweli 2:8**
"Akura abakene mu mukungugu, Ashyira hejuru abatindi abakuye ku cyavu, kugira ngo bicarane n'ibikomangoma. Baragwa intebe z'icyubahiro, inkingi z'isi ari iz'Uwiteka, kandi ni zo yayishinzeho.

**Imigani 5:9**
kugirango utiyaka icyubahiro cyane ngo ugihe abandi, cyangwa ngo uharire imyaka yawe abanyarugomo.

**Daniyeli 5:18**
"Umva Nyagasani, Imana Isumba byose yahaye so Nebukadinezari ubwami no gukomera n'ubwiza n'icyubahiro".

**Itangiriro 45:13**
"kandi muzabwire data icyubahiro cyanjye cyose mfite muri Egiputa, muzamubwire ibyo mwabonye byose, kandi muzatebutse data mumuzane ino."

Aho dusomye nuhakurikirana neza urasanga uyu munyacyubahiro Yosefu yarabanje kunyura mu buzima bugoye. Ariko yabunyuragamo afite inzozi zo kuzaba umuntu ukomeye mu kuyobora, mu kurotora inzozi, mu gufasha abakene no mu butunzi, gutanga amahugurwa ku bukungu bw'ibihugu.

Abwira bene se ati narose nabayoboye bagahita bamwangira inzozi yababwiye.

**Itangiriro 37:5**
Yosefu arota inzozi azirotorera bene se, barushaho kumwanga.
Ariko Yosefu yakomeye ku nzozi ze kugeza ubwo bamujugunye mu rwobo.

**Itangiriro 37:20**
Nuko nimuze tumwice, tumujugunye mu rwobo rumwe muri izi zacukuriwe kubika amazi, tuzavuge tuti "Inyamanswa y'inkazi yaramuriye, tuzamenya inzozi ze, uko zizaba."

Bagerageza no kumugurisha, bagerageza kumwica, biranga kuko Imana ubwayo yari yaramaze kubona ko uwo mwana ar'uw'umumaro mu bihe bigoye iramurinda.

Niyo mpamvu iyo uzaba umuntu ukomeye hari byinshi unyuramo utegurwa n'Imana ndetse n'ababyeyi.

Bakubyara bakwiye kumenya inzozi zawe hakirikare, iyo ufite inzozi zo kuzaba umunyacyubahiro ntukwiriye guterwa ubwoba n'ibyunyuramo uyu mwanya, wicika intege komeza nubwo iruhande rwawe hicaye uguca intege, wimwitaho ikikurimo ni we wowe kurikirana icyo gusa.

Iyo tugeze ku cyubahiro ndatinya kuko iyo ugikoreshe nabi kigukoza isoni nyinshi cyane nubwo tugikwiye ariko biragusaba kwitegura cyane no gutegura umutima no kugwiza ubwenge buva ku Mana, bukeneye icyubahiro. Imana mu kubaho kwayo ntigira nabi ivubira imvura ababi n'abeza ahubwo abantu nitwe babi.

Shaka icyubahiro kandi uri bukibone ariko se uracyitwaramo ute?
Nturibumere nka Nebukadinezari.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Daniyeli 5:20**
Ariko yishyira hejuru, yinangira umutima bimutera kuba umunyagitinyiro mu byo yakoraga, ni ko gukurwa ku ntebe y'ubwami maze icyubahiro cye bakimukuraho.

Nuko yirukanwa mu bantu umutima we uhindurwa nk'uw'inyamaswa, abana n'imparage, akarisha nk'inka, umubiri we utondwaho n'ikime kiva mu ijuru kugeza aho yamenyeye ko Imana isumba byose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, kandi ko ibwimikamo uwo ishatse.

Ha, umwanya Imana nk'umujyanama umuremyi wawe kandi ari nawe utanga icyubahiro kandi ha nanone umwanya umuntu ugukundira inzozi zawe.

Inama aguha ihuye n'inzozi zawe, ubufasha aguha kugirango uzigereho, uwo muhura agahita aguha agaciro k'inzozi zawe, ngiyo inshuti ukeneye nonaha.

Uzaza unyuranyije n'ibyo, mwakire ariko hita umenya ko ari mwarimu uje kukwigisha, kandi umwarimu udakeneyeho amanota ntakagutwarire umwanya.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro12:2**
nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha.

Aha Imana yabwiraga Aburahamu ibyo izamukorera mu kubaho kwe,
Wowe se wabwiwe iki n'Imana ku buzima bwawe.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 12:7**
Uwiteka abonekera Aburahamu aramubwira ati "Urubyaro rwawe nzaruha iki gihugu." yubakirayo igicaniro Uwiteka wamubonekeye.

Aburahamu aha, ahawe isezerano ry'uko abana be bahawe igihugu bivuze ngo umugisha, ubutware, kurama, icyubahiro, ubutunzi bazavuka bawuvukanye kubera ko ise yitwaye neza imbere y'Imana n'abantu.

Mubyeyi mu bushobozi bwawe buke cyangwa se bwinshi shyigikira umwana ndetse nawe ubwawe ukwiye kwisobanukirwa hakiri kare.

Tekereza ku mazina yawe, niba ababyeyi barakwise amazina batarigeze batekereza ku cyo uzaba n'ingaruka uyu munsi urimo yo kuba uri umuntu usuzuguritse, kuko bakubyaranye karande mbi? (imitekerereze) y'ubukene bwo mu bitekerezo ndetse n'iy'amafaranga ntibagutekerereze uko uzabaho, icyo uzaba, cyangwa se amashuri uziga, imyuga uzakora n'ibindi bizatuma ugira izina ryubashywe muri rubanda.

Ukurira muri iyo karande umaze gukura nawe wumva ko nta kundi byari kugenda uriturije. Ngiyo inkomoko yawe, urabigenza ute ko wamaze kuvuka?

**Inama**

Nyamara hari abandi mbere yo gushaka umugore abanza agategura umukobwa bazashakana yitonze akabikorana ubushishozi bwinshi.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 2:24**
Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe.

Ise na nyina bakamwereka ibyo bamuteganyirije mbere y'uko avuka (Bamubyara) barangiza bakamuha n'inama nziza ku gikorwa agiye gutangiza cyo gushinga urugo.

Harubwo usanga ababyeyi baraguteganyirije n'inzu uzarongoreramo cyangwa se ibizagufasha ugeze mu rwawe, mu by'ukuri umwana nawe akabiheraho arushaho gutekereza urugo agiye gushinga.

Mu gihe atarazana umugore amafaranga akoreye nawe agateganyiriza umwana azabyara, ari nako agitegura n'umukobwa uzamubyarira abana akitwa mama w'abana dore ko nawe kumuhitamo muri benshi baguca imbere bitoroshye pe.

Mbere y'uko ubyara menya ko kubyara ari umushinga ukomeye wo kwigwaho neza, umumaro wawe, inyungu uzunguka kuwo ugiye kubyara n'icyo uzamarira uwo ubyaye.

**Itangiriro9:1**
Imana iha umugisha Nowa n'abana be, iramubwira iti "mwororoke, mugwire mwuzure isi". Kubyara si igikorwa cyo kwishimisha, kubyara ni umushinga uba ugiye gukora kandi usaba ubushishozi bwinshi kuko iyo uhombye ubabaza Imana n'abantu ndetse nawe nyirumushinga n'abareba uwo mushinga kandi bigira ingaruka ku Gihugu wateguriyemo uwo mushinga kuko igihugu birangira aricyo kigiye kugukura mu gihombo cy'umushinga wahombye kandi batateguye.

Ngaho kugutungana n'abana na nyina, kubishyurira amashuri, kumuha ibyo kurya, imyambaro n'ibindi byinshi umuntu acyenera.

Byaba ari byiza kubyara utikoreza Leta umutwaro wo kukurerera,
byara ariko menya impamvu ubyaye.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Zaburi 103:13**
Nkuko se w'abana abagirira ibambe, ni ko Uwiteka arigirira abamwubaha.

Ariko aba iyo babyaye babanza kwibaza uyu mwana azaba iki, azakora iki, i zina ritazamukoza isoni mu bandi ni irihe? Kwita izina umwana babyeyi mujye mubitekerezaho cyane kuko izina ku mwana niwo murage ukomeye wa mbere ahabwa akigera kw'isi.

Harabajya kwivuga amazina biswe n'ababyeyi babo babanza kuvuga amazina y'icyubahiro cyabo, President RUNAKA, Doctor RUNAKA, Professor RUNAKA, Minister RUNAKA, Honable, Directeur, Pastor, Bishop.

Nimwige kwihanurira no kurema ibishya mukoresheje amagambo ava mu kanwa kanyu, wikwita uwo ubyaye izina ukurikije ubuzima urimo none.

Nimwite izina umwana rizamwubahisha mu bandi.
Uwo ubyara ashobora kugira icyubahiro utagizemo uruhare wowe mubyeyi ariko agaterwa ipfunwe no kuvuga mu ruhame izina wamwise kuko rimukoza isoni akurikije rubanda nyamwinshi ahagaze imbere.

Wowe tuvugana ushobora kuba ufite izina ritakunyuze niwumva ari ngombwa rihinduze kuko birashoboka ntukemere kubana n'ikibi cyikubabaza iteka kandi bishoboka ko wakwakira icyiza cyinyuze umutima.

Ibitangaje umuntu arashaka kubwira undi nabi akabinyuza mw'izina yise umwana we, munyumvire namwe wa mwana akarengane akorewe.

Mu byukuri se usibye imyumvire mibi uwo mwana arazira iki uri kwaturiraho ibyago n'amakuba. Bavandimwe babyeyi nimusigeho.

Mubyeyi ibi biratangaje kuva kera kumva ko umwana ubyaye ariwe uzakugira umukire.

Ujya kumva ngo "Mwana wanjye niwige uzankiza isuka" isuka se ni mbi?
Isuka ko ari ubukungu, isuka nizo mbaraga z'umuntu uwayihaye agaciro kayikwiye nta kimuhungabanya.

Ukumva ko ubuzima bwiza abucungiye ku mwana bigatuma udahinga kinyamwuga nk'ufite umwana uri kwiga uzagukura kw'isuka.

Mu by'ukuri murambwira ko iyo atari karande mbi y'imitekerereze, kandi akirengagiza ko uwo mwana avukana ibibazo by'ingaruka mbi z'abamubyaye, uko akura akazikurana kuko mbere yuko umubyara ntacyo wamuteganyirije n'iryo shuri ntaryiga neza ntaba yitaweho nk'uko bikwiye umwana n'umubyeyi.

Mubyeyi hindura imitekerereze, umubyeyi atunga abana, abana ntibatunga umubyeyi, abana bashimira ababyeyi ishingano yo kurera ikorwa n'umbyeyi.

**1 Ingoma 22:9**
Umva uzabyara umwana, azaba umunyamahoro, kandi nzamuha ihumure ku babisha be bose bamuri impande zose, kuko izina azitwa ari salomo kandi nzaha abisirayeli amahoro n'ihumure ku ngoma ye.

Uyu Saromo urumva ko ataravuka ariko ababyeyi be bazi neza umwana bazabyara, impamvu yo kuvuka kwe, bahawe n'izina uyu mwana azitwa.

Ariko wowe ubikora wishimisha nta genamigambi ufite.

Ugera n'igihe cyo kubyara utaramenya izina uzita umwana, wamara kubyara bakubaza izina ry'umwana nawe ukabaza muganga ngo umwite nde!

Hita wibaza, ese wowe iyo ugiye kwivuga izina hari iry'icyubahiro cyawe ubanza i mbere y'amazina wiswe n'ababyeyi?

Mu by'ukuri uretse n'aya mazina, mu mugambi w'Imana wakabaye uri umuntu ufite icyubahiro mu bandi. Kandi abantu ntibaguha icyubahiro batakikubonaho, ugomba rero kugishaka.

Ijambo ry'Imana riravuga riti "abo kubahwa mububahe" .

**Dusome ijambo ry'Imana**

**1 Abami 3:13**
Kandi nguhaye n'ibyo utansabye, ubutunzi n'icyubahiro bizatuma nta mwami n'umwe wo mu bandi bami uzahwana nawe, iminsi yose yo kubaho kwawe.

Izi ngororano ebyiri za mbere **UBUKIRE N'ICYUBAHIRO**
Umuntu azabihabwa akiri mu isi, hanyuma nava mu buzima atabarutse ni bwo azahabwa ingororano ya gatatu ari yo **UBUGINGO.**

Imana mu kurema kwayo yabanje kurema ibintu hanyuma y'ibyo byose ibona kurema umuntu uzatwara ibyo bintu.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 1:28-30**
Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti" Mwororoke mugwire mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'bisiga byo mu kirere, n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi.

Ibi bisobanuye neza ko umugambi w'Imana ku muntu atari ugukena, kuko umukire, n'utunze ibintu kandi utifuza ikintu iki n'iki ngo akibure kandi kiri mu isi nk'uko Ijambo ribitubwiye haruguru.

Mu byukuri rero karande mbi ziriho zibuza abantu Imana yaremye kugera ku mugambi wayo wo kubaho mu byishimo bakwiye kuba bafite.

Karande ni nyinshi cyane kandi muri iki Gitabo **“VA MURI KARANDE MBI”** nzagenda nzigarukaho cyane kugirango ugisoma wese abashe kwisobanukirwa.

Hari, umugabo witwa **YABESI**, imibereho ye reka tuyifateho urugero.

Umugabo yahuriye mu nzira, na nyina wa Yabesi amufata ku ngufu, aramusambanya, atarakira iryo hohoterwa yisanga yararisamiyemo inda, atarakira iyo nda wa mugabo wamufashe ku ngufu aba arapfuye.

Umva nawe iyo mibabaro ya nyina wa Yabesi nyuma y’amezi 9 iyo nda ayibyaramo umwana wu muhungu.

Agiye kumwita izina abanza gutekereza ku miruho yose yagize kuva yafatwa ku ngufu n’uwo mugabo wamuteye inda.

Bituma yita uwo mwana izina ry’umuruho ribi cyane ati “ ni **YABESI.**
Bisobanuye **AGAHINDA.**

**Dusome ijambo ry’Imana**

**1 Ingoma 4:9-10**
Yabesi yarushaga benese icyubahiro, kandi nyina yamwise Yabesi kuko yavuze ati
” namubyaranye agahinda.”

Yabesi atakambira Imana ya Isiraheli ati “icyampa ukampa umugisha rwose,
ukagura imbago yanjye kandi ukuboko kwawe kukabana nanjye,
ukandinda ibyago ntibimbabaze.

” Nuko Imana imuha ibyo yasabye.

Ariko Yabesi amaze gukura afata igihe cyo kwitekerezaho akurikije ibiri kumubaho yasanze adakwiye kuguma kuba muri iyo karande mbi.

Ya mateka ya nyina ngo ahore ari mu gahinda bituma asenga Imana ati “icyampa ukampa umugisha rwose”.

Ukagura imbago yanjye kandi ukuboko kwawe kukabana nanjye, ukandinda ibyago ntibimbabaze.

Iri ni isengesho ry'umuntu wamaze kwisobanukirwa akamenya karande mbi zimuriho; Imana yumvise iri sengesho, yumva ntirisanzwe yumva, gusaba k'umunyamubabaro.

Imana ni urukunndo, ni umubyeyi utameze nk'abantu igir'ibambe, niyo izi akarengane umuntu agiririwa.

Ireba imiruho y'uwo muhungu n'izina rye, ifata icyemezo  cyo kumusubiza ihindura amateka ya Yabesi, imukuraho karande y'agahinda ka buri munsi.

Bibiliya itubwira ko Yabesi yarushaga bene se icyubahiro kuko yamye ashaka kwisobanukirwa.

Muri iri sengesho rya Yabesi harimo, karande mbi yifuzako Imana yazimukuraho, kurikira neza wumve:
Icyampa ukampa umugisha rwose: aha yari amaze gusobanukirwa ko hari karande mbi zimuriho zikomoka ku mivumo, nk'umwana wari wavutse mu buryo nyina atateganyije.

Birumvikana ko nyina atamukundaga, dore ko yanamwise izina ribi.

Iso ntakwanga akwita nabi, bivuze ko hari imivumo nyina yajyaga amwaturiraho bijyanye n'agahinda ko kuba yarafashwe ku ngufu.

Burya imivumo ibaho kandi ibyo wiyaturiraho kenshi ni byo bikubaho, niba uhora wiyaturiraho ko uzaba umukene, iyo ubisubiramo kenshi urakena, ndetse kenshi ibyo ababyeyi baturira ku bana babo nabyo bibabaho niyo mpamvu Bibiliya itugira inama iti.

"Ujye wihutira kumva ariko utinde kuvuga no kurakara, icy'umuntu avuze cyose imbere y'Imana gifite ingaruka nziza cyangwa se imbi".

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Yakobo 1:19**
Nuko rero bene data bakundwa, umuntu wese yihutire kumva ariko atinde kuvuga kandi atinde kurakara, Ukagura imbago yanjye: aha rwose Yabesi urasanga yarari muri karande y'ubukene bukabije ntaho guhinga.

Kuko ntiyari afite aho kuba nta gakondo yari afite, yanze rero kuguma muri ubwo bukene n'uruzerero asaba Imana ko imufasha ikamwagurira imbago akabona ahantu hagari yubaka inzu, aho azajya ahinga, aho azajya aragira imikumbi ye ndetse ikamwagurira imbago mu buryo bw'ibitekerezo kugirango abashe kwiteza imbere.

Ukuboko kwawe kukabana nanjye: ukuboko kw'Imana iyo kuri ku muntu karande mbi zose zirahunga.

Yabesi yasanze izo karande zifite imbaraga nyinshi kumurusha bituma asaba Imana ko yamuhozaho ukuboko kwayo kugirango ibyo akora byose bimuhire.

Iyo ukuboko kw'Imana kuri kuri wowe ugira ukuboko kwiza, Yosefu ari muri Egiputa yagiraga ukuboko kwiza kuko Uwiteka yari kumwe na we.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 39:3, 23**
Shebuja abona yuko Uwiteka ari kumwe na we, kandi ko Uwiteka yamuhaye kugira ukuboko kwiza ku cyo akoze cyose.

Hari abandi bagabo babanye n'ukuboko kw'Imana ibintu bigenda neza.

EZIRA ari mu gihugu cy'ubunyagano i Babuloni yagize ishyaka ryo kujya iwabo gusanura inkike kuko zari zarasenyutse.

Ajya ku mwami kumusaba uruhushya, Umwami amwemerera ibyo yamusabye byose kuko ukuboko kw'Imana kwari kuri Ezira.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Ezira 7:6**
Ezira uwo arazamuka ava i Baburoni.
Kandi yari umwanditsi w'umuhanga mu by'amategeko ya Mose yatanzwe n'Uwiteka Imana ya Isirayeli.

Umwami amuha ibyo yamusabye byose abiheshejwe n'ukuboko k'Uwiteka Imana ye kwari kuri we.

**Ezira 7:9**
Ndetse yahagurutse ku munsi wa mbere mu kwezi kwa mbere ava i Baburoni, maze ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa gatanu agera i Yerusalemu, abiheshejwe n'ukuboko kw'Imana ye kwari kuriwe.

**Ezira 7:28**
kandi niyo yansaguriyeho imbabazi zayo imbere y'umwami n'abajyanama n'imbere y'ibikomangoma bye bikomeye byose.

Nuko mpeshwa imbaraga n'ukuboko k'Uwiteka Imana yanjye kwari kuri jye, mperako nteranya abakuru bo mu bisirayeli ngo tuzamukane.

**Ezira 8:18**
Maze kubw'ukuboko kwiza kw'Imana yacu kwari kuri twe, batuzanira umugabo w'umunyabwenge wo muri bene Mahari, mwene Lewi, mwene Isirayeli, na Sherebiya n'abahungu be na bene se uko ari cumi n'umunani

Nehemiya na we yabanye n'ukuboko kwiza kw'Imana agira ijambo i Bwami icyo asabye cyose akagihabwa.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Nehemiya 2:8**
bampe n'urwandiko rwo gushyira Asafu umurinzi w'ikibira cy'umwami, kugirango ampe ibiti byo kubazamo ibikingi by'amarembo y'umunara w'inzu kandi n'ibyinkike z'umurwa n'iby'inzu nzabamo."

Umwami arabinyemerera abitewe n'ukuboko kwiza kw'Imana yanjye kwari kundiho.

**Nehemiya 2:18**
mbabwira ukuboko kw'Imana yanjye uburyo kwangiriye neza, mbabwira n'amagambo Umwami yambwiye.

Baravuga bati "nimuhaguruke twubake", nuko biyungamo bagira imbaraga zo gukora uwo murimo mwiza.

Turacyari kuri Yabesi ni ingero nabahaga:
Ukandinda ibyago ntibimbabaze: Aha Yabesi arashaka kwikuraho karande yibyago bya hato na hato nk'uko nyina yahuraga na byo nyina yafashwe ku ngufu.

**Icyago cya1**
muri iryo fatwa asama inda atateganyije

**Icyago cya 2**
agitwite iyo nda uwayimuteye aba arapfuye

**Icyago cya 3**
urumva ko nta ndezo yabonye, ibintu byose kuva atwite kugeza abyaye no mu kurera uwo mwana, nyina wa Yabesi yirwanagaho ku giti cye.

Umva nawe uwo muruho Yabesi yanze ko iyo karande mbi yamukurikirana.

Hari ibyago biza mu muryango kubera karande mbi iwurimo.

Ugahora mu bibazo bidahinduka ukaba utamenya ikibitera Nukuri biragusaba kubanza kwisobanukirwa uhereye kugisekuru.

Ugasanga mu bisekuru byawe hari abagiranye amasezerano n'abazimu noneho ayo masezerano ntibayubahirize ugasanga mu muryango hahoramo ibyago by'urudaca.

Ngizo impanuka za buri munsi zica abantu mu muryango, kubyara abana bakagira ibibazo byo mu mutwe biterwa na karande yo kuraguza.

Ubukene budashira, mwakora ngo mwiteze imbere bikanga, wahinga ukarumbya kandi abandi beza, wacuruza ugahomba kandi abandi bunguka, wabyara ugapfusha abandi babyiruye, wakorora amatungo ntibyemere, ibyo byose bituruka kuri karande mbi z'umuryango ukomokamo.

**UMWANZURO**
Imana ubwayo yaravuze iti "Ntabaza ndagutabara"

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Yeremiya 33:3**
Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya.
Abisilayeli bamaze kuribwa n'uburetwa bwa Farawo batabaje Imana.

**Kuva 3:7**
Uwiteka aramubwira ati" Ni ukuri mbonye kubabara k'ubwoko bwanjye buri muri Egiputa numvise gutaka batakishwa n'ababakoresha uburetwa, kuko nzi imibabaro yabo.

Yabesi na we yatakiye Imana iramwumva, Imana ikeneye ko uyitabaza kandi irakumva

**Numara kwisobanukirwa nibwo uzamenya ko ukeneye ubutabazi bwihuse**

Nonese Police yaza kugutabara utayitabaje?
Kuki Imana ishaka ko tubanza kuyitabaza?
ni uko yaduhaye ubwenge n'uburenganzira bwo kwihitiramo ikidukwiriye.

Niba wisobanukiwe ko hari karande mbi zikuriho ariko ugahitamo kuzigumana Imana izakureka kuko ubuze ubwenge, Imana iti"ubwo uretse ubwenge nanjye nzakureka…"

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Hoseya 4:6**
"Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge.

Nanjye nzakureka we kumbera umutambyi.

Ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe.

Niba utazi ko ikibazo ugifite uzakibamo iteka bivuze ngo kugirango karande mbi ikuveho ugomba kubanza kumenya ubwenge bukwereka ko uyifite kandi ukagira amahitamo yo kuyivamo, iyo uzi aho uri n'aho ushaka kujya Imana ikubera umuyobozi mu rugendo.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Abacamanza 6:16**
Uwiteka aramubwira ati" ni ukuri nzabana nawe, kandi uzanesha Abamidiyani nk'unesha umuntu umwe."

**Isi itanga amahirwe**

**Imana igatanga umugisha**

Dusoza iyi ngingo reka nkumenere ibanga ahari utari uzi, isi itanga amahirwe Imana igatanga umugisha.

Amahirwe isi itanga, uyashakira inzira yo kuyageraho ugakora ukiga ukabana n'abantu bageze kuri ayo mahirwe wifuza mbere yawe.

Ariko iyo usenze Imana igukura mu mahirwe atangwa n'isi ikagutereka mu mugisha, ibyo ukoze bikemera kuko uretse kuba ufite umugisha nawe ubwawe uba umugisha.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 12:2**
nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha.

Zirikana ko ugomba kuba Umukire ukagira Icyubahiro hanyuma y'ubu buzima ukazabona Ubugingo.

Niko bimeze ntagushidikanya iyo umenye utanga umugisha nawe uba umugisha, wamenyana na maraya nawe uba maraya, menya uwo mugendana wibaze ni by'uzamwigiraho nubona nta kigenda mureke ushake undi.

Hindukira, urebe uwo muri kumwe uyu mwanya urabona arakugezahe?
Musore, mukobwa, uwomuntu yabaye umugisha?
Cyangwa ni umuvumo?
Ahose ubona yakuyobora inzira y'ubugingo?
Ese mu by'ububuzima yaba umujyanama mwiza wawe?
Ariko ni wowe mbaza.?

**1.AMAHIRWE YO GUSOBANUKIRWA KARANDE ZAWE**

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Abaheburayo 10:22**
twegere dufite imitima y'ukuri twizera rwose tudashidikanya, imitima yacu iminjiriweho gukurwamo kwimenyaho ibibi, n'imibiri yacu yuhagijwe amazi meza.

**Abaheburayo10:24**
kandi tujye tuzirikana ubwacu kugirango duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza

**Abaheburayo10:26**
niba dukora ibyaha nkana tumaze kumenya ukuri, ntihaba hasigaye igitambo cy'ibyaha.

Imana yadushyiriyeho umwanditsi w'iki gitabo kugirango tumenye ukuri ku buzima bwacu busanzwe nubwo mu buryo bw'umwuka kandi ngo dusobanukirwe abo turibo inkomoko zacu na kavukire, hanyuma tumenye aho tujya n'abazadukomokaho tubarage ejo heza hazira Karande mbi izo ari zo zose.

Mu ngingo ibanziriza iyi twibanze cyane mu gusobanura Karande icyo ari cyo, twasanze ko karande mbi zigira imbaraga zikomeye zishingiye ku masano y'abantu ikaba uruhererekane, iyo rero zibaye karande mbi nk'iz'ubusinzi, ubujura, ubusambanyi, guterekera, kuragura, no kuroga, iz'ubugome n'inzangano, izubugumba, ubuhehesi, no guca inyuma uwo bashakanye, iz'ubukene n'inyatsi, n'izindi nyinshi nk'izo mu madini; zigira ingaruka mbi mu gisekuru cy'ubu kandi zaratangijwe n'ibisekuru byatambutse kera.

Bisaba rero twe abariho uyu munsi kuzimenya tukazisobanukirwa ni yo mahirwe yonyine dufite muri uru rugamba rwo kuzirwanya. Iyo ugize amahirwe yo kumenya indwara urwaye iyo ariyo ukamenya icyayiteye, bihita bikorohera kumenya uko uyivuza n'uburyo ugomba kuyirinda no kuyirinda abawe kugirango itazongera kubafata ukundi.

Niko bimeze no mu kurwanya karande mbi usabwa kumenya izawe kuko zitandukanye n'iz'undi, wamara kuzimenya ukamenya abo uzikomoraho, bityo nibwo ubasha gufata ingamba zo kuyirwanyaho neza ikibabaje si uko ufite karande mbi ahubwo ikibabaje nuko:

1. Utazi ko ari karande kuri wowe
2. Utazi aho uzikomora
3. Cyangwa se wazisobanukiwe ariko ntugire icyo ubikoraho.

Ijambo ry'Imana tugiye gusoma riratwereka umugabo wabaye umwami akagira amahirwe yo gusobanukirwa imiterere ya karande mbi za se ariko aho kugira icyo azihinduraho ngo we abe umwami mwiza ahubwo akarushaho kuba mubi cyane mu bwami bwe. Biteye agahinda!

**Dusome ijambo ry'Imana**

**2 Ingoma 10:2-7**
**Umurongo wa 2** Bukeye Yerobowamu mwene Nebati abyumvise kuko yari muri Egiputa aho yari yarahungiye Umwami Salomo aracikuka.

**Umurongo wa 3** Baramutumira, nuko Yerobowamu n'abisiraheri bose baraza babwira Rehobowamu bati:

**Umurongo wa 4** " So yadushyizeho uburetwa butubabaza, nuko none utworohereze iyo mihakire ya so yatubabazaga n'uburetwa bukomeye yadushyizeho, natwe tuzagukorera."

**Umurongo wa 5** Arabasubiza ati:" nimugende mumare iminsi itatu muzaze munyitabe." Nuko abantu baragenda.

**Umurongo wa 6** Maze umwami Rehobowamu agisha inama abasaza bahagararaga imbere ya se Salomo akiriho, arababaza ati "murangira nama ki nzasubiza abo bantu?"

**Umurongo wa 7** Baramusubiza bati: Nugirira neza abo bantu ukabanezeza, ukababwira amagambo meza bazakubera abagaragu iteka ryose."

Umwami Salomo akaba umuhungu wa Dawidi yamaze imyaka 40 ari ku ngoma ayoboye Abisiraheli, mu gihe cy'ubutegetsi bwe yagejeje ku gihugu iterambere mu by'ubukungu cyane biturutse ku bwenge Imana yari yaramuhaye.

Igihugu cye cyari cyuzuyemo ifeza zingana n'amabuye yaho ku bwinshi, hari zahabu nyinshi.

Bibiliya itwereka ko icyubahiro cya Salomo n'ubwiza bwe nta Mwami wigeze abigira cyangwa ngo hazaboneke undi mutegetsi ku isi.

Uzahwana na Salomo ku bukire n'icyubahiro n'ubwiza; ariko ibyo byose ntibikuraho karande mbi yari afite uretse karande yo kurongora abagore benshi, Salomo yari afite na karande mbi yo gukoresha abakozi be uburetwa, abakozi be bahoraga bababazwa.

N'ibiboko bya Salomo, nta mpuhwe yabagiriraga, ibyo byatumye abantu bamuvaho ndetse ahagurukirwa n'abahungu be barimo Yerobowamu na Rehobowamu;

Urupfu rwa Salomo rwatumye Rehobowamu agarukirwa n'Abisirayeli bose ndetse na mwene se Yerobowamu. Baramwimika aba Umwami; asimbura se Salomo ku ngoma.

Abantu rero baza kumuyoboka ariko babanza kumubwira ibyaranze ingoma ya se Salomo, bamwereka ububi n'ubugome bwa se Salomo.

Muri make bamubwira amateka y'inkomoko ye, bati "so Salomo ntiyatubaniye neza kuko yadukoreshaga uburetwa akadukubita, akatubabaza none rero turakwinginze wowe ntuzamere nka so ntuzakurikize ubugome bwa so, ntuzakurikiranwe na karande mbi za so"; ayo ni amahirwe umwana wa Salomo yari agize yo gusobanukirwa Karande mbi zo mu muryango akomokamo, yagombaga kugira icyo azikoraho we akubaka izina ryiza mu gihe se yari yubatse izina ribi mu baturage ba Isirayeli.

Andi mahirwe Rehobowamu yagize ni uko yigiriye inama nziza bwa mbere yo kujya kubaza abasaza babanaga na se Salomo. Abo basaza bari barakuranye na Salomo bari bazi neza imico ya Salomo bari bazi karande zose za Salomo abagisha rero inama y'icyo yazasubiza abantu bamusabye kuborohereza ubuhake, abo basaza Narabakunze cyane kuko bamugiriye inama nziza yo kumuvana muri karande mbi za se bati:" nugirira neza abo bantu ukabanezeza, ukababwira amagambo meza bazakubera abagaragu iteka ryose.

Ese ko Rehobowamu, yari amaze kumenya se umubyara uko yari ateye kandi ahawe amakuru n'abantu bazi se neza, ko yari amenye icyo yakora yarabyubahirije?

Rehobowamu ntiyabigenje nk'uko abasaza bamubwiye, ahubwo we yahise ajya kugisha inama urungano rwe, abasore babyirukanye.

Na bo umva inama mbi bamugiriye, ku murongo wa 10 n'uwa 11 " uku ni ko uzasubiza abo bantu bakubwiye ngo so yabashyizeho uburetwa bukomeye, ariko wowe uzaborohereze ubabwire uti: "Agahera kanjye kararuta ubunini ikiyunguyungu cya data, ndetse nubwo Data yabashyizeho uburetwa bukomeye, jyewe nzabarushirizaho, Data yabakubitishaga ibiboko ariko jyeweho nzabakubitisha sikorupiyo".
Rehobowamu iyo ni yo nama yumviye arayikurikiza we arusha se kuba mubi yanze inama z'abakuru bazi se neza, abasaza bagendanye na se igihe kirekire, abasaza bazi kureba kure dore ko bamubwiye ko nagirira abo bantu neza, bazamubera abagaragu iteka; ariko ntiyabumvira yemera inama z'abasore bo baramushuka akomeza karande za se ndetse we arushaho kuzikabya.

Twavuze ko ikibabaza atari ukugira karande mbi ahubwo kuzimenya ntugire icyo uzihinduraho ni byo bibabaje. Bigira ingaruka mbi cyane iyo umenye ko ufite ikibazo ariko ntugire ubushake bwo kugikemura cyangwa kukigobotoramo.

Ingaruka zabaye kuri Rehobowamu ni uko abaturage bamwivumbuyeho, mu gihugu haba akavuyo birangira bamuhiritse ku butegetsi arahunga.

Iyo aza kumvira inama z'abakuru aba yararambye ku ngoma, ariko kuko ntacyo yakoze mu kwica karande mbi za se Salomo mu gihugu cye byatumye atamara kabiri ku butegetsi.

Nshuti wowe tuvugana ni iki wumvise muri iri jambo?
Ese waba ujya ubaza abakuru baba abo mu mu ryango wawe cyangwa abaturanyi bawe ukamenya inkomoko yawe?

Ese waba ujya wegera abakuru bakakugira inama y'icyo wakora kugirango ugire ibyiza ugeraho?
Ese waba ujya ukurikiza inama abasaza baguha?
Ese waba ugira icyo ukora mu guhindura no gukosora amakosa yakozwe n'ababyeyi bawe?
Ese waba ubabazwa na karande mbi zo mu miryango yawe?
None se ubikoraho iki?
Tugana ku musozo ariko nkugira inama nziza yo kubyaza amahirwe ufite yo kuba umaze gusobanukirwa karande zo mu muryango wawe gira icyo uzikoraho Nonaha.

Naho wowe wisanze uri impfubyi, ushobora kuba nta we ufite wabaza amateka y'aho ukomoka, ariko ubu uzi aho abo uzabyara bazakomoka.

Kuri wowe, ese wifuza ko bazakurikiranwa n'izihe karande zigukomotseho?
Ese wifuza ko bazaba abasinzi nk'uko uri?
Ese bazaba abasamabanyi nk'uko uri we?
Ese bazaba abakene nk'uko uri?
Ese bazaba abajura ko wanga kureka ubujura?
Cyangwa wifuza ko bazaba abagabo nyabagabo bagishwa inama zubaka umuryango mugari bazi guharanira inyungu nziza kandi za benshi (ibisekuru)
Ibyo byose ni amahitamo yawe; ukwiye kwica ingeso mbi ufite ukisubiramo kugirango zitazaba karande ku muryango wawe.

Nawe uzi ko ibyo ukora ari karande mbi z'iwanyu
ugomba kugira icyo ukora ukazicikaho kuko nutabikora uzaba uri kwangiza abazagukomokaho, gusa ndakwinginze nyemerera uhindure ibibi.

**KARANDE Y'URUZERERO**
Nk'uko twakomeje kubibona karande mbi ni nyinshi tukaba tugirango turebere hamwe

**KARANDE Y'URUZERERO.**
Icyo ari cyo, uko umuntu azerera kandi yakagombye kugira gakondo, hanyuma turebere hamwe igitera uruzerero nu buryo umuntu yakwikura muri karande y'uruzerero.

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Ritubere umuyobozi kuri iyi ngingo:***
**KUBARA 27:3-8"**
Data yapfiriye mu butayu, kandi ntiyari mu iteraniro ry'abiteranirije kugomera Uwiteka bafatanije na Kora, ahubwo yapfanye ibyaha bye ubwe kandi ntiyabyaye abahungu.

Ni iki gikuza izina rya data mu muryango we?
Ni uko atabyaye umuhungu?
Uzaduhe gakondo muri bene wabo wa data.
Mose ashyira Uwiteka urubanza rwabo.
Uwiteka abwira Mose ati:" abakobwa ba Selofehadi baburanye iby'ukuri, muri bene wabo wa se uzatume baragwa gakondo ya se. kandi ubwire Abisirayeli uti: umuntu napfa adasize abahungu, muzatume umukobwa we aragwa gakondo ye."

Uru rubanza rw'abakobwa ba Selofehadi ruratwereka neza ko umuntu ashobora kuzerera cyangwa se akabura gakondo kandi afite aho akomoka, cyangwa akazerera kandi a ri mu nzu; iri jambo rirakomeye bisaba umuntu kwisobanukirwa kugirango aryumve.

***Dusome ijambo ry'Imana***
Itangiriro 47:9 Yakobo asubiza Farawo ati"Imyaka y'uruzerero rwanjye ni ijana na mirongo itatu, iyo myaka y'ubukuru bwanjye ibaye mike na mibi, ntingana n'imyaka y'ubukuru bwa ba sogokuruza, mu minsi y'uruzerero rwabo."
Kutagira gakondo ni karande mbi Imana igomba kudukiza
Uruzerero ni iki?
Uruzerero ni ubuzima umuntu abamo nta gakondo afite. Aba bakobwa nyuma y'urupfu rwa se bahise binjira mu ruzerero.

Bakurwa mu bya se babura epfo na ruguru aho baraye ntabe ari ho biririwa, ubacumbikiye none ejo akabirukana.

Baba muri ubwo buzima kugeza igihe bubarambiye bunguka igitekerezo bigaragaza ko bari bamaze kwisobanukirwa bajya kuburana uburenganzira bwabo.

Imana ijya kukurema yabanje kukuremera gakondo (isi yawe).
Burya igihe cyose udafite ubutaka bwawe mu isi umenye ko uri muri karande mbi y'uruzerero isi iba itaraba iyawe igihe cyose ushobora gupfa izina ryawe rikazima uba uri muri karande mbi y'uruzerero.

Aba bakobwa ba Selofehadi banze ko izina rya se rizima banze ko bakurwa mu muryango.

Banze kubaho badafite gakondo, bituma basaba ko itegeko nshinga ryariho icyo gihe rihinduka.

Mu mategeko ya Musa ntibyari byemewe ko umwana w'umukobwa aragwa ibya se iyo umugabo yapfaga nta muhungu asize, imitungo ye yazungurwaga n'abandi bo mu muryango we ariko ntibyari byemewe ko abakobwa babizungura.

Ikindi kandi ni uko upfuye nta muhungu asize izina rye ryahitaga rizima, nta rwibutso yabaga asize ku isi.

Iri tegeko ryari ribangamiye uburenganzira bwa muntu kuko n'umwana w'umukobwa na we ni umwana nk'abandi ukwiye guhabwa uburenganzira bumwe n'ubw'umuhungu, kuba rero batari bemerewe guhabwa gakondo ya se byababateye kuzerera, niko kujya gutanga ikirego kwa Mose kugirango itegeko rihinduke nabo babone gakondo.

Karande bivuze ibitekerezo bimeze nk'amategeko y'ihame adakuka ukayagenderamo nyamara ubizi neza ko abangamye ariko ukumva ko ntacyo wabihinduraho, nyamara amahame iyo abangamiye iterambere ryawe uba ugomba kuyahindura kugirango atazabera karande mbi abazagukomokaho.

Ababakobwa biyemeje guhagurukira kwirwanyaho karande y'uruzerero no guharanira ko izina rya se ridakurwa mu muryango kandi nta cyaha yakoze cyatuma izina rye ririmburwa.

Bibiliya itwereka ko Abisiraheli babaye mu ruzerero imyaka magana ane na mirongo itatu (430) imyaka bamaze muri Egiputa niyo bamaze bazerera mu butayu, nta gakondo bari bafite, gakondo yabo yari mu gihugu cya Kanani aho niho bageze babona gakondo bava mu ruzerero.

Imana yumvise gutaka kwabo bayinginga ngo ibakure muri ubwo buzima bituma yohereza Mose kubavana mu buretwa bwa Farao akabajyana muri gakondo yabo.

**Kuva 3:7-8**
uwiteka aramubwira ati"ni ukuri mbonye kubabara k'ubwoko bwanjye buri muri Egiputa. Numvise gutaka batakishwa na bababakoresha uburetwa kuko nzi imibabaro yabo.
Mu gihugu cyacu cy' u Rwanda dufite uko twumva uruzerero icyo ari cyo ku buryo bw'umwihariko dushingiye ku mateka yacu tuzi uburyo kubaho utari muri gakondo yawe bibabaza umutima n'umubiri kwanga kuba muri karande mbi y'uruzerero.

Nibyo byatumye abanya Rwanda bari barahejejwe hanze na Politiki y'ivangura biyemezaguhaguruka barwanira uburenganzira bwabo kugeza binjiye mu gihugu babona gakondo yabo.

Ibibazo bya jenoside yateguwe ikanashishikarizwa gushyirwa mu bikorwa igakorerwa abatutsi mu Rwanda byatumye abantu benshi bapfa abandi baba imfubyi n'abapfakazi abandi baba incike. Igihugu cyirasenyuka bitewe no kugira abayobozi babi, bariho muri icyo gihe.

Abandi bahunga igihugu, bamara igihe kinini mu ruzerero (IMPUNZI) mu bindi bihugu kandi kugeza n'uyu munsi hari abanyarwanda batarikura mu ngoyi.

Ingengabitekerezo mbi; ishobora kuguheza mu ruzerero kandi ufite gakondo (igihugu) Kubera imyumvire mibi ya bamwe ikibarimo, bituma n'abana babo bakomeza kuba imbata z'iyo myumvire, abanyarwanda tuzi neza ingaruka zo kubaho utari muri gakondo yawe.

Tugomba gukora ibishoboka byose tukarwanya imitekerereze mibi, ubuzima bubi buterwa no kutaba mu muryango, wowe unyumva iyambure imyumvire mibi yateza abantu ibibazo, yaguheza mw'ishyamba.

Gira ubwenge buboneye u Rwanda ni urw'umunyarwanda n'inshuti nziza y'u Rwanda. Muri abo wowe uherereye hehe? Ni ikibazo nakubazaga.
Ntibikwiye ko tubona abana b'inzererezi batari mu miryango yabo cyangwa se bahunga igihugu, abatwara inda zidateganyijwe, abana bo ku mihanda.

Bagomba gufashwa bakava muri karande mbi y'uruzerero, indaya zigomba kwigishwa zikava mu ruzerero zikubaka umuryango ufite gakondo.

Tugomba kwigisha abantu gukora kugirango bakore bakemure ibibazo uyu musi badafitiye ibisubizo  Nigeze kuvuga ko umuntu ashobora kuba mu ruzerero kandi ari mu nzu; aha Nashakaga kuvuga ko iyo utarabona inzu yawe bwite, ubutaka bwawe bwite menya ngo kuri iy'isi uracyari inzererezi, ntufite aho ubarizwa.

Igihe cyose aho uri wahirukanwa nta gakondo ufite abo uzabyara nta murage uzabaha, na bo bazabaho muri urwo ruzerero nibatirwanaho.

Nkwibutseko gakondo ntishakirwa mu mujyi gusa no mu cyaro aho ukomoka wahashakira gakondo, reka kuzerera.

Abakobwa ba Selofehadi birwanyeho bajya kubwira Mose Umuyobozi ko bakeneye guhabwa gakondo.

Imana ibona urubanza rwabo ko ari urw'ukuri bituma itegeko rihinduka.
Ndagirango nkubwire ko nuhagurukira kurwanya karande mbi y'uruzerero ikuriho, Imana izahindura amategeko yashyizweho udahari, izahindura ibyo wabonaga nk'amahame adakuka hanyuma iguhindurire amateka nawe ugire gakondo, ariko biragusaba kwisobanukirwa ku buryo bitera Imana guhaguruka kuba ufite ukuri kuzuye.

Umugabo uta umugore we akajya kwinjirira undi mugore uwo ni inzererezi, n'umugore uta umugabo we akajya mu bandi bagabo uwo ni inzererezi, abasore n'abakobwa babaswe n'ubusambanyi badashaka gushinga ingo zabo ngo na bo bubake gakondo yabo bari kwibeshya kuko ni inzererezi niyo mpamvu tubona abana benshi bavuka mu buryo butateganyijwe bakurikiza karande mbi z'ababyeyi babo bakajya kuba inzererezi kubera ya karande y'uruzerero bavukiyemo ikabakurikirana.

Karande y'uruzerero ni mbi cyane kuko ikurura ibindi byaha byinshi ubujura, uburaya, ubusinzi, gusarikwa n'ibiyobyabwenge, urugomo, kwigomeka ku butegetsi n'ibindi kandi bikagira ingaruka ku muntu ku giti cye no ku gihugu muri rusange iyo umuntu atisobanukiwe ngo ashake gakondo ye.

Kugwa ku gasi ni ikimenyetso cy'uko karande y'uruzerero ibaho

Cyangwa n'uwayitaye ayigarukemo bituma abaho nabi ndetse agapfa nabi ari byo byitwa kugwa ku gasozi.

N'abo asize bagasigara ari nk'impehe kuko nta gakondo basigaranye na bo bagakomereza muri bwa buzima bwa karande mbi y'uruzerero.

Umukobwa witwa Rusi yanze kuba muri karande y'uruzerero
Yemera gukurikira nyirabukwe Nawomi na we wari umaze igihe kitari gito mu ruzerero azir'iki: gushukwa n'umugabo.

Aramubwira ngo bahunge inzara yari yateye babura kwihangana baboneza iy'uruzerero, ntibyababahiriye kuko mu kimbo cy'ibiryo umva ibyabaye, yapfushije umugabo we n'abahungu be babiri; (2).

Abaye inshike yigira inama yo gusubira muri gakondo ye yari yahunze, mubyibuke nta wamwirukanye babuze kwihangana, ubwo yungutse iki?

Agiye gusubira muri gakondo ye asaba abakazana be gusigara, uwitwa Olupa ntiyareba kure yemera gusigara ari igishubaziko, ariko Rusi aravuga ati" winyingingira kugusiga.

**Rusi 1:16**
Rusi aramusubiza ati "winyinginga kugusiga, no gusubirayo ngo nekugukurikira, kuko aho uzajya ari ho nzajya, kandi aho uzarara niho nzarara, ubwoko bwawe nibwo buzaba ubwoko bwajye, **IMANA YAWE NI YO IZABA** Imana yanjye.

Ese Rusi iyo asigara yari kuba yitwa iki?
Yari kuba yitwa umukobwa?
Yari kuba yitwa umugore?
nta zina twabona yari kuba yitwa.

Ntiyari akiri umukobwa kuko byari bizwi ko yarongowe, ntiyari kwitwa umugore kuko ataba mu muryango yashatsemo, kuko umugabo we yari yarapfuye akaba yari umupfakazi ariko iyo yemera gusigara nta gaciro yari kuba agifite kuko atari muri gakondo y'umugabo we kureba kure kwe kwatumye ataba inzererezi ajya kubana na nyirabukwe muri gakondo yashatsemo (mu muryango)

Igihe gikwiriye gisohoye abona umugabo wo muri bene wabo n'umugabo we, iyo dukurikiranye amateka atwereka ko Umwami Yesu akomoka mu rubyaro rwa Rusi.

**Rusi 2:8**
Maze bowazi abwira rusi ati" urumva mukobwa wanjye?
Ntukajye ujya mu murima w'undi kandi ntuve hano, Ahubwo ujye uba bugufi bw'abaja banjye byarangiye rusi arongowe Na bowazi babyara abahungu rusi agira umugisha ukomeye, kuzererana na nyirabukwe bikurwaho kwitwa umupfakazi birarangira inzara irarangira nawomi abona abuzukuru babona gakondo.

Tuzi abakobwa benshi bari muri karande y'uruzerero kubera kudashishoza mu gufata imyanzuro y'abo biyemeje kubana nabo mubyo gushing urug, kubana gushyingirwa.

Abandi babaye inzererezi kubera kwiyandarika, yamara guterwa inda uwayimuteye akamwihakana, ababyeyi be bakamwirukana akabura iyo ava n'iyo ajya akandagara ku musozi kubera ko yitwaye nabi.

Birasaba urubyiruko kwirinda no kubera maso ubuzima bwabo no kwiha icyerekezo n'intego zihamye kuhazaza habo.

**UMWANZURO**
Nshingiye ku bubi bwa karande y'uruzerero n'ubw'izindi karande Mbi zose urumva ubu uri muntu ki?
Ese urumva inkomoko yawe ariyo?
Kwishimira ku buryo abawe bazaterwa ishema no ku babagukomokaho.
Ese urumva ntacyo wahindura ku bijyanye no gushaka gakondo yawe ukazabona icyo usigira abazagukomokaho?

**Iyo unaniwe gufata icyemezo ubura icyerekezo**

Ukwiye gufata icyemezo ku buzima bwawe n'ubw'umuryango uzagukomokaho, kandi ukiga kureba kure mu bisekuru byawe nka birindwi bizagukomokaho ukabiha icyerekezo.

Ni wowe ugomba kubitekerereza ukamenya ngo bazabaho gute abazankomokaho kugeza ku bisekuru birindwi nubitegura neza.

Mubyeyi tuganira none urumva mu myaka Magana utakiriho cyangwa se uriho uzaba urugero rwiza?

Abagukomokaho bakwiye kuzaba bakuvuga ibigwi by'ubutwari, bose baterwa ishema no kuba bagukomokaho.

Bose biyitirira izina ryawe nka se kuko wabahaye icyerekezo cy'ubuzima bwiza, kuko udashobora guhoraho ku isi.

Ibikorwa byawe bikwiye kuzahoraho bikuvuga, igihe kizagera akanwa kawe kabe katakivuga ubwo uzaba utakiri mu isi y'abahumeka.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 26:18**
Isaka asibuza amariba bafukuye, Aburahamu se akiriho, kuko Abafilisitiya bari bayasibye, Aburahamu amaze gupfa.
Ayita amazina se yayise.
Akanwa k'ibikorwa wakoreye mu isi kazahora kakuvuga, nta na rimwe ibyo wakoze bizaceceka, nibiba ari byiza bizakuvuga neza, niba ari bibi bizakuvuga nabi.
Ab'icyo gihe bazakwita intwari cyangwa ikigwari, bazagufatiraho urugero rwiza cyangwa bakugire iciro ry'umugani nguko uko karande iteye.

Umwanawawe yifuzamuriwe kuzaba nk'uko uri, Ese urabyishimiye?
Ku bwa karande ikuriho ni irihe jambo wabwira sogokuruza wawe?
Uramushima cyangwa uramugaya?
Buri gitekerezo cyose uhise ugira ukimara gusoma ibiri muri utwo tuzu usabwe guhita ugishyira mu bikorwa.

Kugirango uve muri izo karande mbi zikugarije wowe n'umuryango wawe, niko kuba intwari gukora ibyo so na sogokuru wawe batakoze, ugakora kandi ibyo umwana n'umwuzukuru wawe bari kuzakora, kugirango ubakize imvune za Karande mbi.

Uzerikane ko umuntu ari ikiremwa Imana ikunda cyane ku buryo yamugeneye gakondo ebyiri.

Umuntu afite gakondo yo mu isi agihumeka, kandi yaba yarakoze ibishimwa imbere y'Imana akaba yemerewe n'indi gakondo y'iteka yo mu ijuru.

Tumenye ko gakondo yo mw'ijuru tuyemererwa tukiri muri gakondo yo mu isi biragusaba gukirauka.

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Itangiriro 12:2**
Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha.

Mw'izina rya Yesu ngusabiye kuva mu ruzerero nawe ukagira gakondo mw'isi no mw'ijuru, Amen!

**KARANDE Y'UBUSAMBANYI**

**Dusome ijambo ry'Imana**

**Yeremiya 3:2**
uburira amaso yawe mumpinga witegereze.
Aho utagize uwo muryamana nihehe?
Wabategererezaga munzira nk'Umwarabu uri mu butayu, kandi wandurishije igihugu ubusambanyi bwawe n'ibyaha byawe.

**Yeremiya 3:9**
nuko ubusambanyi bwe bw'ubupfayongo butuma igihugu cyandura asambana n'ibiti n'amabuye.

**Ezekiyeli 16:15**
“Ariko wiringiye ubwiza bwawe maze usambana ubitewe no kogezwa kwawe, ubusambanyi bwawe ubuha abahisi bose uba uwabo.

**Ezekiyeli 16:21**
mbese ubusambanyi bwawe urabwita icyoroshye ko wishe abana banjye, ukabatanga ngo babicishirizwe mumuriro.

**Ezekiyeli 23:35**
nicyo gituma umwami Uwiteka avuga ati” “kuko wanyibagiwe ukandengaho, hoshi jyana n’ibibi byawe bikabije n’ubusambanyi bwawe”.

Karande mbi ni nyinshi nk’uko twabibonye mu ngingo zabanje. Muri zo harimo na Karande y’ubusambanyi.

Iyi ni karande mbi cyane abantu batari bazi neza ko ari yo, ariko uko uzagenda usoma ubusesenguzi bukubiye muri izi nyandiko uzatahura ko umugambi wa Satani ari ukubuza abantu gusobanukirwa ikibatera gukora ibyaha kugira ngo badatahura n’uburyo bwo kuva mu bibi;

Ni yo mpamvu bigora abantu kwigobotora ingoyi y’ubusambanyi kuko bataba bazi iyo bikomoka, tuzi neza ko iyo umenye iyo uva ari nabwo bikorohera kumenya iyo ujya.

Iyo uzi igitera indwara nibwo ubasha kumenya n’uburyo uyirinda cyangwa uburyo wivura, kandi iyo ubonye ibuye nibwo umenya aho ukubita isuka kugirango utayihonda kuri rya buye ikangirika bigatuma utabiba imbuto.

Rero ubusambanyi nikarande mbi ikomoka mu muryango ku buryo bitorohera umusambanyi utarisobanukirwa kurekana n’uwo mwuka mubi wo mu bisekuru bye w’ubusambanyi, kabone nubwo yashaka kubireka ariko imbaraga zuwo mwuka zikamuganza agahora ari imbata yubusambanyi.

Umwuka wa karande y’ubusambanyi ni mubi kuko uretse no mu bantu, Bibiliya itwereka ko uwo mwuka Wafashe n’abamalayika bari batumwe ku isi bahagera ngo babona abakobwa beza biyambura kamere y’ubumalayika bakambara kamere muntu baryamana na bo

**Ezekiyeli 16:15**
“Ariko wiringiye ubwiza bwawe maze usambana ubitewe no kogezwa kwawe, ubusambanyi bwawe ubuha abahisi bose uba uwabo.

**Ezekiyeli 16:21**
mbese ubusambanyi bwawe urabwita icyoroshye ko wishe abana banjye, ukabatanga ngo babicishirizwe mumuriro.

**Ezekiyeli 23:35**
nicyo gituma umwami Uwiteka avuga ati” “kuko wanyibagiwe ukandengaho, hoshi jyana n’ibibi byawe bikabije n’ubusambanyi bwawe”.

Karande mbi ni nyinshi nk’uko twabibonye mu ngingo zabanje. Muri zo harimo na Karande y’ubusambanyi.

Iyi ni karande mbi cyane abantu batari bazi neza ko ari yo, ariko uko uzagenda usoma ubusesenguzi bukubiye muri izi nyandiko uzatahura ko umugambi wa Satani ari ukubuza abantu gusobanukirwa ikibatera gukora ibyaha kugira ngo badatahura n’uburyo bwo kuva mu bibi;

Ni yo mpamvu bigora abantu kwigobotora ingoyi y’ubusambanyi kuko bataba bazi iyo bikomoka, tuzi neza ko iyo umenye iyo uva ari nabwo bikorohera kumenya iyo ujya.

Iyo uzi igitera indwara nibwo ubasha kumenya n’uburyo uyirinda cyangwa uburyo wivura, kandi iyo ubonye ibuye nibwo umenya aho ukubita isuka kugirango utayihonda kuri rya buye ikangirika bigatuma utabiba imbuto.

Rero ubusambanyi nikarande mbi ikomoka mu muryango ku buryo bitorohera umusambanyi utarisobanukirwa kurekana n’uwo mwuka mubi wo mu bisekuru bye w’ubusambanyi, kabone nubwo yashaka kubireka ariko imbaraga zuwo mwuka zikamuganza agahora ari imbata yubusambanyi.

Umwuka wa karande y’ubusambanyi ni mubi kuko uretse no mu bantu, Bibiliya itwereka ko uwo mwuka Wafashe n’abamalayika bari batumwe ku isi bahagera ngo babona abakobwa beza biyambura kamere y’ubumalayika bakambara kamere muntu baryamana na bo

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Itangiriro 6:2***
Abana b'Imana bareba abakobwa b'abantu ari beza, barongoramo abo batoranyije bose

***Itangiriro 6:3***
Uwiteka aravuga ati" umwuka wanjye ntazahora aruhanya n'abantu iteka ryose ku ko ari abantu b'umubiri nuko rero iminsi yabo izaba ijana na makumyabiri."

Uwiteka yicuza yuko yaremye abantu mw'isi bimutera agahinda mu mutima
Ariko nowa agirira umugisha k'Uwiteka

Ibi byaha byateye Imana uburakari bituma ifatira umuntu icyemezo gikakaye cyo kugabanya igihe cye cyo kubaho.

Tuzi ko ba sogokuruza bagiye barama imyaka irenga Magana icyenda, nka Metusela ni we waramye imyaka myinsi ku isi Magana urwenda na mirongo itandatu n'icyenda 969

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Itangiriro 5:27)***
Iminsi yose metusela yaramye ni imyaka Magana urwenda na mirongo itandatu n'icyenda arapfa.

Ariko igihano Imana yahaye umuntu ni ukurama imyaka ijana na makumyabiri kubera kwanga gukomeza kuruhanya n'abana b'abantu bitewe n'ubusambanyi bwabo.

Iminsi yo kurama Imana yarayigabanije iba imyaka 120 gusa

Muri iki kinyejana ni igitangaza kubona umuntu uramye imyaka ijana

**1.UBUBI BWA KARANDE Y'UBUSAMBANYI**

***Dusome ijambo ry'Imana***
Itangiriro 19:5-8 Bahamagara Loti baramubaza bati" abagabo binjiye iwawe muri iri joro bari he? Basohore turyamane na bo".

Loti ajya ku rugi, arasohoka, arukingira inyuma ye. Arababwira ati" bene data ndabinginze ntimukore icyaha kingana gityo.

Dore mfite abakobwa babiri batararyamana n'abagabo, ndabasohora mubagirire ibyo mushaka byose.

Gusa abo bagabo mwe kugira icyo mubatwara, kuko bageze munsi y'ipfundo ry'inzu yanjye" Impamvu dusomye mu Itangiriro ni uko ibintu byapfuye mu itangira, dukwiye gusubira mu itangiriro akaba ariho tubizurira.

Iki gitabo cya mbere cya Bibiliya cyitwa Itangiriro ni kimwe mu bitabo bitanu bya Mose, kikaba kitubwira iremwa ry'isi, kugwa kwa muntu, umwuzure, umunara w'i Babeli, Aburahamu Isaka Yakobo na Yozefu.

**Dusome ijambo ry'Imana**

Itangiriro 3:17 n'Adamu iramubwira iti "ubwo wumviye umugore wawe ukarya ku giti nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa.

Iminsi yose yo kubaho kwawe uzajya urya ibiwuvamo ubanje kubiruhira.
Reka tugaruke ku kugwa kwa muntu kwatangiriye mu ngobyi ya Edeni binyuze kuri Adamu na Eva ubwo basuzuguraga Imana bakarya ku mbuto z'igiti bari babujijwe kuryaho, icyo gihe nibwo ingaruka z'icyo gicumuro zahise zitangira bisanga bambaye ubusa, bagira ubwoba biremera ibiremo mu mababi y'ibiti kuko ubwiza bw'Imana bwababatwikiraga bwari bwabatamurutseho, hanyuma bumvise imirindi y'Imana icyaha kirabarya barahunga bajya kwihisha Imana.

Byarangiye Imana ibirukanye muri ya ngobyi ya Edeni ndetse bavumwa umuvumo wo kujya barya ari uko barushye kandi babuzwa kubaho iteka, urupfu ruba rwinjiye mu isi rutyo.

Iki cyaha n'ingaruka zacyo byahise bihinduka karande ku muntu kugeza n'iyi saha tuganira ikibazo kitoroshye dukurira mu ngaruka z'icyaha cyakorewe muri Edeni.

Uko abantu barushaho kugwira ni ko n'ibyaha birushaho kuba byinshi

Imibereho tubamo ya buri munsi itubabaza, ibyo duhura na byo bituma twifuza urupfu tubona buri munsi, ibyago n'amakuba, amahano tubona akorwa mw'isi, ibiza byica abantu buri munsi, indwara z'ibyorezo bya buri munsi, intambara, imibereho mibi n'ibindi byinshi byose ni ingaruka za karande zikomoka ku cyaha cya Adamu.

Uko rero imyaka yagiye iha indi, niko abantu bakomeje kugwira mu isi n'ibyaha bikagwira kugeza ubwo mu gihe cya Nowa Imana yarimbuje isi umwuzure, nyuma yawo abantu bongera kugwira kugeza ku gihe cya Aburahamu ubwo Imana yamuhamagaraga hari hashize imyaka Magana ane (400) umwuzure ubaye.

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Itangiriro12:4***
Aburahamu aragenda nk'uko Uwiteka yamutegetse Loti ajyana nawe.
Ubwo yavaga i Harani Aburahamu yari amaze imyaka mirongo irindwi avutse.

***Itangiriro12:10***
Inzara iratera muri icyo gihugu Aburahamu aramanuka ajya muri Egiputa asuhukirayo kuko inzara yari nyinshi muri icyo gihugu.

***Itangiriro12:11***
ari bugufi bwo gusohora muri Egiputa, abwira Salayi umugore we ati
"Dore nziyuko uri umugore w'igikundiro"

***Itangiriro12:12***
nuko abanyegiputa nibakubona bazavuga bati "Uyu ni umugore we",
maze banyice nawe bagukize.

***Itangiriro12:13***
ndakwinginze uzajye ubabwira uti "ndi mushiki we kugirango ngirirwe neza
ku bwawe ukirishe ubugingo bwanjye".

Hatwereka ko Aburahamu yavuye mu gihugu cya se agakurikirwa n'umwishywa we Loti.

Mu gice cya 13 umurongo wa 10 n'uwa 11 hatwereka ko nyuma y'amakimbirane y'abashumba ba Abulahamu n'aba Loti, Aburahamu yafashe umwanzuro wo gutandukana na Loti mu rwego rwo guhosha amakimbirane, ariko Loti ahabwa uburenganzira bwo guhitamo icyerekezo cye; amaze kwitegereza neza aho yakwerekeza ahitamo kujya mu gice cy' i Burasirazuba aho yabonaga ubwatsi butoshe cyane.

**Dusome ijambo ry'Imana**

Itangiriro 13:10 Loti arambura amaso, abona ikibaya cyo ku ruzi Yorodani cyose, yuko kinese hose hose. Uwiteka atararimbura i Sodomu n'i Gomora, icyo kibaya kugeza i Sowari cyari kimeze nka ya ngobyi y'Uwiteka, nk'igihugu cya Egiputa.

Icyo kibaya cyari kinese hose hose kimeze nka ya ngobyi ya Edeni ubwo hari mbere yirimburwa rya Sodomu na Gomora; Loti ajya gutura muri icyo kibaya, aza kugenda yimura ihema rye agera mu mujyi wa Sodomu.

***Itangiriro 13:13***
"kandi Abasodomu bari babi, bari abanyabyaha bacumura ku Uwiteka cyane."
Aba baturage bo mu mijyi ya i Sodomu n'i Gomora bari bafite ubusambanyi bw'indengakamere kugeza ubwo ubusambanyi hagati y'abagabo baburambiwe bahinduka abatinganyi, umugabo kuryamana n'undi mugabo, umugore kuryamana n'undi mugore aba ari byo bimika mu mibiri yabo, uru rwego rw'ubutinganyi bari bagezeho buraduhamiriza ko bari barakoze ubusambanyi igihe kinini ku buryo abagabo batari bakiryoherwa no kuryamana n'abagore n'abagore ntibari bakiryoherwa no kuryamana n'abagabo, mu mitwe yabo no mu bitekerezo byabo bari barangiritse ku buryo nta garuriro ryari rihari ryo kwitangira gukora ikibi icyo ari cyo cyose.

**Ni akaga gakomeye kuba imbata y'ikibi / y'icyaha ntubimenye**

Ibyaha bakoraga by'ubusambanyi ntibyakorwaga n'abakuru gusa, umuntu wese wo muri iyo mijyi yaba umukuru yaba umwana bari abasambanyi, ibi biduhamiriza neza ko ari ko byari bimeze.

Uwiteka Imana yaganiraga na Aburahamu asabira i Sodomu ko habonetsemo abakiranutsi mirongo itanu 50 Imana yahababarira ntiharimburwe, habuzemo nibura abakiranutsi icumi 10.

***Itangiriro 18:32***
"Aramubwira ati" Umwami ye kurakara, reka mvuge rimwe gusa.
Ahari hazabonekamo icumi.
Aramusubiza ati: sinzawurimbura ku bw'abo cumi."
Iyo abo bantu icumi baza kuba barimo Imana ntiyari kubeshya Aburahamu maze ngo iharimbure, barabuze.

Byumvikane rero ko umujyi utari utuwe n'abakuru gusa, harimo abana, abasore n'inkumi, abagabo n'abagore, abasaza n'abakecuru, abakire n'abakene, abayobozi n'abayoborwa, abanyamadini n'abanyepolitiki, aborozi n'abahinzi, abacuruzi n'abacuranzi, abakozi bo mu ngo na bashebuja na ba nyirabuja, abo bose bari babi, bari abanyabyaha gusa, bari abasambanyi, bari abatinganyi, bari abicanyi, bari abanyarugomo, nta n'umwe utari warabaswe n'ubusambanyi n'ubutinganyi.

Mu gice cya 19 cy'Itangiriro twasomye amarorerwa yabereye mu rugo rwa Loti, ubwo abamalayika bazaga gusuzuma ibibera muri iyo mijyi, abagabo b'i Sodomu n' i Gomora bateye kwa Loti muri iryo joro kuko abamalayika ariho bari binjiye, bakangara Loti ngo abasohore baryamane na bo; ibi biratwereka ko nta mushyitsi winjiraga muri iyo mijyi ngo batahe amahoro.

Loti arabinginga ngo abahe abakobwa be babiri bakiri isugi babagenze uko bashaka, ariko abo bagabo kuko batari bakiri ku rwego rwo gusambana n'abagore barabyanga, bo bashakaga kuryamana n'abagabo, ntibari bazi ko ari abamalayika.

Ibaze na we gukora ibyaha ukabimenyera kugera ku rwego utarobanura abo muryamana, nibwo tujya twumva abagore baryamana n'abana babo bwite, tukumva gishiki na gisaza ngo babyaranye, tukumva ngo umugabo yaryamanye n'umukobwa we cyangwa umukazana we.

Ayo mahano yose akorwa burya ni uko ubusambanyi buba bwarabaye, karande mbi muri bo kugeza ku rwego batabasha kugira igaruriro.

Nibwo wumva ngo umuntu yasambanyije itungo, ukumva ngo umuntu yasambanyije umwana muto ku ngufu.

Kuba umuntu atinyuka agakorera ubusambanyi mu ruhame nta handi bituruka ni muri karande mbi, aba yararenze urugero rwo kwitekerezaho nk'umuntu ugomba kwihesha agaciro, Abakina firimi z'urukozasoni bakifata amashusho bakayashyira ku mugaragaro bo bakabyita kwamamara ariko burya ni umwuka mubi wa karande uba ubibakoresha.

Ikindi kandi aho uyu mwuka ubera mubi cyane ni uko ufata abantu bita ko bajijutse mu bigaragara bitewe n'amashuri bize, ubutunzi bafite cyangwa icyubahiro bafite mu muryango mugari w'abatuye isi, akaba ari bo bagaragarwaho n'izo karande kuruta abandi bose tubona biyita ibyamamare (abasitari) ari bo biyambika ubusa bakifotoza bagakwirakwiza ubwambure bwabo ku mbuga nkoranyambaga, bakabyita ubucuruzi ntibasobanukirwe ko ari karande mbi zikorera mu mibiri yabo.

Hari igihe umuntu yibwira ko afite ubwenge nyamara ari ingirwabwenge.
Kuko ubwenge nubwo kubaha Imana n'ubwemera kugirwa inama umunyabwenge ni uharanira kuba inyangamugayo yihesha agaciro aho gukora ibimutesha agaciro.

***Yobu 28:28***
maze ibwira umuntu iti:
"Dore kubaha Uwiteka nibwo bwenge kandi kuva mu byaha ni ko kujijuka"
Mu ngingo zikurikira tugiye gukomeza gucukumbura ubusambanyi bukorwa mu byiciro by'abantu batandukanye n'inkomoko yabwo n'ingaruka bufite ku muryango wejo hazaza ariyo mpamvu dukwiye kuburwanya twivuye inyuma kuko uretse no kuba ari icyaha cyangiza ubugingo, cyangiza umubiri kuva k'ugikoze kuzageza ku buvivi n'ubuvivure bwe.

**URUHEREREKANE RW'INGARUKA MBI KARANDE Y'UBUSAMBANYI IGIRA MU MURYANGO**

**ICYAHA CYA DAWIDI:**

**Dusome ijambo ry'Imana:**

***2 Samweli 12:5***
Maze Dawidi ahera ko arakarira uwo mugabo cyane, ni ko kubwira Natani ati: Ndahiye Uwiteka Uhoraho, umuntu wakoze bene ibyo akwiriye gupfa.

***2 Samweli 12:6***
kandi azarihe umwana w'intama kane, kuko yakoze ibimeze bityo kandi kuko atagira impuhwe"

***2 Samweli 12:10***
nuko rero inkota ntabwo izava mu rugo rwawe iteka ryose, kuko wansuzuguye ugacyura umugore wa Uliya w'umuheti, ukamugira uwawe

***2 Samweli 12:11***
nuko Uwiteka avuze atya ati: umva nzaguha, g'urukiriza ibyago bivuye mu rugo rwawe, kandi nzatwara abagore bawe ureba mbahe umuturanyi wawe aryamanire na bo ku itangaze ry'izuba.

***2 Samweli 12:12***
wowe wabikoreye mu rwihisho, arikonjye nzabikorera imbere y'Abisiraheli bose ku mugaragaro izuba riva.

***2 Samweli 12:13***
Nuko Dawidi abwira Natani ati" nacumuye ku Uwiteka.
Natani abwira Dawidi ati: nuko rero Uwiteka yagukuyeho icyaha cyawe, nturi bupfe

***2 Samweli 12:14***
Ariko kuko wahaye abanzi b'Uwiteka urwitwazo rwo rwo kumutuka ku bw'icyo wakoze icyo, umwana uzavuka ntazabura gupfa."

Mbere y'uko tuvuga ku ngaruka ubusambanyi bwa Dawidi bwagize ku muryango we, turebere hamwe inkomoko yo gusambana kwe.

Dawidi ni mwene YESAYI, mwene OBED, mwene BOWAZI kuri RUSI,
mwene SALUMONI, mwene NAHASHONI, mwene AMINADABU, mwene RAMU, mwene HESIRONI, mwene PERESI wabyawe na YUDA mu busambanyi yakoreye umukazana we witwa TAMARI.

***Itangiriro 38:15***
Yuda amubonye agira ngo ni maraya, kuko yari yitwikiriye mu maso.

***Itangiriro 38:16***
Atambikira aho yari ari iruhande rw'inzira, aramubwira ati"ndakwinginze turyamane." Kuko yari atazi ko ri umukazana we. Aramubaza ati "nituryamana urampa gisasuro ki?"

***Itangiriro 38:17***
Aramusubiza ati "umwana w'ihene wo mu mukumbi." Aramubaza ati" urampa ingwate kugeza aho uzawohereza?"

***Itangiriro 38:18***
Na we aramubaza ati"ndaguha ngwate ki?" Aramusubiza ati"mpa impeta yawe iriho ikimenyetso, n'umugozi wayo n'inkoni witwaje."
Arabimuha, bararyamana amutwika inda.

***Itangiriro 38:19***
Arahaguruka aragenda, yiyambura umwenda wo mu mutwe,
yambara imyenda ye y'ubupfakazi.

***Itangiriro 38:20***
Yuda yohereza wa mwana w'ihene, awuhaye wa Munyadalamu incutiye,
ngo uwo mugore amusubize za ngwate, aramubura.

Aha bihise byisobanura ko ubusambanyi bwa YUDA bwakomeje kuba akarande mu muryango we kugera kuri DAWIDI.

Karande iramufata abonye umugore w'undi mugabo amugirira irari kugeza amusambanyije, iyo Karande ikomeza kumuyobora akora n'ikindi cyaha cyo kwiyoberanya no gushukana aho yashutse ULIYA akamukura ku Rugamba akamusaba kujya kuryamana n'umugore we kugirango asibanganye ibimenyetso kuko yari yamaze kumutera inda.

Dawidi abonye uwo mugambi atawugezeho yiyemeza noneho kwica ULIYA, amaze kumwica acyura uwo mugore aba akoze ubushoreke nabwo bwabyaye indi karande mbi.

Ubusambanyi DAWIDI yakoze bwabaye karande mbi kugeza aho umwana yabyaranye na ABIGAYELI muka Nabari witwa SALOMO nawe yafashe karande mbi ya se kugezaho SALOMO yazanye abagore igihumbi n'umwe (1001).

Iyi karande y'ubusambanyi kuri Dawidi n'uyu munsi irahari mu buzima bwa buri munsi bw'abatuye uyu mubumbe.

Twabonye ko Dawidi atasambanye ngo arekere aho, ahubwo yahise akora ubushoreke.

Uyu munsi ubushoreke buragwiriye, kandi buri guteza ibibazo byinshi birimo: ubwicanyi, ubugambanyi, indwara zidakira, amakimbirane mu ngo, ubukene mu miryango, kudindiza iterambere ry'igihugu.

Abana bavuka bakabura kirera bagahinduka inzererezi, ubujura, gusarikwa n'ibiyobyabwenge nizindi nyinshi.

Ubusambanyi bugira ingaruka mbi nyinshi

**Dusome ijambo ry'Imana**

***2 Samweli 11:1***
Nuko umwaka utashye mu gihe Abami batabariraga, Dawidi atuma Yowabu n'abagaragu be bose, barimbura abamoni kandi bagota n'i Raba.

Ariko Dawidi we yisigariye i Yerusalemu

***2 Samweli 11:2***
bukeye nimugoroba Dawidi yibambuye ku gisasiro cye, aza agendagenda hejuru y'inzu y'umwami.

Maze ahagaze hejuru aho abona umugore wiyuhagira yari umugore mwiza w'ikibengukiro.

***2 Samweli 11:3***
Dawidi amubonye atuma kubaririza uwo mugore uwo ari we.
Maze umuntu aramubwira ati”si batisheba mwene Eliyamu umugore wa uriya w’Umuheti?”

***2 Samweli 11:4***
Nuko Dawidiyohereza intumwa ziramuzana aza iwe, bararyamana
(kuko yari yitunganyije akize imyanda), maze asubira iwe.

***2 Samweli 11:5***
Bukeye arasama, atuma kuri Dawidi ati” ndatwite”.

***2 Samweli 11:6***
Hanyuma Dawidi atuma kuri yowabu ati” Nyoherereza uriya w’umuheti.
“nuko yowabu yohereza uriya kuri Dawidi.

***2 Samweli 11:7***
Uriya ageze kwa Dawidi, Dawidi amubaza uko yowabu n’ingabo bameze,
amubaza n’amakuru yo mu ntambara.

***2 Samweli 11:8***
Maze Dawidi aramubwira ati” Manuka ujye iwawe woge ibirenge.”
nuko uriya ava ibwami, maze bamukurikiza igaburo rivuye ku mwami.

***2 Samweli 11:9***
ariko Uriya yiraranira n’abagaragu ba shebuja bose barariraye ku muryango wa kambere
y’ibwami, ntiyamanuka ngo ajye iwe.

***2 Samweli 11:10***
Babwiye Dawidi ko Uriya atagiye iwe, Dawidi ni ko kubaza Uriya ati”
mbese ntuvuye kurugendo? Ni iki cyakubujije kujya iwawe?”

***2 Samweli 11:11***
Uriya asubiza Dawidi ati” Isanduku y’Imana n’Aisiliyeli n’Abayuda barara mu ngando,
kandi databuja Yowabu n’abagaragu ba databuja bagerereje ku gasozi,
naho jye nigire iwanjye, njye kurya no kunywa, niryamanire n’umugore wanjye?
Oya ndahiye ubugingo bwawe uko uko uramye, sinakora bene ibyo.”

***2 Samweli 11: 12***
Dawidi abwira Uriya ati” sibira hano uyu munsi, ejo nzabone kugusezerera.”
Nuko Uriya asibira I Yerusalemu uwo munsi na bukeye.

***2 Samweli 11:13***
Dawidi aramuhamagara, ararya aranywa amuri imbere,
aramusindisha, maze nijoro arasohoka ajya kwiryamira ku buriri bwe hamwe
n’abagaragu ba shebuja, ntiyarusha atarabukira iwe.

***2 Samweli 11:14***
Bukeye bwaho mu Gitondo Dawidi yandikira Yowabu urwandiko, ararumwoherereza aruhaye Uriya.

***2 Samweli 11:15***
Yandika muri urwo rwadiko atya ati" Mushyire Uriya imbere aho urugamba rukomeye cyane, maze mumuhane, bamutere apfe."

***2 Samweli 11:16***
Nuko Yowabu amaze kwitegereza umudugudu, ashyira Uriiya aho yari azi ko intwari ziri.

***2 Samweli 11:17***
Maze bene umudugudu barasohoka barwana na Yowabu.
Nuko mu bagaragu ba Dawidi hapfamo bamwe, kandi na Uriya w'Umuheti na we arapfa.

***2 Samweli 11:18***
Yowabu yohereza intumwa kubwira Dawidi amacumu.

***2 Samweli 11:19***
yihanangiriza iyo ntumwa ati" Numara kubarira umwami amacumu.

***2 Samweli 11: 20***
Umwami akarakara akakubaza ati" Ni iki cyatumye mugomba kwegera umudugudu mutyo murwana? Mbese ntimwari muzi ko babasha kubarasa bahagaze kun kike?"

***2 Samweli 11:21***
Akongera kukubwira ati" harya ninde wishe Abimeleki mwene Yerubasheti?
Si umugore wamuteye ingasire yihagarariye ku nkike, akamutsinda i Tebesa?
Ni iki cyatumye mwegera inkike mutyo?" Nuko uzamusubize uti" Erega n'Umugaragu wawe Uriya w'Umuheti na we yarapfuye."

***2 Samweli 11:22***
Nuko intumwa iragenda, igeze kuri Dawidi imusobanurira ibyo Yowabu yamutumye byose.

***2 samweli 11:23***
Ibwira Dawidi iti" Abantu baho baradutwaje, baduhubukanye aho twari turi ku gasozi, dusakirana na bo turinda tugera mu muharuro w'irembo ryabo.

***2 Samweli 11:24***
Nuko abarashi bari bahagaze kun kike barasa abagaragu bawe, none abagaragu b'Umwami bamwe barapfuye, kandi n'umugaragu wawe Uriya w'Umuheti na we yarapfuye."

***2 Samweli 11:25***
Maze Dawidi abwira iyo ntumwa ati" Uzabwire Yowabu utya uti" Ibyo ntibikubabaze, kuko inkota yica umuntu irindiriye undi. Urusheho gukomeza urugamba, urwane n'umudugudu uwutsinde.' Kandi nawe umurindishe."

***2 Samweli 11:26***
Bukeye muka Uriya yumvise ko umugabo we yapfuye, aramwirabura.

***2 Samweli 11: 27***
Nuko hanyuma yo kumwerera, Dawidi aramutumira amushyira iwe, amugira umugore we.

Bukeye babyarana umwana w'umuhungu, ariko icyo Dawidi yakoze icyo cyarakaje uwiteka.

Kwica umugabo w'uwo mugore kugirango amwigarurire wenyine; muri iki gihe hari abantu babana mu busambanyi rwihishwa kandi bafite ingo zabo, kugirango noneho bazabashe kubana nta nkomyi umwe akica uwo bashakanye kugirango abone uko abana n'inshoreke ye.

Ubusambanyi butuma umutungo w'umuryango ukoreshwa nabi (kwaya umutungo), bigakurura karande mbi y'ubukene mu muryango.

Ubusambanyi bukurura ubugambanyi (umuntu ntagire impuhwe)
Ubusambanyi butera amakimbirane mu muryango kandi ayo makimbirane akaba akarande mu muryango.

Niho uzasanga abana bamaharakubiri muri uwo muryanga bangana urunuka, kugeza ku rwego bahigana ngo bicane.

Karande y'ubusambanyi ihagurutsa ibyago mu muryango, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, kubyara upfusha, kutabyara, gutwita zivamo, n'ibindi.

Karande yubusambanyi bwa DAWIDI yakurikiranye n'umuhungu we SALOMO.

Uyu Salomo yakoze ubusambanyi kugeza ubwo arongora abagore 700 n'inshoreke 300 yiyongezaho n'umukobwa wa FARAO.

Bibiliya itubwira ko SALOMO yarongoye abagore 1001 mu gihe se DAWIDI we yarongoye abagore batanu gusa aribo:

1.MIKALI mwene SAWULI (1 Samuel 18:27)
2.BATISHEBA wari muka ULIA (2 Samuel 11:27)
3.AHINOWAMU w'umunya Yezereli (1 Samuel 25:43)
4.ABIGAEL wari umugore wa NABALI (1 Samuel 25:42)
5.ABISAGI (1 Abami 1:3)

**UMWANZURO KURI IYI NGINGO:**

Ni gute umuntu umaze kwisobanukirwa ko ari muri karande mbi y'ubusambanyi yayivamo?

1.Igisubizo cya mbere kiri mu bitekerezo byawe, hindura imitekerereze yawe nawe ubwawe urahinduka irinde umuntu wese uziho iyo ngezo.

2.Tangira ushyire mu bikorwa imyanzuro wifatiye, kandi ntucike intege.

3.Niba ukomeje kubigerageza bikakunanira, gisha inama ku muntu wizeyeho inama nzima, ariko burya nta nama iruta Ijambory'Imana.

Ni byiza ko ufata umwanya uhagije wo gusoma no gukurikirana ijambo ry'Imana kuko ari ryo ryonyine rifite Imbaraga zo kukubatura ku ngoyi za karande mbi zose zikuriho.

**INSHINGANO Y'UMURYANGO MU GUKUMIRA KARANDE Y'UBUSAMBANYI**

Nk'uko mu ngingo dusoje twarebaga ku mateka ya karande y'ubusambanyi aho turebeye hamwe ingaruka igira mu muryango.

Ubu noneho turarebera hamwe inshingano z'umuryango mu gukumira karande y'ubusambanyi

**Dusome ijambo ry'Imana**

***2 Abami 9: 22***
"Nuko Yehoramu abonye Yehu aramubaza ati "ni amahoro Yehu?" Aramusubiza ati "Mahoro ki n'ubusambanyi n'uburozi bwa nyoko Yezebeli butagira akagero bukiri aho?

***Ibibazo twakwibazaho:***
• Yezebeli ni muntu ki?
• Ese ni nde wananiwe gukumira ubusambanyi mu muryango we?
• Ni gute twakumira ubusambanyi mu miryango yacu?

Yezebeli yari umukobwa w'umwami witwaga Etibaali wo mu gihugu cya Sidoni, iki gihugu kikaba kitari kizi Imana Rurema y'Abisiraheli, kikaba cyarasengaga ikigirwamana kitwa Baali ari nacyo dusanga mu izina ry'uwo mwami.

Etibaali, bivuze ko na Yezebeli yagenderaga ndetse cyane mu migenzo n'imihango yose yo kuramya icyo kigirwamana, muri iki gihugu kandi habaga imana kazi yitwa Ashitoreti.

Ibi bigirwamana byombi byasengwaga mu buryo buteye ubwoba kuko kugirango ababiramya babishimishe bakoreraga ubusambanyi bw'uburyo bwose mu ngoro zabyo.

Uyu mukobwa rero Yezebeli nawe yasengaga ibi bigirwamana bya se kandi birumvikana ko yabishimishaga akorera ubusambanyi mu ngoro zabyo, wari umuco wabo kandi yari yo migenzo bakoraga mu kuramya ibi bigirwamana byabo.

Ijambo ry'Imana ritubwira ko Yezebeli yabengutswe n'umwami wa Isiraheli witwa AHABU.

Uyu mwami yayoboraga ubwoko butura ukwabwo, bufite Imana yabwo, ubwoko bufite amateka atandukanye n'ay'abandi bantu bose kuko ubuzima bwabo bwari bushingiye ku mategeko y'Imana yo mw'Ijuru.

AHABU amaze kwima ingoma agomera Imana atangira kubenguka abagore bo mu yandi mahanga bafite imico itandukanye niy'ubwoko bw'Imana, barimo n'uyu YEZEBELI. (1Abami 16:31)

Intege nke z'umugabo mu kuzuza inshingano ze, ni urugi rukinguye ku bibazo byo mu rugo

Dore rero uko Umwami Ahabu yananiwe gukumira ubusambanyi bwari bwinjiye mu muryango we no mu gihugu yari ayoboye.

Ahabu yabengutse Yezebeli abizi neza ko akomoka mu gihugu cyitubaha Imana kandi abizi neza ko bahawe amategeko n'Imana harimo n'iribabuza kugira izindi mana bakorera habe no kuzi pfukamira.

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Kuva 20:3***
"Ntukagire izindi mana mu maso yanjye".

***Kuva 20:23***
Ntimukareme izindi mana ngo muzibangikanye nanjye, Imana z'ifeza cyangwa Imana z'izahabu ntimukazicurire.

Imana yari yarababujije kurema izindi mana, Ahabu yari ko uyu mukobwa agiye kurongora atazi Imana yo mw'ijuru, yemera kubana na we, ibyo ntacyo bitwaye cyane kuko umutima w'umuntu ubasha guhinduka iyo wigishijwe.

Dore icyo Ahabu yakoze ni uburangare yagize akananirwa inshingano ze zo kubumbatira ubumwe bwa Israel n'Imana yabo yemeye ko mu bishyingiranwa Yezebeli atahana ibigirwamana Baali na Ashitoreti bikinjizwa ku butaka bwa Israel, Ahabu akabyemera ndetse abyubakira ingoro bizajya bisengerwamo, bivuze ko Ahabu yemeye ko mu rugo rwe no mu gihugu abereye umwami, hazajya hakorwa imihango n'imigenzo yose yo kuramya ibyo bigirwamana nk'uko umwamikazi azajya abishaka.

Uko ni ko Yezebeli yinjije ubusambanyi bukabije mu gihugu cya Israel kuko yatangiye gutoza urubyiruko ubusambanyi no kuramya ibyo bigirwamana bakigisha urubyiruko rw'abakobwa ndetse n'abagore kwambara ubusa kugirango abagabo bagire ubushake bwo gukora iyo mihango y'ubusambanyi kuko baribaramaze kuzinukwa abagore kugirago abagabo babararikire byabasabaga kwambara ubusa kugirango banezeze ibyo bigirwamana byabo.

Aha niho kwambara imyenda dukunze kwita mini byaturutse kugeza iyi saha byabaye akarande ku bantu bamwe na bamwe tubona muri iy'isi.

## NI GUTE TWAKUMIRA UBUSAMBANYI MU MIRYANGO YACU?

***Dusome ijambo ry'imana***

***Ibyahishuwe 2:20***
nyamara mfite icyo nkugaya, kuko ukundira urya mugore Ezebeli wiyita umuhanuzi kazi akigisha imbata zanjye akaziyobya kugirango zisambane kandi zirye intonorano.

Umubyeyi uwo ariwe wese agomba kumva ko afite ishingano zo kwita ku bana abyaye akabaha uburere bukwiye.

Igihe cyose umubyeyi afite karande mbi y'ubusambanyi ni ngombwa ko n'abana be habonekamo abafatwa n'iyo karande mbi akaba rero agomba kuyikumira hakiri kare.

Hari umuntu muganira akakubwira ko we yashatse urugo avuye kubamaraya (ubusambanyi), bene uyu mubyeyi iyo abyaye abana atarabanje gusobanukirwa ko ubwo buraya yakoze bushobora guhinduka karande, bituma n'abana abyaye bagira izo ngaruka kandi iyo agarutse inyuma akibuka amateka ye mabi bimutera ipfunwe akicecekera, ariko ntibikwiye guceceka kuko yashoboye kuva muri iki kibazo yari afite cy'ubusambanyi yagakwiye kumenya uburyo bwose umwana we yitwara kugirango atazahura n'izo ngaruka.

Akamutoza kubaha, akamwigisha gutinya icyaha, akamwigisha kwihesha agaciro, akamwigisha indangagaciro z'abanyarwanda, akamwereka umuco nyawanda no kumushishikariza imyambarire myiza iboneye umwali, dore ko kera abakuru baciye umugani ngo (igiti kigororwa kikiri gito) uretse kwirengagiza burya yari azi icyo avuze.

Igiti kigororwa kikiri gito
Indangagaciro
Emera impanuro uhawe

Umubyeyi asabwa gutoza abana be gusobanukirwa n'ubuzima bwabo bw'imyororokere kugirango bamenye uko bitwara igihe cyose hari impinduka zibaye mu mibiri yabo.

Nk'uko umuryango ugizwe n'ababyeyi ndetse n'abana, abana nabo hari inshingano bafite ndetse ikomeye cyane kugirango birwanyeho karande mbi bashobora guterwa n'ababyeyi babo, izo nshingano nta zindi n'izo gukurikirana bakamenya amateka y'ababyeyi babo.

Umwana agomba kumenya imyitwarire abagize umuryango we bagize atarabaho, uhereye ku babyeyi be ndetse n'abasekuruza be.

Ibi bituma asobanukirwa neza aho akomora imyitwarire imwe n'imwe agenda agaragaza bityo bikamworohera kuyifataho icyemezo.

Urugero: niba njye maze gusobanukirwa ko sogokuru cyangwa data yari yarabaswe n'ubusambanyi bigatuma arongora abagore benshi, njye nshobora gufata icyemezo ko ntazabakurikiza, ndetse nkiha intego yo kuzarera abana nzabyara mbarinda kugendera mu myumvire nk'iyo sogokuru cyangwa data bari bafite, uko niko nzaba ndi guca karande mbi y'ubusambanyi mu muryango wanjye.

Umwana w'umukobwa akwiye gusobanukirwa imyitwarire nyina yagiraga akiri mu myaka y'ubukumi, hagamijwe ko niba yari myiza akwiye kuyigana, ariko niba yari mibi akirinda ko iyo karande mbi ya nyina yo kwitwara nabi yazamuzaho, bityo agatangira gutekereza icyo yakora cyiza cyatuma karande ya nyina itamufata.

Aha rero ababyeyi nimunyumve neza birakwiye kujya bicarana n'abana babo bakabaganiriza ku mateka y'ibyababayeho kugirango abana bakure bazi ingaruka mbi z'ibibi ababyeyi babo baba barakoze bakiri bato bitume bamenya uko bo bazagendera kure y'izo ngaruka.

Mubyeyi wigira isoni kuko uri gushaka umuti wo kwikizanya n'abawe bose baganirize utabahishe babwire ingaruka z'ibibi wakoze n'ingaruka zabyo nibwo uzaba wubaka ku rutare umuryango wawe.

Bacumugani ngo uwabyaye nabi aramutswa n'abakwe.

Bisobanuye iki? Iyo wanze guha umwana wawe uburere bukwiye igihe kiragera agakura agashaka umugabo kubera uwo mwana wawe ntaburere na kirazira mwamutoje, iyo ageze murwe rugo agashyingirwana n'umusore ariwe mukwe wawe uburere wamutoje buragaragara byanze bikunze, wibuke ko n'ubwo wabyaye urerera abandi kandi ukwiye kurera nk'utegereje igihembo cy'ibyiza wakoze" Nibwo muzahura akakubwira ngo muraho mabukwe, umukobwa wanyu yanze konsa umwana twabyaye!
Ngo ntashakako amabereye agwa, ngo amere nk'ayawe mama? Nta zina ry'icyubahiro ngira mu bandi bagabo sinzi ibiryo byatetswe n'uwo nashatse, isuku kuri we ni ikizira, yikundira utubyiniro, burushete n'inkoko yokeje n'ikirayi n'ibyigiciro byose, akunda kubara inkuru y'umuhisi n'umugenzi, firimi na terekomande n'amaseri niko kazi yahisemo.

Cyangwa se uzumva ngo umugore yirirwa akubitwa, umuhungu wanyu ntazi guhahira urugo, guca inyuma y'umugore we yumva nta cyobitwaye, kudataha mu rugo yumva nta kibazo, ibiyobyabwenge nicyo cyayi yahisemo, akazi ntagakozwa kuko ntako amaraho kabiri, y'ikundira kuzenguruka umujyi no kumenya inzoga nshya yadutse atari buyigurire.

Nta mwanya afite wo kuganira n'uwo bashakanye ubuzima bwe ni amayobera ku bamureba?

Umubyeyi wese wareze abana muri ubwo buryo iyo bakuze atarabicaje ngo abahe impanuro nk'umuco ndanga byanze bikunze uzaramutswa n'abakwe, n'abakazana, bakubwira ibitagenda neza mu'rugo rwabo, kandi mbabwire iminsi yo kubaho kwanyu mwese izababababaza itarobanuye kuko mwese muri umuryango.

Babyeyi nimutange umusanzu wanyu hakiri kare mutarabona abakwe (n'ababafite) n'abakazana bazaze ari ibyishimo.

Muryango umwana ntibirangirira kumwishyurira ishuri gusa no kumugaburira uburere n'amateka n'umuco n'ubumenyi n'icyo kiraro muntu.

**UMWANZURO KURI IYI NGINGO**

Tugarutse ku murongo twasomye, umugabo Yehu amaze kuba umwami yafashe inshingano zo gukuraho ikizira cyose.

Umwamikazi Yezebeli yari yarazanye mu bwoko bw'Imana, uretse no kuba yari yarinjije ubusambanyi muri Israel yari yarinjijemo n'igikorwa kibi cy'uburozi, bituma Yehu yica Yezebeli n'abamukomokaho bose bagenderaga muri iyo mihango y'ubusambanyi, asenya ingoro z'ibigirwamana byose akubita hasi, yumvaga amahoro ashobora kugaruka muri Isiraheli ari uko ubusambanyi bwa Yezebeli butakivugwa mu gihugu cye.

Niba umaze gusobanukirwa ko ubusambanyi ukora buturuka mu muryango wawe, ukaba ubona ko uri mu ngaruka z'ubusambanyi bwakozwe kera n'abo ukomokaho.

**Mwice ingeso z'iby'isi**

Uyu munsi ukwiye gufata icyemezo cyo guhinduka burundu uva muri iyo karande y'ubusambanyi ukomora mu gisekuru cyawe.

**Gute rero?**
Tubibutse ko karande ibyarwa n'ingeso, umuntu yadukana ikintu ejo kikaba ingeso, ya ngeso ikazamenyerwa nk'ikintu gisanzwe kikazahinduka karande, kugirango rero ushobore guhinduka ni uko ubanza ugakuraho ikibyara karande aricyo ngeso mbi yakokamye.

**Dusome ijambo ry'Imana**

*Abakolosayi 3:5-6*
"Nuko noneho mwice ingeso zanyu z'iby'isi: gusambana no gukora ibiteye isoni, no kurigira no kurarikira, n'imyifurize mibi yose ariyo gusenga ibigirwamana, ibyo ni byo bizanira umujinya w'Imana abatumvira.

**2. KARANDE YO GUCANA INYUMA KW'ABASHAKANYE**

Mu ngingo dusoje y'INSHINGANO Y'UMURYANGO MU GUKUMIRA KARANDE Y'UBUSAMBANYI" twabonyemo ingingo z'ingenzi zo kuzirikana:

1.Umwami AHABU yananiwe inshingano ze nk'umwami zo gukumira ubusambanyi bw'umugore we Yezebeli bituma urugo rwe n'igihugu muri rusange kigerwaho n'ingaruka mbi z'ubwo busambanyi.

2.Gukumira karande mbi y'ubusambanyi birareba buri muntu wese, ababyeyi bafite inshingano zo guha abana uburere bwiza bababera urugero rwiza mu mico no mu myifatire, kandi basabwa kubwiza ukuri abana babo, amateka y'ibyo banyuzemo mu buto bwabo kugirango abana babo babishingireho biha ingamba ku buzima bwabo bw'ejo hazaza.

3.Abana bafite inshingano zo kubaza ababyeyi amateka y'ibisekuru byabo kugirango bamenye karande mbi bagomba kwirwanyaho.

4.Buri muntu wese ugize umuryango agomba kuba azi gufata icyemezo kugirango akumire hakiri kare ikibi gishobora kwaduka mu muryango we.

Muri iyi ngigo dufashe turavuga ku kibazo tubona gikomereye umuryango; ikibazo gituma haba amakimbirane akomeye mu muryango ndetse amaherezo bikabyara ubutane cyangwa n'izindi ngaruka zikomeye nko kwicana n'izindi.

**UBUSAMBANYI BUKORWA N'ABUBATSE INGO, GUCANA INYUMA KW'ABASHAKANYE**

Turasobanukirwa uko uyu mwuka mubi winjira mu muryango n'uko ushobora gusohokamo igihe cyose umuntu amaze kwisobanukirwa.

**Dusome ijambo ry'imana**

***Ezekiya 16:41***
Amazu yawe bazayatwika bakugezeho ibihano uri imbere y'abagore benshi nanjye nzatuma utongera gusambana, kandi ntuzongera gutanga ibiguzi byabyo ukundi.

***Imigani 7:18-20***
"Ngwino dusohoze urukundo rwacu tugeze mu gitondo, twinezeze mu by'urukundo.
Kuko umugabo wanjye atari imuhira, yazindukiye mu rugendo rwa kure.
Yajyanye uruhago rw'impiya, kandi azagaruka mu mboneko z'ukwezi gutaha."

**Ibibazo twakibaza:**

1.Muri uyu murongo dusomye,
-Ni nde uvuga?
-Ni muntu ki?
-Aravugana nande?
-Agamije iki?

2.Karande y'ubusamabanyi mu bashakanye iterwa n'iki?
3.Karande y'ubusambanyi mu bubatse ingo ifite ngaruka ki?
4.Hakorwa iki kugirango iyi karande icike mu muryango?

Twinjire mu busesenguzi burambuye dusubiza ibi bibazo twibajije haruguru:
Ikigaragara ni uko aya magambo yavuzwe n'umugore ufite umugabo bubakanye urugo iyo usomye ku mirongo ibanza y'iki gice twasomye cyane cyane ku murongo wa 8, haratwereka ko n'ubwo uyu mugore afite umugabo babana ariko yifitiye indi ngeso itazwi n'umugabo we, Bibiliya iratwereka ko ari maraya.

Uyu mugore ahuye n'umusore mu nzira hafi y'urugo rwe, aramubengutse atangiye kumureshyareshya amwereka ko amukeneye, ariko ikigaragara ni uko n'ubundi uyu musore asanganywe n'uyu mugore kuko hari aho yamubwiye ati
"ngwino dusohoze urukundo rwacu".

Ibi bigaragaza ko bafitanye umubano udasanzwe nta kindi agamije uretse gukorana na we imibonano mpuzabitsina ijoro ryose bukarinda bucya cyane ko umugabo we adahari, ndetse byashoboka bakamarana iminsi bibereye muri ubwo busambanyi kuko bigaragara ko umugabo we atazataha vuba.

Uyu murongo twasomye uraduhamiriza ko ugucana inyuma kw'abashakanye kwahozeho kuva kera na n'ubu bikaba bikiriho.

Uyu mugore afite umugabo ariko aracyafite irari ryo kuryamana n'abandi bagabo, ese twibaze, Ubu busambanyi agiye kumaranamo iminsi n'uriya musore butewe nuko umugabo we adahari cyangwa ni uko ubusanzwe ari maraya akunda gusambana?

Ijambo ry'Imana riratwereka ko uyu mugore ubusambanyi yabugize umwuga.

Soma imiterere ye ku murongo wa 10,11, na 12.
Dore uko ateye:
- Ni umugore ufite umutima w'ubucakura
- Ni umugore usamara
- Ibirenge bye ntibiregama mu nzu ye
- Ajya ajya gutega abagabo mu mayira no mu isoko no ku mihanda.

Nidukoma urusyo dukome n'ingasire, uyu mugabo bagiye kubonana nubwo ari umusore ariko azi neza ko uyu atari umugore we, kandi azi neza ko ubusambanyi agiye gukora atabwemerewe kuko uwo mugore afite uwe mugabo, Bibliya iratwereka ko uyu musore ari umuswa utagira umutima.

***Imigani 7:7***
nuko ndeba mu baswa nitegereje mu basore, mbona umusore utagira umutima.

***Imigani7:8***
anyura mu nzira ikikiye ikibero cy'inzu ya maraya nuko ayembayemba ajya kunzu ye

***Imigani7:9***
ari mu kabwibwi bugorobye ageza mu mwijima w'igicuku

**Ibigaragaza ko uyu musore atagira umutima:**

Yanyuze mu nzira ikikiye ikibero cy'inzu ya maraya, yahashakaga iki?
Hari mu masaha y'akabwibwi aho nta muntu ubasha kumubona ngo amumenye.
Niba tumaze kubona ko gucana inyuma kw'abashakanye bibaho, mu by'ukuri iyi karande mbi y'ubusambanyi mu bashakanye iterwa n'iki?
Hari impamvu nyamukuru zigera kuri eshanu 5 zitera abashakanye gucana inyuma:

1.Kuba umuntu atarikuye muri karande mbi y'ubusambanyi bwo mu gisekuru cy'iwabo.

Twabonye mu biganiro byatambutse ko Karande mbi y'ubusambanyi iranda ku muryango uko igisekuru gihaye ikindi, niyo mpamvu bisaba umuntu kwisobanukirwa akamenya karande zo mu bisekuru bye kugirango azikureho hakiri kare, niba rero mu gisekuru cyawe harimo karande yo gusambana, iyo gushaka abagore benshi cyangwa kutubaka urugo ngo rukomere, ukaba utarabashije kwikuraho iyo karande nta kabuza nawe nushinga urugo bizakugendekera nk'uko byahozeho mu gisekuru cyawe, usange nawe utangiye gushaka abandi bagore cyangwa abandi bagabo kandi wenda no mu mikurire yawe utaragiraga ingeso y'ubusambanyi.

Ariko kuko ari karande y'iwanyu bikubeho umaze gushinga urugo.
Usabwa rero ko ukurikirana ukamenya niba iyo karande mbi itari mu muryango wawe kugirango uhaguruke uyirwanyeho ejo itazagusenyera cyangwa abana ubyaye bakayonka mu mashereka yawe mubyeyi.

2.Karande mbi y'umururumba (kutanyurwa n'uwo bashakanye)

Umururumba ni ingeso mbi yo kutanyurwa n'ibigukwiriye wowe ukumva ko hari ibindi biruseho wakabaye ufite kandi n'ibyo ufite byari biguhagije,
mu yandi magambo ni ukutanyurwa.

Ku bijyanye n'iyi ngingo yo kubaka urugo umururumba uza ryari? Igihe cyose uzabona ko hari abandi bantu baruta uwo mwashakanye, haba ku bwiza, ku mbaraga, ku butunzi, ku kwita ku buranga, n'ibindi imyambaro, kuberwa, kwimakiya, menya ko watangiye gusenya urugo rwawe kuko winjiriwe n'agakoko kabi kitwa UMURURUMBA kandinutakica hakiri kare karahinduka kanseri (karande).

Mwashakanye ubona ko ntawundi umuruta, wabonaga ko ari we muzabana akaramata, wabonaga ko ntawe uhwanyije na we ubwiza muri iyi si.

Niba utangiye kubona ko wibeshye menya ko winjiriwe. Iyi mitekerereze irakura igakwira mu ngingo zawe zose ku buryo nta cyiza na kimwe azongera gukora ngo ukibone,
ni yo mpamvu n'iyo bigeze mu Gutera akabariro udashobora kuzumva ko unyuzwe kuko ubwonko bwawe wamaze kubushyiramo ko ntacyo ashoboye.

Nta gihe na kimwe uzanyurwa bityo utangire utekereze uko washaka ba bandi ubona ko baruta uwo mubana. Bityo utangire ubabenguke birangire
uciye inyuma uwo mwashakanye. (Byose bipfira mu mutwe)

3.Kutita ku nshingano z'urugo

***Abaheburayo 13:4***
Kurongorana kubahwe na bose, kandi kuryamana kw'abarongoranye
kwe kugira ikikwanduza, kuko abahehesi n'abasambanyi Imana izabacira ho iteka.

***1Abakorinto7:10***
Abamaze kurongorana ndabategeka nyamara si njye ahubwo ni Umwami wacu, umugore ye kwahukana n'umugabo we.

Aha turavuga cyane ku nshingano yo kwita ku wo mwashakanye; muri iki gihe usanga abantu benshi bahugiye gusa mu gushaka ibitunga urugo.

Barajwe inshinga no kubonera abana amafaranga y'ishuri n'ibindi byose bikenerwa mu rugo kugira ngo yumve ko yujuje inshingano ze.

Ibyo ni byo pe kandi ni ngombwa kubikora ariko ushobora kuba hari inshingano wirengagiza kandi y'ingenzi ari yo guha igihe uwo mwashakanye.

Abahanga bavugako impano nziza uzaha inshuti yawe ari igihe cyawe Igihe cyose uwo mwashakanye azabaho yumva ko muri urwo rugo ari wenyine yicwa n'irungu, menya ko bitinde bitebuke azarambirwa ubwo buzima.

***1Abakorinto 7:39***
Umugore ahambirwa ku mugabo we akiriho, ariko iyo umugabo we apfuye nta kimubuza gucyurwa n'uwo ashaka, icyako iyo ari uri mu Mwami wacu.

***1Abakorinto 7:40***
Ariko naguma uko ari niho azarushaho guhirwa, uko niko nibwira ku bwanjye kandi ngirango nanjye mpfite umwuka w'Imana.

Ibyo kurya muzaba mubifite, ibyangombwa byose bikenerwa mu rugo mubifite, ariko urukundo ruzaba rwabasezeyeho rutakirangwa mu rugo rwanyu ibi bizagira ingaruka mbi nyinshi ndetse zizagera no mu buriri, kuko uko ubura mu rugo rwawe, uko utaha unaniwe kubera imihangayiko wiriwemo, ntibizakorohera kuzuza inshingano zo mu buriri usange amakimbirane atangire kuvuka kubera ko hari inshingano utuzuza kandi mufite amafaranga.

Impano nziza kandi ikomeye yo guha uwo ukunda ni igihe cyawe

Ibyishimo utahawe n'ababyeyi uzabihabwa n'uwo muzashakana

***Matayo 5:32***
Ariko njyewe ho ndababwira yuko umuntu wese usenda umugore we atamuhora gusambana, aba amuteye gusambana, kandi uzacyura uwasenzwe azaba amuteye gusambana.

Menya ko ukiri iwanyu wabonaga ibyo kurya, ibyo kwambara, wajyaga aho ushaka hose ku buryo bitari ngombwa ko uhava ariko hari icyo iwanyu utashoboraga kubona ari nacyo cyatumye ufata icyemezo cyo kubaka urugo rwawe wari ukeneye ibyishimo utari guhabwa na so cyangwa mama wawe cyangwa undi wese wo mu muryango wawe.

Ibyo byishimo ubihabwa n'uwo mwashakanye, niba rero udashobora guha uwo mwashakanye ibyishimo bituruka ku kuba ari umugore wawe cyangwa ari umugabo wawe menya ko bizarangira agiye kubishakira ku bandi.

Wowe mugabo nawe mugore mu byo mukora byose byo guteza urugo rwanyu imbere, murasabwa kutirengagiza inshingano zo guhana igihe kugirango mubone uko mushimishanya nk'abashakanye.
4.Kwitiranya inshingano
Ijambo ry'Imana ritubwira iki ku nshingano y'abubatse ingo?

***Abefeso 5:22,25***
Haragira hati (umurongo wa 22), " Bagore, mugandukire abagabo banyu nk'uko mugandukira umwami wacu,"(Umurongo wa 25), "Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze itorero akaryitangira"

Inshingano y'umugabo ni ugukunda umugore we, umugore na we afite inshingano yo kugandukira (kubaha) umugabo we.

Izi nshingano buri wese azubahirije mu rugo rwe ndakubwiza ukuri ko ntawatekereza guca undi inyuma kuko umugore yajya abona uko umugabo we amukunda akavuga ati " Imana yampaye umugabo unkunda pe" Umugabo na we agashima Imana ati:" Mana ndagushimira ko wampaye umugore unyubaha muri byose"

Ariko muri iki gihe usanga abantu barabicuritse, umugabo agashaka ko umugore ariwe umukunda umugore na we agashaka ko umugabo ari we amugandukira.

Nyamara ndagirango mbereke ibanga riri muri izi nshingano: "Ntibishoboka ko umuntu yagukunda maze ntakubahe; kandi ntibinashoboka ko umuntu yakubaha atagukunda

Bivuze iki rero?
Bivuze ko umugabo nakunda umugore we na we azamukunda, umugore nagandukira umugabo we na we azamwubaha ndetse anamwubahishe.

Bagore niba mushaka guca karande yo gucana inyuma nimwitoze kugandukira abagabo banyu.

Bagabo namwe niba mushaka ko karande yo gucana inyuma icika mu muryango wanyu nimukunde abagore banyu.

Kandi muzirikane ko iyo ukunda umugore wawe burya ni wowe uba wikunda kuko umugore ni igufwa ryo mu magufa yawe, ni akara ko mu mara yawe, yakuwe muri wowe niyo mpamvu yitwa umugore wawe.

Ikindi kizatuma umubano w'abashakanye ukomera ni ukuzirikana ko uwo mubana atari malayika, ni umuntu ufite muri we kamere yo gukosa, bivuze ko urukundo umukunda rugomba kuba rwuzuye imbabazi.

Kugirango igihe cyose aguye mu ikosa ube witeguye kumuha imbabazi, ibi rero bisaba kuba ugira kwihanganira amakosa y'uwo mwashakanye.

Gutanga imbabazi bigendana no kumenya gusaba imbabazi, mu gihe ukoze ikosa runaka ihutire gusaba uwo mwashakanye imbabazi, umubwiza ukuri bizatuma abona ko uzi guca bugufi kandi bizamugora kukwima imbabazi mu gihe witanguranyijwe ugaca bugufi ukazimusaba ubikuye, kumutima.

***5.Inshuti mbi / abajyanama babi.***

***Imigani 13:20***
haragira hati:" Ugendana n'abanyabwenge azaba umunyabwenge na we, ariko mugenzi w'abapfu azabihanirwa".

Hari n'umugani ugira uti "Mbwira uwo mugendana ndakubwira uwo uri we"
Muri iki gihe ingo nyinshi zisenywe no kugira inshuti mbi cyangwa abajyanama babi.

Kenshi uzasanga umugore cyangwa umugabo ari mu kigare cy'abandi bantu we yita inshuti ariko wakitegereza neza ugasanga nta biganiro byubaka bajya baganira ndetse hakaba muri bo ntawe urimo wagira undi inama nzima yamufasha kwikura mu bibazo afite.

Bene abo aho kukugira inama y'uburyo wabasha kwiyunga n'uwo mwashakanye igihe mwagiranye amakimbirane bo bakwereka ko adakwiye kugutesha umutwe, ko hari abandi bana beza baruta uwo mugore uhora ugutera stress.

Cyangwa ko hari abandi bagabo bazi gutanga care (keya), bafite n'amafaranga muri make ugasanga abo wita inshuti baragutiza ibitekerezo byo gusenya urwawe.

Mbwira uwo mugendana ndakubwira uwo uri we

Inshuti mbi igusiga ivumbi ryinshi

Ukwiye kumenya ikigare ugenderamo akamaro kacyo, cyangwa ukamenya inshuti zawe ko ari ingirakamaro cyangwa ko ntacyo zimaze mu bitekerezo ukazireka.

Hari nubwo wibwira ko ari inshuti kandi ari na bo baguca inyuma barabonye uburyo bwiza bwo guhisha amakuru yabo bakaguteranya n'uwo mwashakanye kubera ko batishimiye uko mubanye cyangwa iterambere muri kugeraho mu rugo rwanyu kugirango bamwimariremo usigare wenyine genzura neza abo wita inshuti?

3.Karande yo gucana inyuma mu bashakanye igira izihe ngaruka?
Twari tumaze kuvuga zimwe mu mpamvu zitera karande mbi yogucana nyuma kw'abashakanye.

Reka tuvuge rero ku ngaruka mbi iyi karande mbi igira ku muryango n'igihugu muri rusange.

Ingaruka zo ni nyinshi ntitwazivuga ngo tuzivemo, ariko twakibaza impamvu za gatanya ziri kuba nyinshi, tukibaza impamvu abashakanye bari kwicana, tukibaza impamvu usanga abashakanye babana mu nzu ariko buri wese afite icye cyumba, abana ntibabona uburere bw'ababyeyi baba bamaze guta inshingano zokubarera,bitana ba mwana umwe ati ni abana bawe nutabitaho njye ntibandeba.

Uku gucana inyuma gutuma haboneka abana b'amaharakubiri, uburere bwabo bukagorana bamwe bagahitamo kujya mu mihanda bakaba umutwaro ku Gihugu, amakimbirane ya hato na hato atera ubukene mu muryango ndetse uzasanga umutungo w'urugo ukoreshwa nabi kubera kuwaya bawujyana mu mahabara yabo.

Mu by'ukuri ibi birakura bikazakurikirana n'abana babyaye, usanga umwana akurikije ubusambanyi bwa se cyangwa nyina akajya abyara abana batateganyijwe kandi batazabona kirera, niyo mpamvu dukwiye gukanguka tugasobanukirwa neza karande y'ubusambanyi uko iza mu muryango tukamenya n'uburyo twayirwanya ku buryo bwa burundu.

4. Hakorwa iki kugirango Karande y'ubusambanyi mu bashakanye icike?

**Dusome ijambo Ry'imana**

***Abefeso 2:3***
nuko namwe umuntu wese akunde umugore we nkuko yikunda, kugirango umugore nawe abone uko yubaha umugabo we.

Iyo umaze kubona ko hari ikibazo gihari, ukaba wamaze gusobanukirwa icyateye icyo kibazo biroroha kukirwanya, mbere yo kurwanya indwara urabanza ukamenya ikiyitera, no mu rugamba iyo umwanzi aguteye urabanza ugatata ukamenya aho ateye aturuka n'intego afite.

Niba tumaze gusobanukirwa karande y'ubusambanyi icyo aricyo, tukaba twamaze gusobanukirwa n'ikiyitera biroroshye noneho kuyirwanya.

Kuraho ziriya mpamvu zose twabonye ko ari zo ziyitera, numara kuzikuraho uharanire kubaka urugo ku ntego nzima ifite icyerekezo kitagarukira gusa kuri wowe ahubwo wite cyane ku bazagukomokaho mu binyejana biri imbere.

• Urasabwa kumenya ukanagenzura ko nta karande y'ubusambanyi
ikomoka mu muryango wawe.
• Urasabwa kunyurwa n'uwo mwashakanye niko gaciro kawe
• Urasabwa kumenya guhitamo inshuti nyanshuti

**IMIGANI 7:2**

(Umurongo wa 2) "Komeza amategeko yanjye ukunde ubeho, n'ibyigisho byanjye ubirinde nk'imboni y'ijisho ryawe, ubihambire ku ntoki zawe, ubyandike ku nkingi z'umutima wawe."

(Umurongo wa 3) Komeza amategeko y'Imana, Wite kuri ibi byigisho kandi ubizirikane ubyandike ku mutima wawe.

**3. INGORANE UMUGABO AKURURIRA UMURYANGO WE IGIHE AFITE KARANDE YO GUCA INYUMA UWO BASHAKANYE.**

Mu ngingo tuvuyeho ya KARANDE YO GUCANA INYUMA KW'ABASHAKANYE twabonye ko iyi karande iriho kandi n'ijambo ry'Imana rikaba ryayitugaragarije neza aho twabonye umugore ufite umugabo ariko yabona umugabo afashe urugendo azamaramo iminsi agahita ashaka umusore bazaba bari gukorana ubusambanyi muri iyo minsi umugabo azaba atari mu rugo.

Twabonye impamvu nyinshi zitera ugucana inyuma kw'abashakanye nko kuba ari karande zituruka mu miryango. Kuba hariho kutanyurwa n'uwo mwashakanye ibyo twise umururumba, kuba hariho kutita ku nshingano z'urugo no kwitiranya inshingano ndetse no kugira inshuti mbi.

Twagarutse cyane kucyo umuntu yakora kugirango aho iyi karande itaragera bayikumire hakiri kare, n'aho yageze babashe kuyikuraho kugirango bakingire abana babo itazabokama kandi icyo tugamije ari ugutegura umuryango w'ejo hazaza uzira karande mbi zo mu miryango.

Turacyavuga kuri KARANDE Y'UBUSAMBANYI tugaruka cyane ku ngingo

INGORANE UMUGABO AKURURIRA UMURYANGO WE IYO AFITE KARANDE YO GUCA INYUMA UWO BASHAKANYE."

Nk'uko bisanzwe ndagirango tubanze dusome Ijambo ry'Imana ritubere umuyobozi:

***Itangiriro38:15-18 "***
Yuda amubonye agirango ni maraya, kuko yari yitwikiriye mu maso.
Aratambika aho ari iruhande rw'inzira, aramubwira ati: "ndakwinginze turyamane.'

Kuko yari atazi ko ari umukazana we. Aramubaza ati: "nituryamana urampa gisaruro ki?" aramusubiza ati: "ndakohereza umwana w'ihene wo mu mukumbi".

***Aramubaza ati:***
"urampa ngwate ki kugeza aho uzamwoherereza?" Na we aramusubiza ati:' ndaguha ngwate ki?" aramusubiza ati: "mpa impeta yawe iriho ikimenyetso, n'umugozi wayo n'inkoni witwaje." Arabimuha, bararyamana amutwika inda.

Dushingiye kuri uyu murongo dusomye turagirango tuganire neza turebere hamwe imivumo ishobora kugera ku muryango kubera ko umugabo yifitiye karande yo guca inyuma umugore we.

Tubanze twibaze ibi bibazo:

• Yuda uvugwa muri uyu murongo n'imuntu ki?

• Byasabye iki Yuda kugirango abashe kuryamana n'uriya mukobwa Thamar dore ko yari umukazana we?

• Ibi byakozwe na Yuda muri iki gihe turimo byaba bikorwa? Niba bikorwa se bifite ngaruka ki ku muryango?

• Hakorwa iki kugirango abagabo bafite karande yo guca inyuma abo bashakanye bayicikeho?

Twinjiremo neza dutekereza ku bisubizo by'ibyo bibazo tumaze kwibaza:

1.Yuda uvugwa muri uyu murongo ni umuhungu wa Yakobo mwene Isaka wa Abraham, Yuda akaba umwana uvuka kuri Leya.

Akaba ari umwana wa 4 mu nda ya Leya.
Uyu Yuda ni umwe mu bahungu 12 ba Yakobo aribo bakomotsweho n'imiryango 12 y'abisirayeli.

Akaba kandi ari we warazwe na se Yakobo kuzaba Umutware w'umuryango ndetse ni we Imana yari yaratoranyije ko urubyaro rwe ari rwo ruzajya rutanga abami bo kuyobora Isirayeli.

***Itangiriro 49:10:***
"Inkoni y'ubwami ntizava kuri Yuda, Inkoni y'ubutware ntizava hagati y'ibirenge bye nyirayo ataraza, uwo ni we amahanga azumvira."

Burya Abami bose bayoboye abisirayeli babaga bakomoka kuri Yuda ni ho hakomotse izina rya Yesu rivuga ngo INTARE YO MU MURYANGO WA YUDA."

Iyo ukurikiye neza igisekuru cya YESU usanga akomoka kuri uyu YUDA.

***Matayo 1:1***
Amasekuru ya Yesu kristo mwene Dawidi mwene Aburahamu ngaya:

***Matayo1:2***
Aburahamu yabyaye Isaka, Isaka yabyaye Yakobo, Yakobo yabyaye Yuda na bene se,

***Matayo1:3***
Yuda yabyaye Peresi na Zera kuri Tamari, Peresi yabyaye Hesironi,
Hesironi yabyaye Ramu,

***Matayo1:4***
Ramu yabyaye Aminadabu, Aminadabu abyara Nahashoni, Nahashoni yabyaye Salomo,

***Matayo1:5***
Salomo yabyaye Bowazi kuri Rahabu, Bowazi yabyaye Obedi kuri Rusi,
Obedi yabyaye Yesayi,

***Matayo1:6***
Yesayi yabyaye Umwami Dawidi. Dawidi yabyaye Salomo kuri muka Uriya,

***Matayo1:7***
Salomo yabyaye Rehobowamu, Rehobowamu yabyaye Abiya, Abiya yabyaye Asa,

***Matayo1:8***
Asa yabyaye Yehoshafati, Yehoshafati yabyaye Yoramu, Yoramu yabyaye Uziya,

***Matayo1:9***
Uziya yabyaye Yotamu, Yotamu yabyaye Ahazi, Ahazi yabyaye Hezekiya,

***Matayo1:10***
Hezekiya yabyaye Manase, Manase yabyaye Amunoni, Amunoni yabyaye Yosiya,

***Matayo1:11***
Yosiya yabyaye Yekoniya na benese igihe bimuriwe i Babuloni,

***Matayo1:12***
bamaze kwimurirwa i Baburoni, Yekuroni yabyaye Shalutiyeli, Shalutiyeli
yabyaye Zelubabeli,

***Matayo1:13***
Zelubabeli yabyaye Abihudi, Abihudi yabyaye Eliyakimu, Eliyakimu yabyaye Azori,

***Matayo1:14***
Azori yabyaye Sadoki, Sadoki yabyaye Akimu, Akimu yabyaye Elihudi,

***Matayo1:15***
Elihudi yabyaye Eleyazari, Eleyazari yabyaye Matani, Matani yabyaye Yakobo,

***Matayo1:16***
Yakobo yabyaye Yosefu umugabo wa Mariya ariwe nyina wa Yesu witwa kristo.

Yuda akiri umusore we na bene se bamaze kugurisha murumuna wabo YOSEFU ku bamidiyani, yaje kuva muri bene se ajya kuba ahitwa i Dulamu acumbikayo, niho yashakiye umugore.

Bibiliya itubwira ko yarongoye umukobwa w'uwitwa Shuwa barabana babyarana abana b'abahungu batatu.

***Itangiriro 38:1***
Muri iyo minsi Yuda ava muri benese, aramanuka acumbika k'Umunyaduramu witwa Hira.

***Itangiriro 38:2***
Yuda abonayo umukobwa wa Shuwa umunyakanani, aramujyana aramurongora.

***Itangiriro 38:3***
Asama inda abyara umuhungu amwita Eri.

***Itangiriro 38:4***
Yongera gusama indi nda ayibyaramo umuhungu, amwita Onani.

***Itangiriro 38:5***
Yongera kubyara undi muhungu amwita Shela. Yuda ubwo yamubyaraga yari I kezebu.

***Itangiriro 38:6***
Yuda asabira imfura ye Eri umukobwa witwa Tamari.

***Itangiriro 38:7***
Eri imfura ya Yuda yari umunyabyaha mumaso y'Uwiteka, aramwica.

***Itangiriro 38:8***
Yuda abwira Onani ati "Hungura muka mwene so nkuko bikwiriye umugabo wabo, ucikure mwene so."

***Itangiriro 38:9***
Onani amenya yuko umwana atazaba uwe, nuko aryamanye na muka mwene se ashyira intanga hasi kugirango adacikura mwene se.

***Itangiriro 38:10***
Icyo yakoze icyo cyari kibi mumaso y'Uwiteka nawe aramwica.

***Itangiriro 38:11***
Maze Yuda abwira Tamari umukazana we ati"guma munzu yaso uri umupfakazi ugeza aho umwana wanjye Shela azakurira." Kuko yibwiraga ati"nawe ye gupfa nka bene se." Tamari aragenda aguma munzu ya Se.

***Itangiriro 38: 12***
Hashize iminsi umukobwa wa Shuwa mukayuda, arapfa Yuda amaze kumwerera, arazamuka ajya i Timuna, aho abagaragu be bakemuriraga intama ze, we n'incuti ye Hira Umunyaduramu

***Itangiriro 38:13***
Babwira Tamari bati Sobukwe arazamutse agiye i Timuna gukemuza intama ze.

***Itangiriro 38:14***
yiyambura imyenda y'ubupfakazi yitwikira umwenda mumutwe arisesura, yicara mumarembo ya Enayimu yo kunzira ijya i Timuni kuko yabonye Shera amaze gukura ntibamumuha ngo amuhungure.

***Itangiriro 38:15***
Yuda amubonye agirango ni maraya kuko yari yitwikiriye mumaso.

***Itangiriro*** 38:16
atambikira aho ari iruhande rw'inzira aramubwira ati" ndakwinginze turyamane kuko yari ataziko ari umukazana we aramubaza ati" nituryamana urampa gisasuro ki?

Uwo ni we Yuda twasomye ko yaryamanye n'umukazana we yamwitiranyije na maraya.

2. Umugabo w'umunyacyubahiro ufite umuryango, ufite imitungo n'amafaranga, ufite uko yubashywe muri sosiyete ufite imyanya mu nzego z'ubuyobozi runaka ufite abakwe n'abakazana nimurebe rero namwe kumubona ahagararanye na maraya bari guciririkanya ibiciro kugirango baryamane!!!!

Bitewe n'ikibazo uyu mukobwa aba yifitiye cyamuteye gufata umwanzuro wo kwigira maraya birumvikana ko nta mpuhwe agomba kugirira umugabo wataye umugore we akajya gushaka maraya agomba rero kumurangirizaho ubukene bwe bwose akamwaka ibyo yifuza byose.

Yuda na we nimuri ubwo buryo yagombaga gutanga ku mitungo ye kugirango abashe kwemererwa kuryamana na maraya kuko yari afite karande yo gusambana muri we byatumye ahuma amaso ata inzira yari arimo agana kureba uko imikumbi ye imeze ngo ayikemure, akebereza ahomaraya ategeye undi na we ati “kaze neza mboga zizanye sinjye ukuzanye hano ndaguca ibyo nshaka byose cyane ko mbona uje utarwiyambitse.”

Dore rero ibyo Yuda yasabwe guhonga maraya kugira ngo yemere kuryamana na we:

1. Umwana w’ihene wo mu mukumbi
2. Impeta iriho ikimenyetso
3. Umugozi w’iyo mpeta
4. Inkoni yitwazaga.

Ibi bintu Yuda yatanze bifite igisobanuro gikomeye cyane ku buzima bwe no ku buzima bw’urugo rwe.

3. Ikibazo cya gatatu cyatubazaga niba ibyo tumaze kubona ko byakozwe na Yuda byaba biriho no muri iki gihe.

Mu byukuri si ugushidikanya dukurikije ibyo turebesha amaso yacu, ibyo twumvisha amatwi, n’ibyo tubamo mu buzima bwa buri munsi bitwemeza ko hari abagabo bafite karande yo guca inyuma abagore babo bakabasiga mu rugo bakajya kwishakira abandi bakobwa bakiri bato, cyangwa abandi bagore akaba ari bo bamariraho imitungo y’urugo.

Reka tugaruke gato ku bintu Yuda yatanze biraza kutuganisha ku ngaruka zigera ku muryango bitewe n’ibyo umugabo atakaza ku bandi bagore kandi ari byo byagakwiye kuba bifasha mu gukemura ibibazo byo murugo.

Turareba ikintu kimwe ku kindi nibwo dusobanukirwa neza ko iyo umugabo aciye inyuma uwo bashakanye

aba akoze ikintu kibi cyane kandi cy’indengakamere kuko ubuzima bw’umuryango bushingiye kuri ibi bintu tugiye kuvugaho:

• Icya mbere Yuda yumvikanye na maraya kumuhonga umwana w’ihene wo mu mikumbi ye.

Aha tubanze turebe uyu mwana w’ihene Yuda yemeye gutanga nta kandi kamaro wari ufitiye umuryango?

Tubisanishije n'iki gihe turimo: gutanga uyu mwana w'ihene bisobanuye ko Umugabo ugiye mu bandi bagore atangira gukoresha nabi ubukungu, ubutunzi bw'umuryango no gufata ibyemezo byo gusohora imitungo mu buryo budasobanutse ku buryo bishobora gukurura amakimbirane ashingiye ku mitungo mu muryango.

Usanga ibyo umuryango waruhiye mu gihe kirekire umugabo atangiye kubikoresha mu bundi buryo bwe adashobora no gusobanurira umugore kuko aba yabikoze mu mafuti ye.

Umugabo ashobora kuba iwe baburaye ariko agafata amafaranga agasohokana umwana w'umukobwa muri hotel akamugurira inkoko, ibinyobwa bihenze bagakodesha icyumba gihenze bakamaranayo week end yose mu byukuri wenda abana batari kubona amafaranga y'ishuri.

Tubona abantu b'abagabo bafite ubushobozi bw'amafaranga, tububaha cyane, tubita ba boss bacu, ariko wajya kumva ukumva ngo bamufatiye mu nzu n'umugore w'undi mugabo bakamuca amafaranga atigeze nibura akoresha kimwe cya cumi cyayo mu kunezeza umugore we cyangwa abana be.

Uku kwaya umutungo bisubiza inyuma umuryango mu bukene ku buryo umuntu akena agasubira ku k'ejo.

Yuda yemeye kwikuramo impeta arayitanga.

Impeta ni ikintu gikomeye cyane mu mico itandukanye y'abatuye isi ariko reka turebe icyo isobanuye turahita tubona ko umugabo uciye inyuma umugore we aba akoze ikintu kibi cyane.

Abamaze gushyingiranwa basabwa kwambikana impeta bisobanuye ko kuva ubwo babaye umwe, kandi bazabana akaramata.

Bivuze ko Yuda akimara kwikuramo impeta yari atangaje ko asenye urugo rwe kuko atakiri umwe n'uwo bashakanye kandi ko urukundo rwabo rugize iherezo.

Iyo umuntu aciye inyuma umugore we aba atangaje ko atakiri umwe na we, ko kuva ubwo atagifite urugo bivuze ngo ararusenye.

Burya aba atangaje ko atagifite agaciro ko kuba umugabo mu rugo rwe kuko ruba rutakiriho ni yo mpamvu na wa mukobwa bagiye kuryamana aba ari kumwitegekera uko ashatse ati nutampa ibi ntumbona, nutanjyana aha n'aha ntacyo mvugana na we, nshaka ibi nibi, ngurira ibi n'ibi, umugabo akabikora atumva atabona kubera ko nta butware agifite niyo yaba amuruta imyaka ariko umwana w'umukobwa azamwiyoborera pe.

Impeta kandi ni ikimenyetso cy'ubuyobozi. Yuda yari afite iyi mpeta kuko yari umuyobozi, yemera kureka ubuyobozi kubera maraya.

Umuntu aba umuyobozi mu buryo butatu kandi byanze bikunze nta muntu utari umuyobozi: umuyobozi wawe ubwawe (umuntu ni umuyobozi we ubwe) umuyobozi w'umuryango, umuyobozi w'abandi (andi matsinda y'abantu, cyangwa mu zindi nzego zitandukanye z'Igihugu).

Iyo uri umugabo ukemera kuryamana n'undi mugore utari uwo mwashakanye, burya uba utakaje ubushobozi bwo kuyobora, ntuba ukibasha kwiyobora kandi utabashije kwiyobora ntashobora no kuyobora urugo rwe, uwananiwe kuyobora urugo rwe ntashobora kuyobora abandi bantu bo hanze.

**Dusome ijambo ry'Imana**

***1timoteyo 3:5***
"(mbese utazi gutegeka abo mu rugo rwe yabasha ate kurinda itorero ry'Imana?)
•Yuda yatanze umugozi w'impeta.

Tumaze kubona ko impeta ari ikimenyetso cy'urukundo rwa babiri, babaye umwe kandi bakazabana akaramata.

Naho umugozi wayo ni ibikorwa byose biba byarakozwe na rwa rukundo kugirango birukomeze, muri ibyo bikorwa harimo urubyaro, imitungo mwahashye, inshuti mwagize nk'umuryango, abagize imiryango yanyu, ibi byose ni umugozi ukomeza bwa bumwe.

Iyo rero umugabo amaze kuwurekura urumva ko aba ntaho asigariye ari we ubwe, ari umugore we, ari n'abana babyaranye, ari imitungo bari bafite, ari inshuti zabo ari n'imiryango yabo.

Kuko icya mbere ni uko ubu busambanyi buzatuma urukundo rwabo rurangirira aho abari umwe bahinduka babiri, urwikekwe rugatangira ubwo impamvu nta yindi ni uko umugozi ukomeza urukundo rwanyu warawutanze wa mugabo we.

Ibi bizagira ingaruka mbi nyinshi mu muryango, tubona za gatanya za buri munsi, tubona abana babayeho nabi kubera amakimbirane y'ababyeyi babo, tubona indwara zinjira mu muryango kubera ubusambanyi bw'ababyeyi, tubona abana bitwara nabi muri sosiyete kubera kubivoma ku myitwarire y'ababyeyi babo.

Yuda yatanze inkoni.

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Itangiriro 49:10***
Inkoni y'ubwami ntizava kuri Yuda, Inkoni y'ubutware ntizava hagati y'ibirenge bye nyirayo ataraza, uwo ni we amahanga azumvira.

Inkoni ni ikimenyetso cy'ubutware, bivuze ngo Yuda yari yemeye gutakaza ubutware bwe. Umugabo mu rugo Imana yamugize umutware.

Bivuze ngo iyo yemeye kugirana umubano ushingiye ku busambanyi na maraya, aba arekuye ubutware bwe, nta jambo aba agifite mu rugo rwe nk'umutware, aba yitesheje agaciro nk'umutware kandi aba agatesheje umugore we n'abana be, ndetse n'ibyo urugo rwe rwari rumaze kugeraho byose aba abitesheje agaciro.

Ubusambanyi Yuda yakoze bwari buteye ubwoba kubera karande yo gusambana, yisanze yaryamanye n'umukazana we, kuri ubu busambanyi bubata abantu kugeza ku rwego umugabo yifuza kuryamana n'abagize umuryango (bene nyina b'umugore, we babyara be,……)

Hari n'ubwo yisanga yaryamanye n'umwana we wenda yabyaye ahandi akaba atamuzi akisanga yaryamanye nawe cyangwa akaryamana n'umwana wa mushiki we yewe bimuviramo n'urupfu rutunguranye! Ni ikibazo?

Ugucana inyuma gutuma havuka abana batateganyijwe, uburere bwabo bukaba ikibazo, abana bagakura rimwe na rimwe badafite uburenganzira bwo kumenya ba se.

Ugasanga nta buzima bwiza abana bafite kubera ko bavutse mu buryo butateganyijwe nibwo bamwe bahinduka abana bo ku muhanda.

Abandi bagakura barabaswe n'ibiyobyabwenge, abandi bakishora mu buraya, abandi bakaba abajura abandi bakajya mu mitwe y'iterabwoba kubera ko batigeze bakurira mu muryango ufite ireme.

Ibi bibazo byose twabonye ko bigera mu muryango kubera ko umugabo yaciye inyuma umugore we, ni yo mivumo aba akuruye mu muryango.

Bagabo bene data nimwisubireho muheshe abagore banyu imigisha aho kubazanira imivumo, kubona umugabo muzima uzi ubwenge ari kumwe n'akana ko muri secondaire ngo ni ko kamunyura uko ni ukwangiza urubyiruko rw'ejo hazaza nimusigeho mwiyubahe.

Njye nk'umwanditsi w'iki Gitabo Fidele Nzigiyimana, Imana yampagurukirije kubwira abantu ko izi karande mbi ari zo zituma abantu batamenya ukuri, abantu bakaba bahora mu bibazo bidashira by'amakimbirane mu muryango kubera kudasobanukirwa karande mbi icyo ari cyo.

**Mu gusubiza rero ikibazo cya 4**

Icyo twakora kugirango iyi karande abagabo bayifite bayicikeho

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Yohana 8:32***
Namwe muzamenya ukuri kandi ukuri niko kuzababatura.

***Yohana 8:33***
Baramusubiza bati" Ko turi urubyaro rwa Aburahamu, akaba ari ntaho twigeze nahato kuba imbata z'umuntu wese, none uvugiye iki ngo tuzabaturwa?"

***Yohana 8:34***
Yesu arabasubiza ati" Ni ukuri ni ukuri ndababwira ukuri yuko umuntu wese ukora ibyaha ari imbata y'ibyaha.

Niba umaze kumenya ukuri kuri karande yawe ukaba ukwemeye, ibyo birahagije kuba karande wayikuraho ukongera kubaka umuryango wawe, ukagarura icyubahiro cyawe nk'umutware mu rugo.

Ukuri gukura umuntu mu bubata nk'ubwo bw'ubusambanyi umuntu akaba mushya pe, niyo mpamvu bibasaba gusa kwisobanukirwa maze ugafata icyemezo cyo guhinduka.

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Imigani 1:22***
nimuhindurwe n'imiburo yanjye dore nzabasukaho umwuka wanjye nzabamenyesha amagambo yanjye.

**5.KARANDE Y'UBUSAMBANYI MU RUBYIRUKO RUKIRI INGARAGU.**

**Dusome ijambo ry'Imana**

***Yeremiya 51:22***
ni wowe nzavunagurisha igare ry'intambara nurigenderamo,
ni wowe nzavunagurisha abagabo n'abagore, ni wowe nzavunagurisha abasaza n'ingaragu, ni wowe nzavunagurisha abasore n'inkumi.

***1 Abakorinto 7:32***
ariko ndashaka ko mutiganyira. Ingaragu yiganyira iby'Umwami wacu uko yamunezeza Buri uko dufashe ingingo nshya tubanza kwibukiranya ku byavuzweho mu ngingo iheruka aho twasesenguye.

Ingorane umugabo ashobora gukururira umuryango igihe cyose afite karande yo guca inyuma uwo bashakanye.

Dushingiye ku byo Yuda yahonze maraya kugirango basambane birimo umwana w'ihene wo mu mikumbi ye, impeta n'umugozi wayo, ndetse n'inkoni yitwazaga.

Twabonye ko igihe cyose umugabo yemeye kujya aca inyuma uwo bashakanye bikurura ingorane nyinshi zirimo gukoresha nabi umutungo w'urugo, kuba umugabo aba atakaje ubutware yari afite mu muryango kuba asenye urugo rwe bikagira ingaruka ku burere bw'abana, no kuba aba ataye icyubahiro kandi akaba yitesheje agaciro akagatesha umugore we n'umuryango we muri rusange kandi agakururira umuryango we mu cyobo cy'ubukene.

Ubu rero tugiye kwibanda ku rubyiruko rukiri ingaragu (abakobwa n'abasore batarashaka) imyitwarire yarwo imwe n'imwe itiyubashye n'ingaruka ifite kuri bo ubwabo no ku bazabakomokaho.

**Dusome Ijambo ry'Imana:**

***1 Abakorinto 6: 18***
"Muzibukire gusambana ibindi byaha byose umuntu akora bikorerwa inyuma y'umubiri, ariko usambana aba akoze icyaha cyo mu mubiri we."

***2 Samweli 13:6-17***
Nuko amunoni araryama arirwaza Umwami aje kumureba Amunoni aramubwira ati" Ndakwinginze mushiki wanjye Tamari naze antekere udutsima nturire imbere yanjye, nturire muntoki ze."

***2 Samweli 13:7***
Nuko Dawidi atuma murugo kuri Tamari ati” Ubungubu jya kwa musaza wawe Amunoni umutekere ibyo kurya

***2 Samweli 13:8***
Nuko Tamari ajya kwa musaza we Amunoni asanga araryamye yenda urwanga arubumbiramo udutsima imbere ye aratwotsa

***2 Samweli 13:9***
Asingira urukraangiro ayimushyira imbere yanga kurya, maze Amunoni aravuga ati”Abagabo bose nibiheze.” Umugabo wese ariheza.

***2 Samweli 13:10***
Nuko Amunoni abwira Tamari ati”Nzanira ibyo kurya kumurere ndire muntoki zawe.” Nuko Tamari yetwo utwo dutsima ahishije adushyira musazawe Amunoni kumurere.

***2 Samweli 13:11***
Ayimuhereje ngo arye aramufata aramubwira ati” ngwino turyamane mwene Data.”

***2 Samweli 13:12***
Nawe aramusubiza ati” oya mwene Data winkoza isoni kuko bene ibyo bidakwiriye gukorwa muri Isirayeli, wegukora ibyubupfu nkibi.

***2 Samweli 13:13***
Mbese nkanjye izo soni nazicanahe? Kandi nawe waba ubaye igicucu muri isirayeli none ndakwinginze, ubivugane n’Umwami kuko atazakunyima.”

***2 Samweli 13:14***
Ariko yanga kumwumvira. Maze kuko yamurushije amaboko aramuhata aryamana nawe.

***2 Samweli 13:15***
Maze hanyuma Amunoni amanga urunuka rutagira akagero, urwango yamwanze rwaruse ubwinshi urukundo yari yamukunze. Amunoni aramubwira ati” haguruka ugende.”

***2 Samweli 13:16***
Nawe aramusubiza ati” Reka kuko iki cyaha ukora unyirukana gikomeye kuruta icyo wankoreye.” Ariko yanga kumwumva.

***2 Samweli 13:17***
Maze ahamagara umunyagikari we aramubwira ati” sohora uyu mukobwa amvire munzu maze umukingiranire hanze.”

Iyo tuvuga karande twibuke ko ari ingeso, imihango n'imigenzo, ibitekerezo, ibikorwa n'ibindi byaduka mu muryango bigakururuka bigafata umuryango wose bikazaba uruhererekane uko igisekuru gisimbuye ikindi.

Dushingiye kuri uyu murongo turagira ngo turebere hamwe uko ubusambanyi bukorwa n'ingaragu buhinduka karande ku muryango uzabakomokaho, n'ingaruka mbi bizabagiraho bityo dufatanye turebe ko twabikumira amazi atararenga inkombe n'ayamaze kuyirenga reba uburyo bwiza bwo kuyakamya.

**Reka rero twibaze ibi bibazo:**

1. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'icyaha cyo gusambana n'ibindi byaha?
2. Ni mbaraga ki gusambana bigira mu mibiri y'ababikoranye? (umusore n'umukobwa basambanye.)
3. Kuki ari ngombwa ko ingaragu yirinda gukora imibonano mpuzabitsina mbere y'uko ashinga urwe rugo?
4. Ese birashoboka ko ingaragu yazibukira ubusambanyi?

Nshuti muvandimwe rubyiruko wowe uri gusoma iki gitabo cyane cyane wowe ngaragu utarubaka urugo, turagusengera ku Mana kugirango ibi uri gusoma bigusige ahantu heza ukwiriye kuba uri, kuko ejo ukwiye kuzaba uri umubyeyi mwiza ufite umuryango uzira karande mbi y'ubusambanyi.

1. Ijambo ry'Imana ryadusabye kuzibukira gusambana.

Hari impamvu nyamukuru tugomba kubizibukira: Iyo mpamvu ni itandukaniro riri hagati y'icyaha cy'ubusambanyi n'ibindi byaha; iryo tandukaniro nta rindi ni uko ibindi byaha byose umuntu akora bikorerwa inyuma y'umubiri ariko usambanye aba akoze icyaha cyo mu mubiri we mo ndani?

Ibi bishatse kuvuga iki?
Bishatse kuvuga ko iyo abantu bakoze imibonano mpuzabitsina baba bahuje ibintu byinshi imbere mu mibiri yabo.

Ni yo mpamvu kiriya gikorwa cyo guhuza ibitsina abandi bacyita guhuza imibiri, ndetse burya abakorewe imihango y'ubukwe igihe cyose batarakora imibonano mpuzabitsina baba bataraba umubiri umwe, baba batarakora umuryango umwe, muri make baba bakiri ingaragu buri umwe mu ruhande rwe; ikibagira umwe ni igikorwa cyo guhuza ibitsina ari byo guhuza umubiri.

Ni cyo gituma Bibiliya itubwira ngo“kurongorana kubahwe na bose kandi kuryamana kw'abashakanye kwe kugira ikikwanduza, kuko abahehesi n'abasambanyi Imana izabaciraho iteka.” Abaheburayo 13:4

2.Iri jambo dusomye mu Baheburayo riratwereka ko guhuza ibitsina kw'abantu gufite imbaraga zidasanzwe mu buzima bwabo ari yo mpamvu dushishikarizwa kubikorana gusa n'abo twashakanye.

Gusambana bigira imbaraga zikomeye mu mibiri y'ababikoze kubera ko ari igikorwa kibera mu mubiri imbere, nk'uko twabibonye.

Iyo imibiri ibiri ihuye ihita iba umubiri umwe, ni ukuvuga umwe ahita yinjiza mu wundi ibyo warubitse byose; amaraso, amateka, imivumo, indwara, karande zose, ingeso n'ibindi, ni yo mpamvu gusambana n'uwo mutazabana ni ukwikururira mu mubiri wawe ibintu utari usanganywe nk'ibyo tumaze kuvuga haruguru.

Waba nawe usanzwe hari ibindi bibi bikwihishemo ukaba urabivanze noneho ugasigara umeze nk'ingarani y'imivumo, n'imikoshi.

Niyo mpamvu kenshi uzisanga kureka ubusambanyi byarakunaniye kuko waryamanye n'umuntu wifitemo karande zo gusambana, zo mu miryango ye akazikwinjizamo mu gihe mwaryamanye.

Niba muri we harimo imivumo yo gukenyuka ugasanga nawe bikwinjiyemo, abazagukomokaho bakajya bapfa bakenyutse, niba yifitemo karande y'ubusinzi ugasanga ikugiye mu maraso, abo uzabyara bakaba abasinzi kandi wowe mu muryango wawe nta musinzi babikomoraho, babikomoye kuwo mwasambanye kuko yabigusigiye mu mubiri wawe imbere.

Ni ukwitonda!
Ibaze noneho umuntu ukorana ubusambanyi n'abantu benshi batandukanye; ubwo we ahinduka iki?
Rubyiruko rwacu nimwitonde, Imana yandikishije ko usambanye aba akoze icyaha cyo mu mubiri we kuko yari izi ingaruka bigira mu muntu kandi bikazazigira no ku bazamukomokaho, ushobora kwibaza ingeso umwana wawe ari kwadukana bikakuyobera.

Wareba neza mu muryango ugasanga ntawe yabikomoyeho, nyamara ntutekereze ku bantu mwakoranye ubusambanyi utarashaka, burya n'aho bikomoka ntujye kure.

Ndigisha urubyiruko kwirinda ubusambanyi kuko uretse no kuba ari icyaha bifite ingaruka mbi mu buzima bwabo bw'ejo hazaza.

Benshi twari tuzi ko ingaruka zo gukora imibonano mpuzabitsina ari ukwandura indwara nka VIH/SIDA, HEPATITE, IMITEZI, MBURUGU n'izindi cyangwa se gutwita inda zitateganyijwe, ariko burya si ibyo gusa nimumenye ko uba winjije mu mubiri wawe urusobe rw'ibintu bizaguhindura uwo utariwe, bikakujya mu maraso bikazagera no ku bana bawe.

3.Ibi tumaze kubona biratwigisha ko ari ngombwa cyane ku ngaragu kwirinda gusambana, ukifata ugategereza kuzakora imibonano mpuzabitsina n'uwo uzaba wiyemeje guhuza na we umubiri mukaba umwe akaramata, kuko ari we uba wemereye gusangira na we umubiri wawe, gakondo ye, karande ze, imivumo ye, imigisha ye, indwara ze, amateka ye, amaraso ye, ubuzima bwe, inkomoko ye, muri make uba ubaye umwe na we kuva igihe yavukiye kuzageza isi irangiye.

Impamvu ni uko hari abazabakomokaho kandi bazaba bafite zimwe muri karande babakomoyeho.

Wari uzi ko iyo uryamanye n'umuntu wifitemo karande zo mu miryango ye zo kutabyara nawe uba uzinjije mu mubiri wawe, kera mu muryango uzagukomokaho hakazabonekamo umuntu utabyara?

Cyangwa se waryamana n'umuntu ufite karande zo kwiba, nawe abazagukomokaho bakazakurikiranwa n'iyo karande kubera ko wayivomye mu maraso y'uwo mwasambanye?

Mu by'ukuri ubusambanyi ntibugendera aho, ubukoze wese bumusigamo ikintu kitari gisanzwe mu mubiri we; kandi nta cyiza bugusigira kuko bitari mu mugambi w'Imana ko ukorana imibonano mpuzabitsina n'uwo mutashakanye nk'umugabo n'umugore.

Ntimutekereze ko twirengagije izindi ngaruka mbi z'ubusambanyi nk'indwara no gutwita inda zitateganijwe.

Ariko reka mbamenere irindi banga; burya iyo ukoze imibonano ukiri ingaragu uba usenye urugo mbere y'uko urwubaka?

Gute rero? Burya abantu ntibafite imiterere imwe bitewe n'impamvu nyinshi zitandukanye,ushobora kumenyera gukorana imibonano mpuzabitsina n'umuntu runaka, ejo ntabe ari we mubana, ukazasanga uko uwo mubikorana abyitwaramo bitandukanye n'uko uwo mushakanye abyitwaramo; bigatuma uhora wifuza kubikorana n'umwe wa mbere.

Ikizakurikiraho ni ugutangira gushaka uko wabonana na wa wundi wa mbere cyangwa undi ushobora kubitunganya nkuko wabimenyereye; urumva ko karande mbi yo guca inyuma uwo mwashakanye nubwo igaragaye waramaze gushinga urugo ariko uba warayiciririye ukiri ingaragu.

Kandi ubwo nabo uzabyara bazahita bayikuvomamo bihinduke akarandarande mu muryango wawe.

Ubusambanyi umuntu akora akiri ingaragu nibwo bumukururira kugumirwa ku bakobwa no kuba ingaramakirambi ku basore.

Ibi reka tubivugeho gato hari abakobwa batangira kwitwara nabi bagatangira gusambana bakiri bato, bakiyandarika ku buryo ajya kugera mu myaka 25 nta musore ukifuza kumugira umugore, umuterese wese akamubeshya ko amukunda, kandi ari irari amufitiye ryo kuzajya aryamana na we gusa yamara kugera ku ntego ye cyane ko nyamukobwa aba yarabaye birihanze agahita amukatira akamwanga.

Umukobwa agasigara aririmba urwo abonye, bikarangira umukobwa ageze mu myaka 35 nta musore ukeneye kumugira umutima w'urugo kubera ko yiyandaritse.

Ikindi kandi muri ubwo busambanyi yanduriramo za karande mbi nyinshi muri we zirimo n'izo kugumirwa, karande zo kubengwa, karande zo guheheta no gukunda ubusambanyi ku buryo bukabije, bikarangira abuze n'uwo aha amafaranga ngo amutware.

Iyo agize Imana akabona umusore cyangwa umugabo umubeshya gusa apfa kumwiyahuraho mu by'ukuri atari urukundo rumuteye kubana na we, ahubwo abikoreye kwikiza ikimwaro cyangwa nko kumuhungiraho, abandi bagafata icyemezo cyo kudasohoka mu nzu y'umusore bamaze kuryamana kandi batabisezeranye.

No ku basore ni uko, usanga umusore wamenyereye kuryamana n'abakobwa, n'abagore adatekereza kuzana uwe mugore kuberako nta matsiko y'iby'urugo aba akiba muri we, akumva ko icyo azaba azaniye umugore asanzwe n'ubundi akibona, nyamara ndatekereza ko kubaka urugo bitandukanye no kuzana umugore.

Ushobora kuzana umugore ariko ntiwubake urugo, kubaka urugo ni indi rangamimerere yawe bivuze ko uba uvuye mu cyiciro kimwe cy'ubuzima ugiye mu kindi kandi burya uba ugiye wakinjira mu mugambi w'Imana mu buzima bwawe, kuko Imana yaravuze iti :

***Itangiriro 2:18***
"Kandi Uwiteka Imana iravuga iti" si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiye."

Ibi bivuze ko kugumirwa no kuba ingaramakirambi si umugambi w'Imana ku muntu yaremye.

Reka twibaze niba koko byashoboka ko umuntu yareka ubusambanyi bigakunda, ese aburetse na bya bindi byamwinjiye mu maraso byamuvamo akaba umuntu mushya? Igisubizo kuri ibi bibazo byombi ni
YEGO RWOSE BIRASHOBOKA ARIKO INGARUKA NTIZIBURA

Yesu yabwiye wa mugore wafashwe asambana ati:

***Yohana 8:11***
Ati "nta we Databuja." Yesu aramubwira ati "Nanjye singuciraho iteka, genda ntukongere gukora icyaha".

Kugirango urekere aho gukora icyo wari umenyereye gukora bishoboka gusa iyo uhindukiye mu bitekerezo, ugafata undi murongo wo kugenderaho, hanyuma ukitandukanya n'ibintu cyangwa abantu bashobora kukubera imbogamizi mu gukomera kuri icyo cyemezo wafashe, ndetse hari n'ubwo biba ngombwa ukimuka aho wabaga ukajya ahandi igihe cyose aho warutuye hashobora kugutiza umurindi mu gukora ibyo wanze kuzongera gukora.

Ikindi cya kabiri, iyo wihannye uhinduka umuntu mushya.

***1Abakorinto7:20***
Umuntu wese agume uko yari ari agihamagarwa.

***Luka 15:7***
ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye, kumurutisha abakiranuka mirongo urwenda n'icyenda badakwiriye kwihana.

Umuntu wese iyo ari muri Kristo Yesu aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bihindutse bishya .

Imana niyo ihindura imbere n'inyuma; igihe cyose wiyemeje guhinduka Imana nayo iba yiteguye kuguhindura mushya muri byose, ahari imivumo Imana ikahashyira imigisha, ahari karande mbi Imana ikagutangirira amateka mashya ibya kera byose bigashira kuko ari ko yadusezeranyije.

**5. INGARUKA ZIHORAHO ZITERWA N'UBUSAMBANYI MU RUBYIKO**

Dufashe indi ngingo nayo y'ingenzi idufasha kunganira iyayibanjirije aho twaganiriye kuri karande y'ubusambanyi mu rubyiruko rukiri ingaragu.

Twavuze byinshi ariko iby'ingenzi dukwiye kuzirikana ni uko umuntu utarashaka iyo afashwe na Karande y'ubusambanyi, aba aguye mu cyobo kirekire cy'ibyago n'imivumo bitewe nuko iyo umuntu akoranye imibonano mpuzabitsina n'undi baba bahuje imibiri n'ibiri mu mubiri byose, twabonye ko burya baba bahuje amaraso, amateka, karande zose, imivumo, imitongero y'abakera, indwara, ingeso amarari n'ibindi byinshi ari yo mpamvu usanga hari ibintu biba ku muntu akibaza aho byakomotse bikamuyobera kandi yarabyanduruye mu wundi muntu bakoranye imibonano mpuzabitsina.
Ingaruka zo ni nyinshi zirimo indwara zidakira nka SIDA n'izindi no gutwita inda zitateganyijwe.

Kandi bikazahinduka karande yo guca inyuma uwo mwashakanye igihe uzaba umaze gushinga urugo, twabonye kandi ko bitera ingaruka yo kugumirwa no kuba ingaramakirambi.

Ni byiza rero ko urubyiruko rwirinda gukora ubusambanyi mugategereza igihe gikwiriye ubwo muzaba mumaze gushinga urugo rwanyu.

Turagirango ducukumbure ku buryo bwimbitse ingaruka zihoraho cyangwa se ingaruka za burundu ubusambanyi bwakozwe n'urubyiruko rukiri ingaragu buteza mu buzima bwabo bwo mu gihe kizaza.

Ujya gukora imibonano mpuzabitsina ubyita kwinezeza nyamara ibyo byishimo by'iminota mirongo itatu bikazagukururira mu bibazo by'urudaca ubuzima bwawe bwose usigaje ku isi, ni yo mpamvu tukugira inama yo kugarukira aho kuko aho ugana rubyiruko ruri mu busambanyi si heza.

***Reka dusome ijambo ry'Imana turebe inama ritugira:***

***Itangiriro 16:3***
Nuko Aburamu amaze imyaka icumi atuye mu gihugu cy'i Kanani, Sarayi umugore we ajyana Hagari umunyegiputakazi umuja we, amushyingira Aburamu umugabo we.

Dushingiye kuri uyu murongo dusomye no ku mateka y'ikibazo urugo rwa Aburamu rwari rufite cyo kutabyara, tugiye kurebera hamwe ingaruka zo gushakira igisubizo aho kitari, no kwibeshya ko ushobora kubonera umunezero mu nzira z'ubusamo cyangwa se kumva ko umusore, azakwizera ari uko agusambanyije.

Sarayi umugore wa Aburamu yari afite ikibazo cy'ubugumba kandi agahora yifuza na we kuba nyina w'abana cyane ko yari afite isezerano ko azabyara ndetse urubyaro rwe rukangana n'umusenyi wo ku nyanja, ariko gutegereza isezerano ry'Imana byaramunaniye, nyamara ijambo ry'Imana ritubwira neza ngo: "kwitonda ukarindira byemeza umutware"

Nkuko Sarayi byamunaniye kurindira ikizava mu isezerano ni ko n'abasore ndetse n'abakobwa baba bafite amasezerano y'Imana.

Cyane ko n'iyo Imana itakubwira ko uzakora ubukwe ufite isezerano rusange Imana yatanze rigira riti" si byiza ko uyu muntu aba wenyine.

Noneho ugasanga kwihanganira igihe iryo sezerano rizasohorera birabananiye, bagashaka uko bakwigenza.

Kuba umubiri ubahatira gukora imibonano mpuzabitsina bigatuma bategekwa na wo bityo bakiyangiriza umugambi w'Imana ku buzima bwabo.

Sarayi na we yabaye inganzwa y'icyifuzo cye cyo kubona urubyaro, bituma atanga umugabo we ku mukozi wo mu rugo.

Mukobwa na we musore iyo ukoze imibonano mpuzabitsina mbere yo gushinga urugo burya uba utesheje agaciro isezerano ryawe, uba utanze isezerano ryawe ku mukozi wa Satani ukaba uzitiye umugambi w'Imana wo kuguha urugo rw'umugisha kubera ko wamaze kwinjiza imivumo muri wowe.

Gushakira ibisubizo aho bitari ni ikimenyetso cyo kuba umunyantege nke mu kumenya guhitamo igikwiye, no kwimenyaho ko ufite ubutware bwo kwitegeka no gutegeka isi.

Umwanzuro Sarayi yafashe ntiwamuhiriye kuko Hagari amaze gusama inda, ibyo Sarayi yari yiteze sibyo byabaye:

Sarayi yari yiteze ko umwana navuka bizamuha ibyishimo bya kibyeyi na we akitwa nyina w'abana, nyamara yatangiye kubabara kuva umunsi amenya ko HAGARI atwite.

Iyo uri kwifuza gukora imibonano mpuzabitsina uba wumva ariho wakura umunezero, nyamara bigenda bite wowe mukobwa iyo umaze gusanga warasamye?

Ese wowe musore ubyakira ute iyo umukobwa akubwiye ko ubwo muheruka kuryamana wamuteye inda?

Aha bya byishimo byose biribagirana, umutima ugasimbuka, ugata umutwe, ukibaza aho iyo nda uzayijyana.

Umusore akayihakana ati" iwacu nta muntu utera inda!" Ibyari ukwinezeza bigahinduka amarira gusa.

Indirimbo iba igezweho kuri wowe ni. "URWO MBONYE na ya yindi ivuga iti: IYO MBIMENYA"

Sarayi yari yiteze icyubahiro cya kibyeyi; nyamara ntiyamenya ko agaciro ke kose yakiyambuye akagaha umukozi we.

Byatumye HAGARI amaze gutwita atangira kujya amusuzugura, akamwihenuraho kuko ari we wari ufite icyo avugiraho. Ibi biratwigisha iki?

Hari igihe umukobwa yumva ko niyemerera umusore bakundana ko baryamana nk'uko ari kubimusaba bizatuma arushaho kumukunda.

Nyamara ntamenye ahubwo ko ari bwo ataye agaciro kose yari afite imbere y'uwo musore, ibyo wibwira ko bizatuma akubaha nibyo bizakuviramo guteshwa agaciro kuko ubwawe utiyubashye imbere y'uwo musore.

Nawe musore wibeshya ko kuryamana n'umukobwa mwiza ari byo biguhesha icyubahiro mu bandi, ubwo ni ubuyobe bukomeye kuko bituma ufatwa nabi muri sosiyete, ugatakarizwa icyizere, ku buryo ufatwa nk'umwangizi ndetse ugafatwa nk'umuntu udafite icyo ejo azimarira cyangwa azamarira umuryango we.

Kuko ibitekerezo byawe biba bisa naho ntabyo, uretse gusa gushimisha umubiri nk'uko ubitekereza ariko uba ushyira ubuzima bwawe mu kaga gakomeye ndetse ugatakaza indangagaciro zawe.

Sarayi yari yiteze ko umwana uzavuka ari we uzaragwa ibya se, ndetse yarazi ko azamukunda nk'umwana we.

Nyamara si ko byaje kugenda, Bibiliya itwereka ko Sarayi yanze umwana amwirukanana na nyina, ndetse arerura avuga ko uwo mwana atazaragwa ibya se Aburahamu.

Byatumye Hagari n'umwana we Ishimael birukanwa bava kwa se bajya kwangara mu butayu.

N'uyu munsi bibaho, umusore n'umukobwa bakaryamana umukobwa yatwara inda umusore akayihakana, umukobwa na we akumva atazabivamo kurera umwana wanzwe na se, agahitamo kongera icyaha ku cyo yakoze cyo gusambana agakuramo inda.

Bitamuhira umwana abyaye akamuta, cyangwa akajya kumuta kwa se akiri uruhinja ugasanga ibyaha byabo bigize ingaruka ku mwana w'umuziranenge.

Uyu mwana iyo akuze akisanga mu buzima nk'ubwo bubi bwo kutarerwa n'ababyeyi ndetse n'abafashe inshingano yo kumurera bakaba bamufata nabi cyane, bizatuma akurana umutima w'ubwihebe, umutima w'ubugome, cyangwa abe umwana wo mu muhanda wiyahuje ibiyobyabwenge.

Namara kuba ingimbi karande y'ababyeyi be yo gusambana imufate, maze kuko we aba nta mutima wo gutereta afite atangire kujya afata abana n'abagore ku ngufu.

Naba ari umwangavu atangire ajye mu bikorwa by'uburaya. Ibi byose ni ingaruka ziri gukomoka ku myitwarire mibi ababyeyi babo bagize batarashaka (uruhererekane).

Ishimael ntiyarezwe na se umubyara; n'uyu munsi turabona abana benshi baruhanye na ba nyina kubera ba se babihakanye cyangwa bakabatererana kuko bavutse batiteguye kubarera, (kwishimisha) ubu buzima bwa Ishimael bwo kwimwa ku mitungo ya se, n'uyu munsi hari benshi babubayemo, nibwo uzasanga mu muryango habamo amakimbirane y'urudaca ashingiye ku mutungo.

Umwana akaba asaba kugira uruhare ku mitungo ya se abandi bana bati: wowe ntabwo uri umwana w'isezerano ntacyo uza kubaza hano.

Yagera no kwa nyina na ho bakamwirukaho n'ibitutsi byinshi cyane akabura epfo na ruguru, bigatuma iyo adashoboye kwihangana atangira gushaka uko azikiza uwari we wese umubangamiye mu muryango.

Cyangwa ba bavandimwe be akaba ari bo bagambirira kumwikiza igihe babona ko ababereye ikibazo ku bijyanye n'imitungo.

Nguko uko kwicana kw'abafitanye amasano kugera mu muryango byose bishamikiye ku busambanyi bwakozwe n'ababyeyi babo.

5. Impamvu twabyise ingaruka za burundu, ni uko ibyo tumaze kuvuga byose birimo

**A)** Kwihakana inda wateye
**B)** Kwihakana umwana wabyaye
**C)** Guta umwana wabyaye
**D)** Gukuramo inda
**E)** Kwirukana umwana wabyaye mu busambanyi akava mu muryango
**F)** Kuba umwana wawe yarahindutse inzererezi
**G)** Kuba umwana wawe afashwe nabi n'abamurera kuberako wananiwe kumwirerera
**H)** Amakimbirane mu muryango wawe aterwa no kuba abana bawe badahuje ababyeyi bombi
**I)** Ubwicanyi bwo mu muryango wawe hagati y'abana bawe
**J)** Indwara wanduriye mu busambanyi wakoze ukabwanduza n'abana ubyaye
**K)** Kuba igicibwa mu muryango wawe kubera ko witwaye uko batabishakaga
**L)** Kuba warazinutswe gushaka / wumva utazongera gushaka umugabo cyangwa umugore kubera ibyakubayeho
**M)** Imivumo, karande mbi, n'ibindi winjije mu mubiri wawe ubikuye mu mubiri w'uwo mwakoranye ubusambanyi

Ibyo byose tuvuze haruguru n'ibindi ntarondoye bizahora bikubera umutwaro uremereye mu buzima bwawe bwose uzamara ku isi.

Uzahora ubyicuza, uzahora ubyiciraho urubanza, uzahorana ikidodo ku mutima, uzajya ubitekereza uhorane rya jambo twese twanga rigira riti " iyo mbimenya!"

Hari indi ngaruka mbi tutakwirengagiza kandi ikomeye cyane; ugasanga umukobwa yiyeguriye ubusambanyi.

Uko bamuteye inda akayikuramo kugeza ku nshuro azayikuramo n'umura ukanyerera abaganga bakaba bavuga ko byanamuviramo na cancer y'inkondo y'umura.

Ejo yashaka umugabo bakabura urubyaro; bigakurura amakimbirane igihe umwe atabashije kwihanganira kubaho nta mwana; umugabo agatangira kujya gushakisha umwana hanze, ni iki kizakurikiraho? Urugo ruzasenyuka.

Umugabo ajye kwibanira n'ubasha kumubyarira abana, umugore na we azahita yerura abe maraya kuko n'ubundi azaba abona ko ntacyo aramira.

None se musore nawe mukobwa, ko mukiri bato kandi ko muri amizero y'ejo hazaza ukaba umaze kumva icyobo ubusambanyi uri gukora bukumanuriramo; uhisemo iki? Ese uhisemo gukomeza iyo nzira? Cyangwa uhisemo guhagararira aho?

***Yeremiya 21:8:***
"Kandi ubu bwoko uzabubwire uti" uku niko Uwiteka avuga ngo dore nshyize imbere yanyu inzira y'ubugingo n'inzira y'urupfu ngo mwihitiremo." Amahitamo ni ayawe!

***Gutegekwa kwakabiri 30:19***
"Uyu munsi ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja, yuko ngushyize imbere ubugingo n'urupfu, umugisha n'umuvumo.

Nuko uhitemo ubugingo, ubone kubaho wowe n'urubyaro rwawe."
Ibaze kuzabaho ubuzima usigaje ku isi wicuza ikibi wakoze mu gihe kitageze no ku isaha imwe!!!! Ibaze kuzabaho ubona ingaruka mu rugo rwawe zikomoka ku kuba waracitswe rimwe gusa ugasambana?

Waribwiye uti reka mbikore numve uko bimera hanyuma bikubyariye amazi nk'ibisusa, ubayeho wihebye kubera ko wanze gutegereza isezerano Imana yaguhaye ikimara kukurema; wibuke ko yari izi neza ko ubwo ikuremye uri umuhungu utazabaho wenyine nicyo cyatumye irema n'umukobwa muzabana, none uciye mu isezerano bitumye imivumo yose yo muri cya gitabo ikugeraho kuko wanze kumvira Imana yawe.

Izi ngaruka twibanzeho uyu munsi ni izo mu buzima bwo muri iyi si; ariko reka kwibutse nk'umuvugabutumwa bwiza bwa Yesu Kristo ko nyuma y'ubu buzima hazaba urubanza imbere y'intebe y'imanza y'Imana. Aho umuntu wese azahagarara akabazwa ibyo yakoze akiri mu isi, witeguye kuzatsinda urubanza imbere y'Imana kandi n'imbere y'abantu rwarakunaniye?

**UMWANZURO**

Umwanzuro tuwufate dushingiye ku Ijambo ry'Imana twizeho mu ngingo zabanje aho twasomye mu:

***1 Abakorinto 6: 18***
"Muzibukire gusambana ibindi byaha byose umuntu akora bikorerwa inyuma y'umubiri, ariko usambana aba akoze icyaha cyo mu mubiri we."

Niba umaze gusobanukirwa n'izi ngaruka zikaba zigukoze ku mutima ukumva ko ubusambanyi bugufiteho ingaruka mbi nyinshi haba ku buzima bwawe no ku buzima bw'umuryango wawe, kurikiza iyi nama y'ijambo ry'Imana ngo:

"ZIBUKIRA UBUSAMBANYI"

Ndakwifuriza kuva muri karande mbi z'ubusambanyi kuko nta keza kabayo.

**I.KARANDE Y'UBUKENE**

Tumaze kubona no gusobanukirwa karande icyo ari cyo, twabonye karande y'uruzerero, tubona karande y'ubusambanyi, nubwo mu bindi bitabo tuzakomeza kuvuga kuri izi karande ariko iby'ingenzi byagufasha kwisobanukirwa twarabyanditse.

Umaze kubisoma, ubikuyemo nyigisho ki? Turifuza ko isomo wahawe n'ibyo umaze gusoma riguhindukira ubuzima, ukaryubakiraho umuryango wawe rigahinduka karande nziza mu bagukomokaho cyangwa abazagukomokaho.

Tugiye gufata umwanya uhagije tuvuge kuri karande mbi y'ubukene, turaganira neza twitegereze uko ubukene bufata umuntu, akabana nabwo akabumenyera, n'abo abyaye bakabubamo bukaba karande mu muryango.

Ariko turanareba umuntu umaze kwisobanukirwa no kumenya inkomoko ye ko ari iy'abakene, agashaka gutangira igisekuru gishya cy'ubukire inzira yanyuramo kugirango abigereho."

**1.UBUKENE BWO MU BITEKEREZO.**

Ubukene bugenda butandukana bitewe n'ahantu cyangwa umuntu, tuzagenda tubona byinshi bivugwa ku bukene.

Aho bamwe babwakiriye nk'ubuzima batahindura kuko ari ko Imana yabishatse, abandi bashakishirize gupfa no gukira inzira zose zabakura mu bukene, abandi baterwe n'ubukene kumera nk'abataye umutwe.

Tubona kandi ko umukene adahabwa agaciro ahantu hose cyane cyane ahateraniye abantu benshi umukene ahabwa icyicaro nyuma kandi inyuma, biba bigoye ko agira ijambo mu ruhame rw'abamurusha ubushobozi; uko niko isi ibona umukene; iyo mibereho birashoboka ko wayihindura ukajya mu cyiciro cy'abakire ndetse abaherwe.

Ubaye udafite ubukene bwo mu bitekerezo ubwo nibwo bukene bwa mbere bubi hanyuma y'ubundi, kandi umuntu wese wakennye ibitekerezo nubwo yaba ari umukire arakena.

***Dusome ijambo ry'imana:***

***2 samweli 19:34-35***
"Umwami abwira Barizilayi ati: Ngwino tujyane i Yerusalemu ngukirizeyo.
Ariko Bariziliyi abwira umwami ati: Uzi nshigaje imyaka ingahe nkiriho, yatuma nzamukana n'umwami i Yerusalemu?"

Umwami Dawidi yari ageze igihe ashaka gukiza umuturage akava mu bukene akagera ku yindi ntambwe.

Kandi akaba yari yibutse ineza Barizilayi yamugiriye, ariko uyu musaza yari afite ibitekerezo bishaje nk'ibyo tujya twumvana abantu:

1.Uzi nshigaje imyaka ingahe nkiriho?
2.Uko ngana uku ubona naba umukire bikamarira iki?
3.Ubukire bufite abo bwagenewe si njyewe.

Ibi biri mu gitekerezo Barizelayi yahaye umwami cyo gufata undi muntu witwa KIMUHAMU akaba ari we akiza mu cyimbo cya Barizilayi, mu yandi magambo, uyu Kimuhamu ni we ukwiriye gukira ku myumvire ya Barizilayi.

4.Ndeka nigumire iwacu abe ari ho nzasazira bahampambe bivuze iki?
Bivuze ko igitekerezo cye ari icyo kwigumira muri karande z'iwabo adashobora kuzivamo ko ari zo azasaziramo akazipfiramo.

***Matayo19:23***
Yesu abwira abigishwa be ati: ndababwira ukuri yuko biruhije ko umutunzi yinjira mu bwami bwo mw'ijuru.

***Matayo 19:30***
Ariko benshi b'imbere bazaba ab'inyuma, kandi ab'inyuma bazaba ab'imbere.

5.Abakristo bati: Yesu yavuze ko aho kugirango umutunzi yinjire mu bwami bw'ijuru ari nk'uko ingamiya yakwinjira mw'izuru ry'urushinge, bakibagirwa ko Yobu yari umutunzi, Abraham yari umutunzi, Dawidi yari umutunzi, Intumwa Pawulo yari itunzwe n'umwuga wo gukana amahema, Luka yari Docteur.

Bivuze ko yari yibitseho agafaranga, nta muntu wemewe n'Imana wo mu isezerano rya kera tubona ko yari abayeho mu buzima bwa gikene, nonese tuvuge ko tutazabasanga mu ijuru?

Yesu yabwiye umutunzi ati:" byakumarira iki gutunga ibyo mu isi utari umutunzi mu by'ijuru?

***Yeremiya9:22***
Uwiteka aravuga atya ati" umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n'intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe.

Bivuze ko dukwiye kuba abatunzi mu buryo bubiri: muri iyi si no mw'ijuru.

Niba dusabwa kubitsa ubutunzi bwacu mw'ijuru ni uko tugomba kuba tubufite mu isi, ntiwajya kubitsa muri banki amafaranga udafite.

Ubanza ugashaka amafaranga wayabona ukajya kuyabitsa, ubutunzi tugomba kubitsa mu ijuru ni ubwo dufite mu isi.

Ijambo ridusaba ko umurimo twerekejeho amaboko tugomba kuwukorana umwete kuko ikuzimu nta migambi nta n'ibitekerezo.

***Imigani22:2***
Umutunzi n'umukene bahurira hamwe, Uwiteka niwe wabaremye bose.

Bivuze ko tukiri mu isi tugomba kugira ibitekerezo n'imigambi hanyuma tukabishyira mu bikorwa, kandi tukabikorana umwete.

Ijambo kandi rikatubwira ko udakora adakwiriye kurya kandi kimwe mu biranga umukene ni ukubura ibyo kurya bivuze ko umuntu ategetswe gukora kugirango atabura ibyo kurya.

Ntushobora gukora ibyo utatekereje, bivuze rero ko tukiri mu isi tugomba gutekereza uko tuyibamo tudakennye.

Imana iyo iza kuba ifite umugambi wo kurema umuntu uzabaho akennye, ntiyari kubanza kumuremera Eden ngo ishyiremo ibyo kumutunga.

***Itangiriro1:29***
kandi Imana irababwira iti: "Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto biri mu Isi yose n'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo bizabe ibyo kurya byanyu."

***Itangiriro 9:3***
ibyigenza byose bifite ubugingo bizaba ibyo kurya byanyu mbibahaye byose nk'uko nabahaye ibimera bibisi.

Ntiyari kuremera munsi y'ubutaka amabuye y'agaciro, mu mazi ntiyari gushyiramo amafi yo gutunga umuntu.

***Itangiriro 10:6***
Niba ijambo ryayo ritwemera nk'abakozi rigahamya ko abantu bahuje umutima ntacyo batageraho ni iyihe mpamvu tutakora dusenga tugasenga dukora.

***Itangiriro 11:6***
Uwiteka aravuga ati: "dore aba ni ubwoko bumwe n'ururimi rumwe ibyo nibyo babanje gukora none nta kizabananira gukora bagishatse."

Hari ibintu byinshi Imana yemera ko dukora bikadutunga kandi dukiranuka: ubucuruzi, ubutunzi bw'amatugo, ariko igashima ko bukorerwa mu bushake bwayo kugirango butugirire umumaro.

***Itangiriro 13:2***
Aburahamu yari afite ubutunzi bwinshi bw'amabuye n'ifeza n'izahabu.

Ibi bisubizo bya Barizilayi wari ubonye amahirwe yo gusazira mu buzima bwiza bw'ibwami, biratwereka ko habaho ubukene ariko bwo mubitekerezo, burya umuntu angana n'uko atekereza.

Ntushobora kugera ku kintu utatekereje nutekereje ntagera kucyo atakoze.
Hari ibitekerezo ushobora kubura muri wowe bigatuma uhora mu bukene:

• Ibitekerezo kuri wowe ubwawe / uko witekerezaho
Mu by'ukuri umuntu iyo akiri muto aba afite inzozi z'ibyo yifuza kuzageraho, cyangwa uwo yifuza kuzaba ari we mu gihe azaba akuze.

Izo nzozi zawe zishobora kuba atari mbi, ariko zishobora kutaba impamo bitewe n'uburyo wowe nyirazo wazikurikiranye kuko inzozi ntizigira ububasha bwo gushyira mu bikorwa, zishyirwa mu bikorwa na nyirazo.

Niba utegereje kubona ubushobozi (kuzaba mukuru) kugirango utangire uzikurikirane bizakurushya kuzigeraho, kuko ushobora kuzagera ahantu ubona ko wibeshyaga uhindure uko washakaga kubaho ubeho ukundi utigeze uteganya muri wowe ugere naho utangira kwifuza ibyagusize uve mu ntego.

Burya bisaba ko ukurikirana inzozi zawe ukiri muto uko ugenda ukura akaba ariko ugenda uzikabya ndetse umuryango wawe ukabigufashamo ariko rero byose biterwa n'uburyo witekerezaho n'imyifatire yawe.

Igihe cyose udafata umwanya ngo utekereze uwo uri we n'uwo ushaka kuba we ntuzigera na rimwe ukora igikorwa cyo kwiyimura aho uri ngo ugire ahandi ujya.

Ugomba kwibaza ibibazo kandi ukabishakira n'ibisubizo byabyo kugirango utangire ukore.
Uko kwibaza no kwisubiza ni byo bitekerezo, igihe rero utabikora menya
ko uri umukene mu bitekerezo.

Ibaze uti: Ese ubu ndi nde?
Maze iki ku isi?
Nimariye iki ubwanjye?
mariye iki umuryango wanjye?
Mariye iki umuryango nyamwinshi?
uku ndi se biranyuze?
Nkore iki kugirango nigirire umumaro nywugirire n'abandi?
Ese nimva mu buzima nzaba nsize iki kizima ku isi?

Mu kwiha ibisubizo uzasanga utisobanukiwe neza maze ufate icyemezo cyo kwikura muri urwo rujijo kugirango ejo nawe uzabe uri muntu utishaka ngo wibure, nusanga ntacyo wimariye cyangwa ntacyo umariye umuryango wawe ugomba guhita wiha umukoro wo kugira icyo ubikoraho nawe ukaba umuntu w'ingenzi mu buzima bwawe no mu bw'abandi.

Mu gushaka icyo wakora ngo ubigereho ugomba kutajya kure y'ibyo usanzwe wiyiziho ko washobora kubikora, tangirira kuri ibyo ushoboye hanyuma buhoro buhoro uzagenda ubyungukiramo ubumenyi buruseho n'ubushobozi buzajya bugenda bwiyongera.

• Ibitekerezo ku Muryango wawe ibyo utekereza ku muryango ukomokamo, uwo ufite, n'uwo uzagira mu gihe kizaza.

Ugomba gufata umwanya uhagije wo gutekereza ku muryango; umuryango ukomokamo ukamenya uko wabagaho, ibyawuranze muri rusange, ukamenya karande zawo, kandi ukamenya niba uko babagaho atariko na we ushaka kuzabaho.

Hari ibitekerezo bibi abantu bagira ngo, mu muryango wacu nta muntu wize wabayemo ubwo nanjye sinakwiga.

Nta mwana najyana ku ishuri kuko mu muryango wacu nta muntu wize wabayemo, sinaba umukire kuko mu muryango wacu nta muntu wigeze akira, n'iyo nakora gute sinatunga imodoka kubera ko nta mwene wacu wayitunze.

Ibyo bitekerezo bigatuma utabona ko hari ikindi wakora ukaba uwa mbere ugeze ku iterambere rihanitse mu muryango wawe.

Ugomba kwirinda ibitekerezo bya bamwe mu muryango wawe bagusaba kubaho nk'uko so na sogokuru wawe babayeho.

Ngo umwuga wabo ukumva ko ari wo nawe uzakurikirana kandi wanagenzura ugasanga nta gifatika wabagejejeho.

Tekereza ku mibereho y'umuryango ufite uyu munsi niba ukibana n'ababyeyi bawe wibaze uti "ubu buzima tubayemo nakora iki ngo njye nzabeho mu buzima buruseho kuba bwiza?"

Cyangwa uti:" umuryango wanjye nzagira mu bihe biri imbere uzabaho uku tubayeho?" Erega menya ko niba n'iwanyu bifashije, bakaba ari abakire si wowe ukize, bashobora kugufasha kubona intangiriro ariko utagira ibitekerezo biruse ibyabo ya ntangiriro ikagira iherezo ribi ugasanga nibyo bagufashije bihindutse ubusa.

Dufite ingero nyinshi aho abana bananira ababyeyi babo kandi ntacyo batabakorera ngo biteze imbere.

Umubyeyi agaha umwana we igishoro cya miliyoni ariko nyuma y'ibyumweru bibiri ntube wabaza wa mwana n'igiceri cy'ijana, kubera ko akennye mu bitekerezo ya miliyoni akayica ubusa mu bitagira umumaro.

Tekereza ku muryango uzagira mu minsi izaza, ese urifuza ko uzatura he?
Abana uzabyara wifuza ko baziga he?

Wowe se urumva uko ubu uhagaze mu bukungu byazagushimisha kubona abana bawe ari ko babayeho?

Ibi byose ni mu bitekerezo bikorerwa, hanyuma wamara kubifatira umwanzuro ugatangira kubitegura no kubikorera.

Kugirango uzagere ku ntego wihaye zo kuzaba umukire no kuraga abana bawe ubukire bityo ubukire bugahinduka karande nziza mu muryango wawe.

•Ibitekerezo ku buryo ukoreshamo igihe
Uko utekereza ku gukoresha igihe cyose ufite na byo ni ingenzi. Abahanga bati "igihe ni amafaranga", bibiliya iti "Mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi"; birumvikana ko kumenya gukoresha neza igihe ari ingenzi.

Ntugategereze kuzakora ibintu ejo kandi n'uyu munsi ushobora kubikora bigakunda, baravuga ngo iyo ufite igihe ugategereza igihe uba uta igihe."

•Ibitekerezo ku myaka yawe
Igihe kandi tukibare mu myaka y'ubukure ufite: hari uvuga ati "ibi sinabyinjiramo kubera ko nkiri umwana".

Ugasanga n'ababyeyi bari kubuza abana babo gukora ibikorwa bibyara amafaranga ngo baracyari bato, ibyo nabyo ni ukwica ubusa ibitekerezo.

Kuko burya ibitekerezo by'ukiri muto biba bifite icyerekezo kirambye igihe cyose gishyigikiwe kandi kigakurikiranwa neza.

Erega burya inzozi z'umuto ntizigomba gusohora ari uko akuze gusa.

Hari inzozi zisohora zitinze hari n'izisohora ku buryo bwihuse, ni yo mpamvu utagomba gutegereza imyaka runaka kugirango utangire gukurikirana inzozi zawe.

Hari n'uvuga ati" ibi ni iby'abato njye ndisaziye, nk'uko Barizilayi yabivuze, nyamara ibyo utakoze ukiri muto ushobora kubikora umaze kugera mu myaka yo hejuru.

Ikindi kandi amahirwe Barizilayi yari abonye iyo ayemera yashoboraga gukoresha imibare nk'umusaza ufite ibitekerezo.

Noneho ibyo ari kubona ibwami akajya abizigamira abana be cyangwa abuzukuru be, nyamara ntiyareba kure ngo atekereze ko amahirwe abonye yayabyaza umusaruro agasigira umurage mwiza abuzukuru be nabo bakabaho mu nyungu z'ineza ya sekuru.

•Ibitekerezo ugira ku kubyaza umusaruro amahirwe ubonye.
Hari abantu babona amahirwe runaka bakayitesha; ushobora kubona wenda akazi ko gukora mu rugo, wagira ibitekerezo bizima ako kazi kakazakubyarira igishoro ushobora gutangiza business iciriritse, ariko imyitwarire mibi ushobora kugira muri ako kazi igatuma ntacyo wigezaho.

Hari abantu babona akazi keza ariko ugasanga nta bitekerezo bafite byo kubyaza umushahara bahembwa andi mafaranga, ahubwo agahora yumvako azahora ahembwa, bagahora basa naho badakora kubera ko ibitekerezo byabo bitagera kure ngo biteganyirize ejo hazaza.

Bakumva ko ako kazi kazahoraho ntibibuke ko ako bakora atari akabo bwite cyangwa ngo bibuke ko aho bari hahoze abandi, ko nabo ejo bazahava ngo haze abandi.

Ibyo byose kubitekerezaho bizatuma ufata ingamba zo kuzigamira ibihe bizaza no gukoresha amafaranga mu buryo butuma abyara ayandi.

• Kuyobora ibitekerezo ukura ku bandi cyangwa uhabwa n'ibyo ubona.
Umuntu yigira ku bandi no ku bintu ashobora kubona hafi ye, ariko burya ushobora kubana n'abantu bafite ibitekerezo biri hasi cyangwa se imyumvire iri hasi ku buryo guhora ubatega amatwi bishobora kukuviramo kugira imyumvire irushijeho kuba mike.

Igihe cyose ukeneye kwiteza imbere uba ugomba kumenya gushungura ibitekerezo by'abandi kandi ukamenya uko ubiyobora,

Hari abakubwira ibiguca intege utaba umunyamakenga ukumva ko koko ibyo bakubwira ari ko kuri, rimwe bakakumvisha ukuntu bisa no guta umutwe gukora ibyo uba wagambiriye, ariko burya iyo uzi aho ujya biragorana gusubizwa inyuma n'ikintu icyo ari cyo cyose.

Tugana ku musozo w'iyi ngingo turagirango tumenye amahirwe abiri dufite tutagomba gupfusha ubusa:

1. Kuba turiho ni yo mahirwe ya mbere dufite kandi tugomba kuyakoresha kuko ibindi byo biri munsi y'ubutware bwacu, kuko Imana yaduhaye isi ngo tuyitware ntabwo yahaye isi gutwara umuntu.

**1. UBWENGE BURUTA UBW'IBINDI BIREMWA.**
Imana yaraturemye ariko iduha akarusho, iduha ikintu itahaye ibindi biremwa, ubwenge ari bwo budufasha mu kumenya igikwiye n'ikidakwiye gutandukanya icyiza n'ikibi, gutekereza icyo twakora kugirango tugere ku kintu cyose twifuza.

Ayo mahirwe rero niyo tugomba kubyaza umusaruro kandi nitugera mu bwami bw'Imana tuzabazwa uko twakoresheje ibyo bintu byombi twahawe.

**2. IMYUMVIRE YO HASI MU KWISOBANUKIRWA?**
Mu ngingo dusoje twavuze ku bukene bwo mu bitekerezo, aho twabonye uko umuntu abona amahirwe yo kumukura mu bukene, akamuca mu myanya y'intoki kubera ko afite ibitekerezo bitigiye hejuru.

Imyaka y'ubukure iyo ari yo yose waba ufite ntiyakubuza kuba umukire, ntitukamere nka Barizilayi wabuze ubwenge akabona ko kuba ashaje ari impamvu yo kutaba umukire mu gihe umwami we yaragiye kumuhindurira ubuzima.

Ibitekerezo by'ikiryango bitubwira ko ubukire ari umugisha wa bamwe si byo kuko umugambi w'Imana ku muntu wese yaremye ni ukubaho neza ntacyo yiganyira mu isi, niyo mpamvu yaremye isi igashyiramo buri kintu cyose Umuntu azakenera akiri mu buzima.

Icyo wowe usabwa gusa ni ugufungura ubwenge n'ibitekerezo ukajya kugishaka aho kiri ntabwo byizana birashakishwa kandi upfa kuba gusa ufite ubushake.

Iyi ngingo nayo ntijya kure yo gukena ibitekerezo gusa turacukumbura turebe ukuntu uruhererekane rw'ibitekerezo bibi no kunanirwa kwisobanukirwa bidindiza umugambi w'Imana mukuguteza imbere bigatuma umuntu ahora muri karande mbi y'ubukene.

Kwisobanukirwa bivuze kumenya uwo uri we, imbaraga ziri muri wowe, kumenya icyo ushoboye no kumenya icyo ushaka kuba cyo.

***Dusome ijambo ry'Imana***

Dufatire urugero ku mugabo witwa MOSE tumukureho isomo ryerekeranye no kwisobanukirwa.

***Kuva 4:10***-10
Mose abwira Uwiteka ati: Mwami na mbere sindi intyoza mu magambo, n'ubu nubwo uvuganye nanjye umugaragu wawe, kuko ntabasha kuvuga vuba, kandi ururimi rwanjye rugatinda;

***Kuva 4:10-11***
Uwiteka aramubwira ati; Ninde waremye akanwa k'umuntu?
Cyangwa ninde utera uburagi? Cyangwa ubupfamatwi, cyangwa uhumura cyangwa uhumisha? Sinjye Uwiteka ubikora?

***Kuva 4:10-12***
Nuko genda nzajya mbana n'akanwa kawe nkwigishe ibyo uvuga.

***Kuva 4:10- 13***
Aramusubiza ati: Mwami ndakwingize tuma uwo ushaka gutuma.

***Kuva 4:10-14***
Mose yikongereza uburakari bw'Uwiteka aramubwira ati: Aroni mwene so umulewi, ntahari? Nzi yuko ari intyoza nkandi aje kugusanganira, nakubona azishimira mu mutima we."

**IMYUMVIRE YA MOSE**

Imana ihitamo gutuma Mose muri Egiputa kujya kuvanayo ubwoko bwayo bwari mu buretwa hari ibintu bigera kuri bitanu yamubonagamo:

• Kuba Mose yararerewe mu rugo rw'umwami byari bimworoheye gukomanga agakingurirwa akavuga ijambo ryose ashaka nk'umwana w'umukobwa wa Pharao. Yari afite ubudahangarwa ibwami.

• Mose yakuze azi amateka y'ubwoko bwe kuko yarezwe na nyina umubyara nubwo yarerewe mu bwami bwa Pharao (yari azi ko ari Umuheburayo)

• Mose yari afitiye urukundo ubwoko bwe n'ishyaka ryo kuburwanirira, ntiyashimishwaga no kubona umunyegiputa agirira nabi umuheburayo

• Mose yaratinyukaga; ubwo yegeraga igihuru cyari kiri gushya kidakongoka byahamirije Imana ko Mose ari umugabo udatinya.

• Mose yari afite ubunararibonye mu bijyanye no kuyobora kubera ko yakuriye ibwami yabonaga uko ubutegetsi bukora; ikindi kandi yari umushumba w'intama za sebukwe, yaragiraga ahantu h'ubutayu, Imana rero yamubonagamo ubushobozi bwo kuzabasha kuyobora abantu benshi mu rugendo rwose bazakorera mu butayu kuko yari abifitemo ubunararibonye.

Ubu bushobozi bwose tumaze kuvuga Imana yari ibuzi muri Mose kuko ni Imana idahishwa, ni cyo cyatumye Imana imanukira mugihuru hafi y'aho Mose yari aragiriye, kugirango ivugane na we imutume, ariko Mose agaragaza imyumvire iri hasi ukurikije ikiganiro cyose yagiranye n'Imana.

Imana yamubonagamo ubushobozi Mose we akisuzugura ati: ibyo sinabishobora.
Imana iti: ninjye uzajya mbigushoboza Mose agatera imigeri akereka Imana impamvu zidafatitse; uko niko umuntu yibuza umugisha kubera kumva ko ibi n'ibi atabishobora.

Hari umuntu ushobora kurangira akazi wamubwira ako ari ko agahita akubwira ati: ako ko sinagashobora ndumva ari ak'imvune gusa, ibintu binsaba gukoresha ubwonko cyane simbikunda, ikindi kandi njyewe atari ako mu biro cyangwa akajyanye n'ibyo nize sinagakora pe.

Nonese ako ushoboye uri gukora ni akahe?
Ko ubushomeri bukumereye nabi se uzahera muri sinabishobora uzageza ryari?
Ni gute unanirwa n'icyo utaratangira gukora?
Ubwo ni ubunebwe bwo mu myumvire nk'uko hari ubushobozi Imana yabonaga muri Mose niko na we hari ubushobozi buri muri wowe, Ariko ikibazo ufite ni ukwitinya no kumva ko wakora ibintu byoroshye gusa, ukumva utakora ibintu bikuvuna, nyamara ukibagirwa ko igiti cy'umuruho cyera imbuto z'umugisha; ugomba kuvunika kugirango ugere ku cyo wifuza.

Imana yagoragoje Mose kugirango yisobanukirwe, iramwibwira kugirango amenye ko atumwe n'Imana ikomeye.

Mose akerekana intege nke ze, Imana ikamwereka aho imbaraga ze ziri ko ziri mu byo ubwe asanzwe afite (inkoni).

Imwigisha ukuntu iyo nkoni agomba kuyibyaza umusaruro agakora ibitangaza, imwereka ko mu kiganza cye harimo igikorwa cyakwemeza abantu.

Ariko bikamusaba ko we ubwe abanza kwiyemera ari byo kwisobanukirwa hanyuma akiyemeza ari byo gufata icyemezo.

Imana yamubwiye ko agomba gushyira ikiganza mu gituza, abikoze ikiganza gihinduka ibibembe; aha Imana yashakaga kwereka Mose ko ubushobozi abufite mu maboko ye; bivuze ngo mukuboko kwawe harimo gukira cyangwa gukena, ibyo wibwira mu mutima wawe nibyo bizagukiza cyangwa bikagukenesha.

Nugambirira neza mu mutima wawe hanyuma ugakoresha amaboko yawe uzagera kuri byinshi bizatuma abantu bemera ndetse bakwigireho byinshi.

Kubera imyumvire yo hasi Mose yari afite ibyo bitangaza Imana yamukoresheje ngo azabyemereshe Farao, nawe ubwe ntiyabyemeye, yakomeje kubwira Imana ko ntacyo yashobora gukora kubera ko afite ubumuga bwo kutavuga neza, kudedemanga.

Iki kibazo cyafunze imitekerereze ya Mose kugeza ku rwego Imana yamurakariye bitewe n'uko yirebagaho ntarebe ku bushobozi Imana yamuremanye n'ibikorwa by'ubutwari yari yarakoze na mbere hose.

Ijambo ry'Imana ritwereka ko ubwoba ari intwaro ya mbere Satani akoresha mu kudindiza abakristo mu kujya mbere kwabo, gutinya kuryama ngo utarota nabi ni ikimenyetso cy'uko utiyizi, utizera Imana n'imbaraga zayo mu buzima bwawe.

Imana irashaka ko usengera mu bikorwa, kandi ibyo ukora nibyo biyemeza ko uyizera.

Kuba ubwira Imana buri munsi ko ari yo wizera sibyo biyemeza, gukora ibyo igusaba, gukora ni byo byonyine biyemeza ko uyizera.

Imana yakomeje kwigisha Mose imusobanurira ko ariyo itera ubumuga bwo kutavuga, igatera ubumuga bwo kutumva, igatera ubumuga bwo kutabona kandi uko itera ubumuga ni nako ikiza ubumuga; bivuze ko Imana ishobora kugukura muri Karande mbi ikagushyira muri karande nziza.

Niyo mpamvu yashakaga ko Mose afata icyemezo gusa cyo kwemera gukora icyo asabwa, ibindi Imana ikabyikorera, ariko Mose yakomeje kuganzwa n'ubwoba bwo mu bitekerezo bye, bituma Imana imurakarira.

Iyo Imana ikugoragoje ukanga gukangura ibitekerezo byawe, Imana irakureka cyangwa ikagukorera bijyanye n'imitekerereze yawe.

Mu mugambi w'Imana ntiyashakaga gutuma Mose hamwe na Aroni, ariko kuko Mose yagaragaje imyumvire mike byatumye Imana imurekera ubumuga bwe bwo kutavuga neza imuha Aroni kuba umuvugizi.

Iyo ufite imyumvire iri hasi Imana ikurekera mu bukene bwawe, kuko Imana yahaye umuntu uburenganzira busesuye bwo gukora ibyo ashaka bijyanye n'imyumvire ye ariko ingaruka zabyo zo ntiyazikuyeho.

Wowe unkurikiye ukurikije ibyo tumaze kubona byaranze Mose mu gukora umugambi w'Imana kuri we, wumva imyumvire yawe ari iyihe mu bijyanye nuko Imana yakuremeye kubaho udakennye?

Ese waba nawe wumva ko bitashoboka kugira icyo wigezaho?

Imana ishaka ko wowe ubanza ukisobanukirwa ukamenya ko muri wowe waremanywe ubushobozi hejuru y'isi, ukamenya ko uri umutware w'isi, hanyuma wamara guhaguruka nayo igakorana nawe ibitangaza gusa, icyo ukoze kikemera, aho ukandagiye hakaba ahawe, uwo muvuganye agahita yemera ibyo umubwiye, icyo ukoze cyose ikagiha umugisha kuko wisobanukiwe ukamenya uwo uri we.

Ariko igihe cyose uzajya wumva ko ntacyo wakora ngo ukigereho Imana izakwihorera uhore usenga ngo Mana nyibuka unkure mu bukene nayo imere nk'iyazibye amatwi.

Urasabwa kuzamura imyumvire yawe kugirango ukoreshe ubwenge n'imbaraga Imana yaguhaye mu kwiteza imbere kwawe.

Urasabwa kuva mu gikundi cy'abantu batagufitiye umumaro, bamwe ubana na bo washaka kugira icyo ukora ngo witeze imbere bakakwereka ko ibyo wihaye utapfa kubishobora, nawe ukumva ko ibyo bakubwiye ari ukuri, inama twakugira ni uko wava muri icyo gikundi, bigusaba.

Gutekereza ku buryo bwagutse kugirango ugire icyo ugeraho, kandi igihe cyose imitekerereze yawe isobanutse nawe uhinduka umuntu usobanutse.

Turagira ngo wowe musomyi ufate akanya witekerezeho uve mu bitotsi bya karande mbi y'ubunebwe mu myumvire, uhindure ibitekerezo, waguke muri wowe, utangire utekereze bundi bushya ku buzima bwawe n'ubw'umuryango wawe,
hanyuma uhaguruke utangire ukore.

Umukristo wumva ko kuba ari umukene ari ko Imana yabishatse iyo myizerere ni iy'ubuyobe, Imana ibaye yishimira ko abayizera baba abakene ntiyajya itanga amasezerano ku bantu bayisenga ko izabagirira neza, ko izabakura ku cyavu, ko izabicazanya n'ibikomangoma, ko izabakiza inzara ikabagaburira bakarya bagahaga, ko izabambika bakaberwa, ko izabaha amazu meza bakayabamo.

Ayo masezerano yose itanga ni ahamya ko Imana itemera ubukene ku bantu bayisenga, ni yo mpamvu yashyizeho umurongo wo gukurikiza kugirango umuntu yikure mu bukene ari wo GUKORA.

***Zaburi 128:2***
kuko uzatungwa n'imirimo y'amaboko yawe, uzajya wishima uzahirwa

***Imigani 12:14.***
Imbuto z'ibituruka mu kanwa k'umuntu ni zo zimuhesha ibyiza, kandi umuntu ahabwa ibihwanye n'imirimo y'amaboko ye.

Bivuze ngo nukoresha amaboko yawe Imana izaha umugisha ibikorwa byawe kandi uzirikane ko udakora adakwiriye kurya.

Birashoboka cyane rwose ko uyu munsi niwemera guhindura imyumvire ushobora guhinduka umukire mu gihe gito cyane kubera ko Imana yaguhaye ubwenge, amaboko, ubuzima, iguha n'isi yujuje ibyo ukeneye kugirango ubeho neza, ni wowe usabwa kubibyaza umusaruro.

**3 IMANA IHA UMUGISHA IMIRIMO Y'AMABOKO Y'UMUNTU**

Ni mpamvu ki Imana iha umugisha imirimo y'amaboko y'umuntu?
Reka ducukumbure turebe impamvu umuntu agomba gukora asenga akabona umugisha mu byo yakoze aho kugirango Imana imuhe umugisha udashingiye ku byo yakoze.

***Dusome Ijambo ry'Imana:***

***Gutegeka kwa kabiri 28:8***
Uwiteka azategeka umugisha kuba mu bigega byawe no mu byo ugerageza gukora byose, kandi azaguhera umugisha mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha."

Imana itanga umugisha ishingiye ku mirimo umuntu akora; imirimo y'amaboko y'umuntu. Umugambi w'Imana k'umuntu wese si ukubaho mu bukene, niyo mpamvu yamuremanye ubwenge n'amaboko n'ingingo zose kugirango azabashe kwibeshaho mu isi yamuremeye.

Hari ubuzima twakita inshuro ebyiri umuntu muzima agomba kubamo kandi bwombi bukaba bwuzuzanya.

1. Ubuzima bwo kwizera Imana (Imibereho y'umwuka)
2. Ubuzima bwo gukora. (Imibereho y'umubiri)

Imana irema umuntu iyo niyo mibereho yashakaga ko umuntu abamo kandi na n'uyu munsi ni wo mugambi w'Imana.

Umuntu yaremewe kubaho ubuzima bwo kwizera Imana no kuyumvira hanyuma mu mibereho isanzwe yo mu isi akabaho akora kugirango abone ibitunga umubiri kandi abeho mu isi nta cyo umubiri ukenera ngo ukibure.

Niyo mpamvu yamuremeye isi azubakaho akayituramo.

Ubutaka azubakisha amazu yo guturamo no gukoreramo imirimo yo kumubeshaho, ubwo butaka akabuhinga kugirango bumwerere imyaka yo kumutunga, amazi azakenera gukoresha, ibimera agomba kubyaza umusaruro umunsi ku wundi.

Hanyuma imaze kurema ibyo umuntu azakenera kugirango abeho nibwo yaremye nyirabyo ari we umuntu kandi imuremana ingingo z'umubiri zose azakenera gukoresha kugirango akore inshingano ze ku isi zo gukora akazi kose agomba gukora kugirango abeho;
ni yo mpamvu Imana imaze gutuza ADAMU NA EVA muri EDENI
yabahaye inshingano ebyiri 2:

1. Kuyumvira (ari byo kuyizera, bigatuma batarenga ku mategeko n'amabwiriza yabahaye)

***Itangiriro 2:16***
Uwiteka Imana iramutegeka iti" ku giti cyose cyo muri yo ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka.

Ubwo Imana yamutegetse birumvikana ko yamusabaga kuyumvira, kandi ubwo yamubwiye ko nabirengaho no gupfa azapfa byasabaga umuntu kwizera ayo magambo bityo akumvira amategeko yahawe.

2. Gukoresha amaboko (guhingira no kurinda Edeni kugirango batazabura ibyo kubatungira imibiri)

***Itangiriro 2:15***
Uwiteka Imana ijyana wa muntu, imushyira mu ngobyi yo muri Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde."

Irindi jambo riboneka muri

***Yakobo 2:20***
rirakubaza ngo: "wa muntu utagira umumaro we, ntuzi yuko kwizera kutagira imirimo ari impfabusa?"

Iri jambo riratwereka ko umuntu wizera Imana agomba no kuba afite umumaro; kandi umumaro w'umuntu ni ibikorwa akora, n'imirimo akora.

Ugomba kuba uri umuntu ufite icyo wimariye, ufitiye umumaro umuryango wawe, ufitiye umumaro abaturanyi, ufitiye umumaro igihugu cyawe, ari ho rya jambo twasomye ryatubwiye ngo nzaguhera umugisha mu gihugu cyawe.

Uramutse wizeye Imana gusa ariko ntuhaguruke ngo ukore Imana ntizabona aho iguhera umugisha kuko ijambo ryatubwiye ko umuntu azaherwa umugisha mu bigega bye.

**UMUGISHA WO MU BIGEGA.**

Ibigega bisobanuye ibintu byinshi:
• Ku bahinzi, n'imitiba bahunikamo imyaka yabo
• Ku borozi, n'ibyansi baterekamo amata
• Ku bacuruzi n'abandi bose babona amafaranga mu bikorwa byabo, ni Bank
Ni ukuvuga ngo wowe uzajya ukora ubundi Imana yo iguhe umugisha kugirango ubone umusaruro ubasha no kubika (guhunika).

Ari byo kwizigamira (niba Imana yemera ibigega ubwo ni uko yemera na gahunda yo kuzigamira ejo hazaza).

**UMUGISHA MU BYO UGERAGEZA GUKORA BYOSE**

Uyu murongo uratwemeza neza ko Imana idakunda namba abanebwe, Imana ishaka ko umuntu agerageza gukora nayo ikabona kumuhera umugisha mu byo agerageza gukora byose.

Ikindi ni uko Imana idashaka ko ukora ikintu kimwe gusa, ishaka ko ukoresha ubwenge yaguhaye ukagerageza gukora ibintu byinshi bitandukanye, kandi kimwe cyakwanga ntucike intege ukagerageza ikindi, uko ugenda ugaragaza umwete n'umurava mu gukora ni ko Imana nayo igenda iguha umugisha muri uko gukora kwawe.

Ijambo riduhera urugero ku gasimba gato kitwa ikimonyo

***Imigani 6:6***
Wa munyabute we, sanga ikimonyo, witegereze uko kigenza kandi ugire ubwenge, ntikigira umutware cyangwa igisonga cyangwa shebuja, ariko gihunika ibiryo byacyo mu cyi, kandi mu isarura kikishakira ibigitunga.

•Wa munyabute we! Hano harahamagarwa umuntu udashaka gukora ngo yiteze imbere

•Sanga ikimonyo;
haguruka aho uri ugende aho ikimonyo kiri; bivuze ngo jya aho akazi kari gukorerwa birashoboka ko ukabona, kuberako wavuye mu rugo nuryama urasarura ingonera nutakabona uyu munsi kubera ko utaryamye izere ko uzakabona ejo.

Ukwiye kwihanurira ibyiza apana ibibi kuko Imana umugambi wayo ku muntu ni ibyiza.

•Witegereze uko kigenza;
bivuze ngo genda wige gukora, ntuvuge ngo ibi simbizi, genda witegereze uko abandi bakora hanyuma wigane ibyo ubona nawe ubikore.

Shaka umwuga wiga uwumenye uwukore niwo ugomba kugutunga niwirinde ubute kugirango urwanye karande mbi y'ubukene.

•Ugire ubwenge; ni ukuvuga ngo ibyo witegereza ubifate ubikore nawe erega ntawe ukomera atabanje kuba uciye bugufi ntibakakubeshye pe.

Ariko se nkubaze mu by'ukuri mu mutwe wawe harimo iki?
Uributekereze Kiribukugireho ingarukanziza?

•Ntikigira umutware cyangwa igisonga cyangwa shebuja; bivuze ngo nta muntu uriho ugushinzwe, nta muntu ufite umwenda wo kugutunga.

Nutimenya nta muntu uzakumenya kabone n'iyo wavuka mu rugo rurimo byose, iyo ukura uba ugomba guhindura imitekereze kuko uba uzacuka n'undi akonka ntawe uzahora agutamika.

•Gihunika ibiryo byacyo; bivuze ngo ugomba gukora kandi ugateganyiriza igihe kizaza.

Ngayo amasomo tugomba gukura ku kimonyo; nudakora ntuzategereze umugisha w'Imana kuko Imana izaguhera umugisha mu mirimo y'amaboko yawe.

## UMUGISHA MU IGIHUGU CYAWE

Imana yaduhaye igihugu, ni cyo igomba kuguheramo umugisha, icyo usabwa gusa ni ugukunda igihugu ukikura muri karande mbi y'uruzerero kandi ufite igihugu ari cyo gakondo yawe; hari abantu bishyiramo ko umuntu nta cyo yageraho adasohotse igihugu, akumva ko mu bindi bihugu ari ho yabonera imibereho myiza kuruta mu gihugu yahawe n'Imana.

Nyamara Imana si ko yabiteganyije, buri wese mu gihugu cye iyo akoresheje ingingo ze neza nk'uko yazihawe abasha kugera ku byiza byose yifuza.

Imana yavuze ko izaguhera umugisha mu gihugu yaguhaye, Igihugu cyawe cy'amavuko, igihugu utuyemo, Igihugu ufitiye ubwenegihugu; aho ni ho ugomba gutangirira ibikorwa byawe Ahubwo ibyo bihugu bindi ukabijyamo ujyanye umusaruro ugiye kubicuruzamo ibyo ukorera mu gihugu cyawe kandi warangiza gushora imari amafaranga ukayabika mu gihugu cyawe kuko iw'abandi si iwanyu.

waba ahantu imyaka myinshi ndetse ukibeshyako utazahava ariko birashyika ugasanga wagarutse iwanyu? Ingero zaba nyinshi.

Hari ibintu bitatu utagomba kwirengagiza:
• Igihe cyiza cyo gutangira gukora ni ubu.
• Uburyo bwiza bwo gukora ni ubwo ufite ubu
• Ahantu heza ho gukorera ni aho uri ubu.
Nutegereza ikindi gihe uzaba uta igihe, kandi nutekereza ko hari ubundi buryo uzabona ejo cyangwa ejo bundi burenze ubwo ufite uzicuza, nutekereza ko uzarindira ukabanza ukimuka ukajya ahandi hatari aho uri uzasanga igihe cyaragusize n'uburyo bwarakurangiranye tudasize n'ubusaze bw'imyaka.

Ubuse ufite ingahe?
Byibaze.
Ijambo riranyemeza ko abakiranutsi bazatungwa n'imirimo y'amaboko yabo.

***Yesaya 3:10***
Nimuvuge ko abakiranutsi bazagubwa neza, kuko bazatungwa n'imirimo y'amaboko yabo"
Ushobora kuba umukiranutsi ariko karande y'ubukene, karande y'inzara, karande y'uruzerero, karande yo kubura imyambaro, karande yo kutigisha urubyaro rwawe zikakugumaho kubera ko utisobanukiwe ngo umenye ko Imana igomba kuguha umugisha ishingiye ku mirimo y'amaboko yawe.

N'ubwo uvuga ko uri umukiranutsi ku bwo kwizera Yesu Kristo menya ko nudakora uzagumana karande y'ubukene.

Ntuzagubwa neza muri iyi si kuko imirimo wanga gukora ari yo yagombaga kugutunga, dufite abantu bibwira ko gusenga bikemura byose si ko biri.

Gusenga bitunga umuntu w'imbere, umuntu w'inyuma atugwa n'imitekerereze myiza harimo gukora.

Kimwe muri ibyo iyo kibuze umuntu muri rusange abaho nabi ababaye.

Ubu noneho tugiye kureba ku ngingo nziza yo GUKORESHA NEZA IGIHE, turebere hamwe uko wakoresha igihe cyawe mu kwiteza imbere.

Iminsi ugifite yo kubaho ku isi wayikoresha ute kugira ngo uyibyaze umusaruro urambye?

***Dusome ijambo ry'Imana:***

***Umubwiriza 9:10***
Umurimo wawe wose werekejeho amaboko yawe uwukorane umwete, kuko ikuzimu aho uzajya nta mirimo nta n'imigambi uzahabona, habe no kumenya cyangwa ubwenge.

Turi ku ntego yo kurwanya karande mbi y'ubukene, kandi twamaze kubona ko kugirango tuyirwanye dufite intwaro ebyiri z'ingenzi ari zo:
• Ibitekerezo bireba kure
• Amaboko atadeha

Iyo ufite igihe ugategereza igihe uba uta igihe
Kumenya gukorera igihe ibyo watekereje ni bwo butunzi
Izi ntwaro iyo tuzikoresheje neza Imana ihita itanga ubufasha bwo kuzikomeza kugirango zitarangira uwo musada w'Imana ni Umugisha yohereza mu mirimo y'amaboko yawe.

Kugira ngo rero ubashe kugera ku ntsinzi irambye kandi ku buryo bwihuse bisaba umuntu uri mu rugamba rwo guhashya ubukene kumenya uko akoresha igihe afite.

Abahanga bavuze ijambo ry'ubwenge ngo Iyo ufite igihe ugategereza igihe uba uta igihe" Kumenya igihe ufite ni kimwe no kumenya kugikoresha neza ni ikindi.

**KUMENYA IGIHE UFITE**

***Itangiriro 1:5***
Imana yita umucyo amanywa, umwijima iwita ijoro.
Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa mbere."

Imana itararema umuntu yabanje gushyiraho igihe; yaremye igihe kigizwe n'umucyo ari wo manywa n'ikindi gihe kigizwe n'umwijima ari ryo joro, ku manywa yashyizeho izuba, nijoro ishyiraho ukwezi n'inyenyeri, buri kimwe iyo igihe cyacyo kigeze kirakora.

Ibi byatumye habaho igihe cyitwa iminsi; ku munsi wa mbere, ku wa kabiri, ku wagatatu kugeza ku munsi wa karindwi, byakomeje bityo kugeza ubwo habaho amasegonda, iminota, amasaha, icyumweru, ukwezi umwaka, ibinyejana, n'ibinyagihumbi;
kandi umuntu ufite ubwenge bukora neza asabwa kumenya gukoresha neza ibi bihe tubonye haruguru.

**KUMENYA GUKORESHA ICYO GIHE**
Igihe cy'umuntu gitangira umunsi yavutseho kikarangira umunsi yapfuye; kandi igihe cyose umara ku isi cyaba kigufi cyaba kirekire usabwa kugikoramo iby'umumaro.

Burya n'uruhinja rwavutse rukamara umunsi umwe ruba rwagize umumaro warwo kuko rutuma umubare w'imbyaro zawe wiyongera, rutuma kandi uva mu mubare w'abatabyara ukitwa umubyeyi.

Kugira ngo ubashe gukoresha igihe cyawe neza wabigenza ute?

Ijambo ry'Imana twasomye ryaduhaye igikoresho cyiza twakifashisha mu gukora imirimo y'amaboko yacu bijyanye n'igihe dufite.

Icyo gikoresho cyitwa "umwete" ; "Umurimo wawe wose werekejeho amaboko yawe uwukorane umwete…."

Umurimo wawe wose: ni ukuvuga icyo wowe ubwawe ukora, akazi ukora…..
hano ni ukutwereka ko tugomba gukora, buri muntu wese ku isi ategetswe
kuba afite umurimo akora.

Werekejeho amaboko yawe: nta wundi ugomba kubigukorera uretse wowe ubwawe,
nta nkunga yindi ugomba kubona utarabanza gukoresha amaboko yawe,
nta wundi wabigukorera cyangwa watuma kubigukorera, ni amaboko yawe agomba gukora uwo murimo.

Uwukorane umwete: uwukore ubu ukiri muzima kandi uwukore nk'uzapfa ejo,
wukore uzapfe uwurangije, wukore uzapfe uriye ku nyungu zawo wukore vuba bishoboka kuko ari nta muntu uzasigara agukorera ibyakunaniye.

***Ijambo umwete bivuze iki?***
Usesenguye neza iri jambo urasanga ubwaryo risobanuye "gukoresha igihe ibikorwa bifite intego" aha turashaka kugaragaza neza ko umwete ari umurava n'imbaraga umuntu akoresha mu bikorwa bye agamije kugera ku ntego ye mu gihe cya vuba cyangwa ku buryo bwihuse.

Twatanga urugero rwumvikanisha icyo nshatse kuvuga:

Iyo uri umwubatsi, ukaba usabwa kuba wujuje inzu wapatanye (iyo ni intego) mu gihe cy'amezi atatu (icyo ni igihe) kugirango ubigereho wubahirije igihe usabwa gukorana umwete.

Umunyeshuri ufite intego yo kuba uwa mbere mw'ishuri akazarangiza afite amanota ya mbere, bimusaba kwigana umwete.

Buri wese ufite umurimo cyangwa akazi akora, iyo afite intego yo kugasoza neza mu gihe runaka yihaye cyangwa yahawe n'umukoresha we, bimusaba gukorana umwete.

Kugirango rero ukoreshe igihe cyawe neza mu bikorwa byawe byo kwiteza imbere bigusaba kugira umwete mu byo ukora, kandi umwete ntiwizana gutyo gusa, hari ibintu bibiri bigutera umwete mu kazi kawe:

1.Intego y'icyo ushaka kugeraho
2.Urukundo ukunda akazi/umurimo wawe.

Ntushobora gukoresha neza igihe mu byo ukora, igihe nta ntego ufite y'icyo ushaka kugeraho; kuberako umuntu ukora aba agomba kuba afite intego igira iti: ngiye gukora ibi kugirango mu gihe iki nzabe ngeze kuri iki.

Iyo udafite uyu murongo mu murimo wawe cyangwa mu kazi kawe, ntacyo ushobora kugeraho kandi ntushobora no kumenya igihe ufite ngo ugikoreshe uko bikwiye.

Icya kabiri ni uko udashobora gukoresha neza igihe ubaye udakunda akazi ukora, kandi burya akazi ntugakundishwa n'uko gateye ahubwo agakundishwa n'intego ugafitemo.

Burya si byiza gukora icyo ukunda ahubwo ni byiza gukunda icyo ukora.
Ijambo ry'Imana ryatubwiye ngo ikuzimu iyo tuzajya nta mirimo nta n'imigambi tuzahabona.

Ni ukutwibutsa igihe dufite ku isi ko kizarangira kugirango tugikoreshe neza.

***Ijambo ryanditse.***

***Imigani 20:4***
riratubwira iby'umunyabute n'ibizamubaho nyuma "Nzarimirana w'umunyabute ntiyihingira, atinya imbeho, ni cyo gituma mu isarura azasabiriza kandi ntagire icyo abona"

Amaherezo y'umunyabute ni ugusabiriza kandi ntibanamuhe, kubera ko afite amaboko n'umutwe wo gutekereza.

Ikindi kandi ntiwasaba umuntu kabiri gatatu atarakwinuba ni yo yaba ari umunyabuntu ntiyabona ibyo gutagaguza ku bantu banze gukora.

Ndagirango hano tugaye rwose abantu badakura amaboko mu mifuka bakigira ba ntibindeba (abasongarere) Nyamara inzara yabarya bakumva ko inshuti zabo ari zo zabatunga, cyangwa bakaba ba karyamyenda gusa
izo si indangagaciro ziranga umuntu?

Twabonye ko iyo ufite igihe ugategereza igihe uba uta igihe.
Reka turebere hamwe ukuntu umuntu ata igihe wenda no mu buryo atazi;
guta igihe bisobanuye gupfusha igihe ubusa.

Gutangira umurimo nyuma y'igihe kigenwe ni ugupfusha igihe ubusa.
Gusoza umurimo nyuma y'igihe kigenwe ni ugupfusha igihe ubusa.
Gukora ibitarateganijwe mu gihe runaka ni ugupfusha igihe ubusa.
Kuba ufite umwanya wo gukora umurimo ubu ngubu ugategereza kuza kuwukora mu wundi mwanya na byo ni uguta igihe.
Ubwo ni uburyo bune umuntu ashobora gupfushamo igihe ubusa kandi bikagira ingaruka ku iterambere rye.

***Ijambo riri mu:***

***Abefeso 5:16***
riragira riti" mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi"
Nta kintu ushobora kugeraho niba udakorana umwete, igihe cyose ufite uburyo bwo gukora urasabwa gukorana umwete kugirango ugere ku ntego yawe.
Niba ushaka kwikura muri karande y'ubukene ugomba kumenya gukoresha neza igihe, kandi igihe cyiza cyo gukora ni ubu.

**2.UMUKORESHA MUBI, INZITIZI Y'ITERAMBERE RY'UMUKOZI**

Muri iyi ngingo turareba ku myitwarire imwe n'imwe idahwitse y'abakoresha twita ba BOSS ibera inkomyi imishinga y'iterambere ryabo bakoresha.

Turebe uburyo umukoresha wikunda adashobora gutekereza ko uwo akoresha yagira icyo ageraho kandi yaraje mu kazi kugirango agire aho ava n'aho agera.

Mbere ariko yo kwinjira neza muri iyi ngingo, tubanze tugaruke ku ngingo z'ingenzi twavuzeho mu kiganiro giheruka aho twaganiriye ko iby'abapfu biribwa n'abapfumu.

Twabonye ko abantu batakaza imitungo yabo bayijyana mu bapfumu kujya guhanuzayo cyangwa kwivurizayo indwara n'imikoshi bitewe n'imyemerere yabo ariko dusanga atari ukuri kwabyo kuko birangira ntacyo babamariye.

Ndetse ahubwo bagahinduka abacakara b'imyuka mibi ibyo bakoze ntibibagirire umumaro kubera izindi mbaraga z'abadayimoni ziba zikorana na bo.

Twabonye ko uwabasha gukiza ari Yesu gusa nk'uko wa mugore yaje agakora kuncunda z'umwenda we agakira indwara ye.

Twabonye kandi ko uburaguzi butakibera mu bapfumu gusa, ahubwo bwageze n'ahera h'Imana mu rusengero no mu byumba by'amasengesho.

***Dusome ijambo ry'Imana***

***1 Yohana 4:1***
Bakundwa, ntimwizere imyuka yose ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana, kuko abahanuzi bibinyoma benshi badutse bakaza mu Isi.

***2 Petero 2:1***
Ariko nkuko hariho abahanuzi bibinyoma badutse mubwoko bwa Isirayeli niko no murimwe habaho abigisha bibinyoma bazaza bwihereranwa, inyigiaho zirema ibice zitera kurimbuka ndetse bazihakana na shebuja wabacunguye bizanire kurimbuka gutebutse.

Aho usanga abantu barahinduye abahanuzi abaraguzi babo aho kubaza Uwiteka bagasanga umuhanuzi batanazi aho akura izo mbaraga bakamusaba kubareberamo nk'aho Imana uwo muhanuzi asenga ari mukuru w'iyo bo basenga.

Abakristo bakwiye kumenya ko ari abana b'Imana bakizera Imana aho kwizera ibyo babwirwa n'abantu.

Hanyuma bakamenya gutandukanya ijwi ry'Imana n'andi majwi yose bumva.

Kandi umukristo nyakuri urimo umwuka wera w'Imana afite muri we imbaraga zimufasha gusobanukirwa ko ijwi yumvise ari iry'Imana cyangwa ari iry'abantu.

Muri iyi ngingo dufashe reka turebere hamwe iby'abakoresha babi bita ku nyungu zabo gusa ntibite ku bakozi babakorera

***Dusome Ijambo ry'Imana:***

***Itangiriro 31:4-4***
Yakobo atumira Rasheli na Leya ngo baze mu rwuri, aho umukumbi we uri,

***Itangiriro 31:4- 5***
arababwira ati: nabonye so atakindeba nk'uko yandebaga mbere, ariko Imana ya Data ihorana na njye.

***Itangiriro 31:4-***6
namwe muzi yuko nakoreye so, uko nashoboye kose.

***Itangiriro 31:4-*** 7
kandi so yagiye andiganya ahindura ibihembo byanjye incuro icumi, ariko Imana ntiyamukundiye kugira icyo antwara.

***Itangiriro 31:4-*** 8
yambwira ati "iz'ubugondo ni zo zizaba ibihembo byawe, umukumbi wose ukabyara iz'ubugondo, yambwira ati" iz'ibihuga ni zo zizaba ibihembo byawe, umukumbi wose ukabyara ibihuga.

Iyi mirongo dusomye mu Ijambo ry'Imana iratwereka Umukoresha witwaga Labani n'umukozi we witwaga Yakobo.

Bakaba bari bafitanye n'isano ryo mu muryango kuko Yakobo yari umwishywa wa Labani akagaruka akaba n'umukwe we kuko yari yararongoye abakobwa be babiri aribo Rasheli na mukuru we Leya.

Yakobo yageze kwa Labani ahunze mukuru we Esawu ubwo yari amaze guhabwa umugisha na se Isaka.

Kandi uwo mugisha wari ugenewe umwana w'imfura ari we Esawu ariko Yakobo amuca inyuma abifashijwemo na nyina Rebeka, aba ari we uhabwa uwo mugisha bituma mukuru we amuhigira kumwica arahunga ajya kwa nyirarume Labani.

Ahageze yakiriwe neza ariko ashaka gukora ngo yiteze imbere, yemera kuba umushumba w'ihene n'intama bya Labani, uko niko Yakobo yahindutse umukozi w'umushumba Labani aba abaye Shebuja.

Uko iminsi ishira ni ko Shebuja yagiye ahindura amwe mu masezerano yabaga yagiranye n'umukozi we Yakobo kandi akayahindura batabyumvikanye, cyane cyane amasezerano ashingiye ku bihembo. Labani yariganyije Yakobo ibihembo bye inshuro nyinshi.

Bavuganye ko agiye gukora akazi ke imyaka irindwi, yashira akamuhemba kumushyingira umukobwa we Rasheli kuko yari yamukunze, iyo myaka irindwi yashize Yakobo yarakoze akazi ke neza rwose ariko Labani aho kuzuza amasezerano ngo amushyingire uwo bumvikanye arabihindura batanabyumvikanye amushyingira Leya mukuru wa Rasheli.

***Dusome ijambo ry'Imana***

***Itangiriro 29:21***
Yakobo atebutsa kuri Labani ati"Nshyingira umugeni wanjye, murongore kuko ndangije iminsi yanjye".

***Itangiriro 29:22***
Labani atora abakwe baho bose, arabatekera arabagaburira.

***Itangiriro 29:23***
Nimugoroba azana Leya umukobwa we aramumushyingira aramurongora.

***Itangiriro 29:24***
Labani atanga Zilupa umuja we amuha umukobwa we Leya ho indongoranyo.

***Itangiriro 29:25***
Mugitondo Yakobo abona ari Leya. Abaza Labani ati "wangize ibiki? Rasheli si we natendeye? Ni iki gitumye undiganya utyo?"

***Itangiriro 29:26***
Labani aramusubiza ati "Iwacu ntibagenza batyo, gushyingira umuto basize umukuru."

***Itangiriro 29:27***
Mara iminsi irindwi y'uwo tubone kugushyingira n'uriya iyindi myaka irindwi uzatenda." Ibyo byatumye Yakobo yongera gukora indi myaka irindwi Labani abona kumushyingira Rasheli.

Umurongo wa 7 n'uwa 8 twasomye mu gice cya 31 cy'Itangiriro twabonye ko n'ubundi Labani yariganyije Yakobo ibihembo bye inshuro zigera ku icumi, ntamuhembe ibyo bavuganye; muri iki gihe amasezerano yabo yabaga avuga ko Yakobo agomba kuragira noneho bagasezerana ko izizavuka zizaba iza Yakobo cyangwa iza Labani bagendeye ku mabara yazo

Hari aho Yakobo yemeraga izizavuka ari ubugondo, Labani yabona zose zivutse ari ubugondo akazimwima akanga ko ziba iza Yakobo.

Akongera akamusezeranya ko noneho izizavuka ziri ibihuga ari zo zizaba ize, nazo zikavuka zose ari ibihuga nabwo akazimwima. Yakobo agakorera ubusa agahora mu bukene atyo kandi byitwa ngo afite akazi, ibyo byamubayeho inshuro icumi.

***Hari ibibazo uyu munsi twakibaza:***

1.Mbese muri iki gihe hari abakoresha bameze nka Labani?
Batubahiriza amasezerano bagiranye n'abakozi babo?

2. Ni gute umukoresha ashobora kuba imbogamizi mu iterambere ry'umukozi we?

Ijambo ry'Imana ritubwira ryeruye ko umukozi wese akwiriye guhembwa;

Aya magambo y'uko umukozi akwiriye guhembwa yavuzwe na Yesu ubwe,

soma muri

***Matayo 10:9-10***
ntimujyane izahabu cyagwa ifeza cyangwa amakuta mu mifuka yanyu, cyangwa imvumba y'urugendo cyangwa amakanzu abiri cyangwa inkweto cyangwa inkoni, kuko umukozi akwiriye ibimutunga.

***Luka 10:7***
kandi iyo nzu abe ariyo mugumamo musangire na bo ibyo kurya n'ibyo kunywa kuko umukozi akwiriye guhembwa ntimuzacumbukure mu nzu ngo muraraguze.

Bivuze iki gukoresha umukozi ariko ntumuhembere ibyo yakoze?

Umukoresha mubi ntabwo aba yikunda: uko ukoresha abakozi nabi, utabahemba nkuko mwabivuganye, cyangwa ubahoza ku gitutu cyakazi,

Ugaragaza ko icyo upfana na bo ari akazi gusa, ubafata nk'inyamaswa niko na bo biga kugukorera bakuryarya, bakagukorera nabi ukazisanga baraguhombeje.

***Umukoresha mubi arangwa ni iki?***

**1.** Gukunda inyungu ze gusa akirengagiza iz'abakozi
**2.** Kudatera abakozi imbaraga n'umwete mu kazi
(abagenera ibiruhuko, uduhimbazamusyi n'amashimwe)
**3.** Utita ku buzima bwabakozi be n'ibibazo bahura na byo mu kazi
no mu mibereho isanzwe.
**4.** Uhoza abakozi ku nkeke abakangisha kubirukana
**5.** Uhora yaka ruswa kugirango ubone akazi cyangwa ugume mu kazi.
**6.** Udahembera ku gihe cyangwa ingano y'igihembo mwumvikanye

Umukoresha nk'uyu ntashobora gutuma hari icyo wigezaho.

Muri iki gihe hari abakoresha bameze nka Labani, bahamagaza abakozi mu kazi bakabaha ibizami bakabitsinda bamara kugera mu kazi ba shebuja bagahinduka intare ku buryo nta cyo umukozi yamubaza kindi, igihe cyo guhembwa cyagera umukozi agahora ahabwa igisubizo cya TEGEREZA UZAYABONA.

Cyangwa Boss mugasezerana akazi runaka n'igihembo azajya ahabwa yamara kukageramo ukamujyana mu kandi kazi mutasezeranye bigatuma imigambi yari afite nk'umusaruro azakura muri ako kazi isubira inyuma.

Hari abakoresha badahemba ibikwiranye n'akazi kaba kakozwe, ugasanga umuntu yagukoreye akazi kose yakoresheje imbaraga ze zose n'ubwenge bwe bwose, wajya ku muhemba ugatangira uti" sasa rero ubu nta mafaranga mfite genda uzagaruke ejo.

Ejo yagaruka akakubura aho akuboneye ukamuha igice uti "ayandi sindayabona ugasanga hejuru y' imbaraga yatakaje agukorera ibyo utari ushoboye kwikorera azongereyeho gusiragizwa no kuza kukwishyuza.

Bakoresha mumeze mutyo murasabwa kwikosora mukamenya ko umuntu aza kugukorera na we akeneye gukemura ibibazo bye, ugomba kumuhembera ibyo yakoze nk'uko mwumvikanye kandi ku gihe nta bintu byo kumusiragiza.

***Abefeso 6:9***
"Namwe ba shebuja, abe ari ko mugirira abagaragu banyu namwe mureke kubakangisha kuko muzi yuko musangiye shobuja uri mu ijuru, utarobanura ku butoni.

Muri uyu murongo harimo ibintu bibiri umukoresha agomba kuzirikana:

**1.** Kwirinda gukanga, gufata nabi abakozi (mureke kubakangisha)
**2.** Imbere y'Imana mufite agaciro kamwe, kuko mwese muri abantu (so wo mu ijuru utarobanura ku butoni) aha harashaka kutubwira ko umuntu ari nk'undi,

Umukozi yakosa nk'uko nawe ukosa (akenera kugirwa inama).

Umukozi arananirwa nk'uko nawe unanirwa (akenera igihe cyo kuruhuka, Pause na Konje).

Nk'uko ukenera ko umukozi yubahiriza amabwiriza y'akazi ni ko na we akeneye ko wubahiriza amasezerano y'akazi.

Umukozi akeneye umusaruro w'akazi akora akiteza imbere (akeneye kwishyurwa ayo yakoreye neza kandi ku gihe).

**UMWANZURO**

***Abakorosayi 4:1***
"Ba shebuja, mugirire imbata zanyu ibitunganye n'ibikwiriye, kuko muzi yuko namwe mufite shobuja uri mu ijuru"

Wowe muntu ufite abakozi bagukorera mu mirimo yawe runaka urasabwa kubakorera ibijyanye n'amasezerano kandi ukagira umutima wa kimuntu, ukazirikana ko umukozi wawe akwiye gutera imbere abigukesheje, nawe ukabona ibigwi nibyiratwa ko abagukoreye bafite aho bavuye n'aho bageze.

**5. UZI GUKORA NEZA NTABIKORE BIMUBERA ICYAHA.**

Ndashima Imana yo muhanga muri byose kuko ari yo iduteguriгa ingingo zitandukanye ngo tuziganireho nk'uko umugambi wayo uri ku buzima bwawe bityo tukabasha kuwusobanukirwa kugirango tuwugenderemo.

Tukigaragaza karande y'ubukene hari ingingo tutakwirengagiza z'ibiba ku buzima bwa mwene muntu, mu mibereho yacu ya buri munsi no mu mirimo y'amaboko yacu ya buri gihe; ubu tukaba tugiye kugaruka cyane ku mukozi wirengagiza inshingano ze, cyangwa ntiyite ku mirimo ashinzwe gukora kandi ntamenye ko ubwo buryo yicamo akazi bimufiteho ingaruka zaba iz'ubukene ndetse n'Imana ikaba ibimubaraho nk'icyaha.

Mu ngingo yabanjirije iyi navuze ku bakoresha babi ngaragaza uburyo bahinduka imbogamizi mu iterambere ry'abakozi babo ndetse n'iryabo bwite.

Twagiriye inama abakoresha ko bagomba kwita ku bakozi babo bakita cyane ku kubahiriza amasezerano yakazi baba bafitanye, bakubahiriza igihe cyo kubishyura kandi bakabishyura nk'uko baba babikoreye.

Ijambo ry'Imana ryatweretse ko umukozi wese akwiriye guhembwa.

Ongera ufate aka kanya Imana iguhaye ko kuba ufite iki gitabo imbere yawe usome neza ubishyizeho umutima n'ubwenge.

Kuri iyi ngingo aho tugiye kuganirira mu ntego igira iti
"UZI GUKORA NEZA NTABIKORE BIMUBERA ICYAHA", turareberamo inshingano z'umukozi n'impamvu aba agomba gukora akazi ke neza nk'uko aba yarabyiyemeje; ariko akagakorera mu ntego yo kwiteza imbere kuko akazi umuntu akora ni ko buzima bwe.

Iyo ugakoze neza ubona inyungu zako ariko iyo ugakoze nabi nk'utagashaka uba uta igihe, urahomba kandi ukazisanga nta kintu na kimwe wagezeho, rimwe na rimwe ukabeshyera abagukoresha cyangwa ukavuga ko akazi ukora ari nta musaruro kaguha kandi ari wowe ubwawe utarabashije kukabyaza umusaruro kagomba kuguha.

***Dusome ijambo ry'Imana:***

***Luka 19:20***
undi araza aramubwira ati " mwami, dore mina yawe!
Narayibitse ipfunyitse mu gitambaro,

***Luka 19:21***
kuko nagutinyiye ko uri umunyamwaga, ujyana ibyo utabitse, ugasarura ibyo utabibye.

***Luka 19:***22)
aramubwira ati" ndagucira urubanza ku byo uvuze, wa mugaragu mubi we.
Wari uzi yuko ndi umunyamwaga, ko njyana ibyo ntabitse, ko nsarura ibyo ntabibye.

***Luka 19:*** 23)
ni iki cyakubujije guha abagenza ifeza yanjye, ngo bayigenzure,
maze naza nkayitwarana n'urugenzo rwayo?

***Luka 19:*** 24)
abwira abahagaze aho ati "nimumwake mina ye muyihe ufite mina cumi"
Umwami Yesu aca uyu mugani yagaragaje abakozi beza bagiriye umumaro shebuja birangira na bo batejwe imbere no gukora akazi kabo neza.

Ariko agaragaza n'undi mugaragu mubi utarakoze akazi ke neza bituma agibwaho n'umugayo ntiyahembwa.

Uyu mugani Yesu yawuciye ashaka gutanga amasomo agera kuri abiri:

1. Yashakaga kwigisha abamukurikiye ko impano bahawe n'Imana zose bagomba kuzikoresha neza zikunguka.

Abandi bantu bava mu byaha bakizera Umwami Yesu; abo nibo rwunguko rw'impano dufite ni uguhindurira abantu kuri Kristo.

2.Isomo rya kabiri ryerekeye ubuzima bwa muntu bwa buri munsi.
Yesu kandi yashakaga kwerekana ko umukozi wese agomba kwita ku nshingano ze agakora imirimo ye neza kandi akayibyaza inyungu ku buryo bushimisha uwamuhaye akazi (umukoresha we cyangwa shebuja), agaragaza ko umukozi iyo akoze neza agashimisha shebuja bimugiraho ingaruka nziza kandi bikamuteza imbere.

Abakoze akazi kabo neza bakamurikira shebuja ibyo yabasigiye n'inyungu yabyo barashimiwe bahabwa ibihembo by'uko babaye abakozi beza b'indashyikirwa, naho utaritaye ku kazi ke yaragawe yitwa umugaragu mubi ndetse yamburwa n'ibyo yari yahawe byose.

Nguko uko umuntu wagiriwe icyizere bimubera icyaha iyo yirengagiza kuzuza inshingano ze; kandi uko utuzuza inshingano zawe nk'umukozi ni ko n'umusaruro w'akazi kawe utaboneka.

Hari ikintu umukozi uwo ari we wese aba agomba kuzirikana mu kazi ke:

***1. Intego y'akazi kawe***
Umukozi agomba kuba azirikana buri munsi intego yari afite ubwo yasabaga akazi, niba yaragashakaga afite intego yo kwiteza imbere akava mu bushomeri no mu bukene, akajya abasha kwibonera ibyangombwa akenera mu mibereho ya buri munsi.

Cyangwa se akaba yabasha kubona amafaranga yo kuriha amashuri ye cyangwa y'abana be, n'izindi ntego wagira bitewe n'ibyo ugamije kugeraho.

Icy'ingenzi ni uko ibyifuzo ufite mu buzima bigomba gukemurwa no kuba ufite amafaranga, ukamenya ko amafaranga ushaka uzayahabwa n'ako kazi ufite.

Ni yo mpamvu usabwa kugakora neza nk'uwikorera ukakanoza, kugirango ejo batakakwirukanaho utageze ku ntego zawe.

***2. Icyo wakora ngo ugere kuri iyo ntego***
Iyo uzirikana buri munsi ko uri mu kazi ku bw'intego runaka ufite uharanira kukagumaho kugeza ugeze kuri iyo ntego.

Ni iki rero kizatuma uramba ku kazi kawe:

1. Gukunda akazi na Nyirako (umukoresha)
2. Kubaha akazi ukora na Nyirako
3. Kugakora nk'uwikorera
4. Gukora neza kugirango utange umusaruro ukenewe bituma shobuja nta wundi yagusimbuza
5. Gukorera akazi kawe mu ntego nziza y'ubuzima bwawe.

***Imigani 14:35***
Ineza y'umwami ayigirira umugaragu ukorana ubwenge, ariko umujinya we awugirira ukora ibiteye isoni"

Ukwiye gufata umukoresha wawe nk'umwami, ibyo umukorera ukabikorana ubwenge nibwo nawe azakugirira neza.

Ineza ugirirwa na shobuja ituruka ku byishimo umuha biturutse ku kuba ukora neza akazi yagushinze, kandi iyo neza ntaho iba ihuriye n'umushara, ni inyongera (favor) uhabwa na shobuja kubera ko umukorera neza.

Nk'umukozi wo mu rugo, Bibiliya ivuga yeruye iti "umugaragu witonda azarera mwene shebuja ukora ibiteye isoni, kandi azaragwa hamwe na bo"

***Imigani 17:2***
ushobora kuba umukozi wo mu rugo witonda ukora imirimo yawe neza, ugahinduka umwana muri urwo rugo, ndetse ushobora no kujya uhabwa ibiruta ibyo umwana wo muri urwo rugo utitwara neza ahabwa, kubera ko ukora neza.

***Imigani 29:21***
haragira hati "umugaragu warezwe neza uhereye mu bwana bwe,
hanyuma azabera shebuja umwana."

Ngako akamaro ko kuba umukozi mwiza bituma shobuja agukunda ku rwego aguhindura nk'umwana we akagukorera ibirenze ibyo waje mu kazi ukeneye.

Izo ni zo nyungu zo gukora neza akazi kawe.
Buri mukozi wese mu rwego akoramo ntashobora kugera ku ntego y'ubuzima bwiza abaye atita ku kazi ke, aba agomba kugakora nk'uwikorera agaharanira kwerekana umusaruro we muri ako kazi kugirango abe umudasimburwa.

Uko ugenda ugaragaza ubwitange n'umurava mu kazi kawe ni ko uba wigarurira umutima wa shobuja cyangwa nyokobuja (Boss).

***Dusome ijambo ry'Imana***

***1Petero 2:18***
Bagaragu b'imbata, mugandukire ba shobuja mububashye rwose,
atari abeza gusa ahubwo n'ibigoryi.

***Abefeso 6:5-6***
Namwe mbata, mujye mwumvira ba shobuja bo kumubiri nk'uko mwumvira Kristo, mububashye muhinda imishyitsi kandi mutaryarya mu mitima yanyu.

Ntimukabakorere bakibahagarikiye gusa ngo mumere nk'abanezaza abantu,
ahubwo mumere nk'imbata za Kristo, mukore ibyo Imana ishaka mubikuye ku mutima.

Muri iyi mirongo dusomye dukuremo aya masomo yo kuzirikana:

1.Shobuja yaba mwiza yaba mubi (uwo Bibiliya yise ikigoryi) usabwe kumugandukira (kumwumvira kuko ari shobuja).
2.Imana yemera umukozi n'umukoresha, niyo mpamvu iha umukozi inshingano zo kubaha umukoresha we, igategeka n'umukoresha kuzuza amasezerano aba yagiranye n'umukozi we, ibyo iyo bitabaye bityo biba ari icyaha imbere y'Imana.

3.Umukozi agomba kuzirikana ko iyo akoreye neza shebuja binezeza Imana (mumere nk'imbata za Kristo, mukore ibyo Imana ishaka mubikuye ku mutima).

Iyo wubaha shobuja burya Imana irabigushimira.
4. Umukozi agomba gukora akazi ke ataryarya umukoresha we; kumuryarya ni cya gihe umugavura, agusaba raporo ukamutekinika, agusiga kuri kontwari waba wacuruje amafaranga 500,000 ukamwereka amafaranga 300,000.

Kuba ibyo usabwa gukora none utegereza kuzabikora ejo kandi byari bikenewe none, kudaha abakugana serivisi bashaka bigatuma binubira Boss wawe uvuga uti "ukwezi nigushira ntibazabura kumpemba", n'ubundi buryo bwinshi utanozamo akazi kawe neza urabizi.

Mwongere muzirikane ko iyo uzi gukora neza ukabyirengagiza ntubikore Imana ikubaraho icyaha.

**IBY'ABAPFU BIRIBWA N'ABAPFUMU**

Mu ngingo tugezeho muri Karande y'ubukene tugiye kuganira kuri karande mbi yo gushakira ibisubizo mu bapfumu.

Bituma abantu benshi bakena kubera amaturo batanga mu bapfumu.
Ariko mbere y'uko twimbika muri iyi ngingo reka twibukiranye ku ngingo z'ingenzi twavuzeho mu ngingo iheruka.

Twavuze ku GUKORESHA NEZA IGIHE mu rwego rwo kurwanya karande mbi y'ubukene mu muryango, twabonye ko iyo ufite igihe ugategereza igihe uba uta igihe.

Aho twagaragaje neza ko intwaro dufite mu gukoresha neza igihe ari ugukorana umwete no gukunda ibyo dukora twasanze ko hariho uburyo bune bwo kwica igihe:

1. Gukererwa gutangira umurimo
2. Gukererwa gusoza umurimo
3. Gutegereza ikindi gihe cyo gukora ibyo wagakoze ubu
4. Gukora ibitateganyijwe mu gihe ufite

Aya makosa ane tuyakosoye mu mirimo yacu ya buri munsi, ibyo dukora byatwungukira neza bityo tugatera imbere tukava muri karande mbi y'ubukene.

Bimwe mu bitera ubukene habamo n'imyizerere n'imyemerere itarimo gukoresha ubwenge bwa kamere umuntu akizera buhumyi, kugeza ku rwego yibagirwa ko aba mu isi kandi ko akaneye gukora ngo yiteze imbere, rimwe na rimwe akifuza gukira atakoze, kurya atakoze kandi akarya ibye agashaka no kurya iby'abandi, kubona uko ibyo abigeraho bitamuvunnye akikururira kujya mu bapfumu ngo bamuhe imiti yo kugera ku byo yifuza; ni byo koko IBY'ABAPFU BIRIBWA N'ABAPFUMU.

***Zekariya 10:2***
kuko ibishushanyo gisengwa bivuga ubusa n'abapfumu bakaragura ibinyoma, abanyenzozi bakabesha bagahumurisha abantu ubusa nicyo gituma abantu bazimira nk'intama bakababara cyane kuko batagira umwungeri.

***Mika 3:7***
Abamenyi bazagira isoni n'abapfumu bazashoberwa ni ukuri bose bazifata kumunwa kuko ari ntagisubizo kivuye ku Mana.

***Gutegeka kwa kabiri 18:14***
kuko ayo mahanga azahindura yumvira abaragurisha ibicu n'abapfumu ariko wowe ho uwiteka Imana yawe ntigukundira kugenza utyo.

Kujya mu bapfumu ni karande mbi abantu batazi kandi nayo ikomoka mu bisekuru, kuraguza no guterekera ni imigenzo yabakera kandi mu by'ukuri idafite umumaro kuko uretse gusa kwikururira mu mubano n'imyuka mibi y'abadayimoni n'indi myinshi, uko ubaswe na byo bikazagukurikirana no mu rubyaro rwawe.

1. Ese ubupfumu ni iki?
2. Ni gute ubupfumu ari karande mbi?
3. Ese ubupfumu bufite ngaruka ki kubabwizera?
4. Wakora iki ngo uve mu myuka mibi watewe no kujya mu bapfumu?

***Dusome Ijambo ry'Imana:***

***Mariko 5:25-29***
Nuko hariho umugore wari imugongo, wari ubimaranye imyaka cumi n'ibiri.

***Mariko 5:26***
ababazwa n'abavuzi benshi cyane bagerageza kumukiza, bamumarisha ibintu bye byose abitangamo ingemu, ariko ntibagira icyo bamumarira ahubwo arushaho kurwara.

***Mariko 5: 27***
yumvise ibya Yesu araza aca mu bantu, amuturuka inyuma akora ku mwenda we

***Mariko 5:***28
kuko yari yibwiye mu mutima we ati ninkora ku mwenda we ndakira.

***Mariko 5:*** 29
uwo mwanya isoko y'amaraso irakama, amenya mu mubiri we yuko akize cya cyago.

Ubupfumu ni imyemerere y'ubuhanuzi n'ubuvuzi bishingiye ku myuka y'abapfuye, abakurambere.

Uyu mugore yari afite ikibazo cy'uburwayi nk'uko n'abandi bose barware.

Mu myaka cumi n'ibiri yamaze arwaye yashatse umuti wayo, bitewe n'ububabare yaterwaga n'indwara ye yashakiye umuti ahantu hatandukanye.

Mu bigaragara ni uko uyu mugore yari afite imitungo, ariko Ijambo ry'Imana ryatubwiye ko imitungo yamushizeho.

Kubera kuzenguruka mu bapfumu benshi bakamubabaza ariko ntibagire na kimwe bamumarira; kandi bose akabaha amaturo, ari byo Bibiliya yise Ingemu, bamurya ibye byose ariko ntibamukiza icyago cye aho kumukiza barushagaho kumubabaza.

Ibikorwa by'ubupfumu n'uburaguzi kuva kera byahozeho n'uyu munsi biriho, umuntu agira ikibazo cy'uburwayi akirukira mu bapfumu, Yashaka ubutunzi akajya mu bapfumu, abakobwa bakajya gushakira abagabo mu bupfumu, abandi bakajya gushakira ubutunzi, mu miti bahabwa n'abapfumu, impamvu ni nyinshi zijyana abantu mu bapfumu, ariko se ubupfumu n'uburaguzi Imana irabwemera.

***Gutegeka kwa kabiri 18:14***
Kuko ayo mahanga uzahindura yumvira abaragurisha ibicu n'abapfumu, ariko wowe Uwiteka Imana yawe ntigukundira kugenza utyo

***Abarewi 19:31***
Ntimugahindukirire abashitsi cyangwa abapfumu, ntimukabashikishe, ntimukabaraguze ngo mubiyandurishe.

Ndi Uwiteka Imana yanyu.

Umugabo witwa MANASE yabaye umwami w'abayuda asimbuye se HEZEKIYA ku ngoma, akigera ku ngoma yahinduye ibintu uko byari bimeze.

Ise Hezekiya yari yaragaruye Abayuda ku Mana, yarasenye ingoro z'ibigirwamana zari zarubatswe n'umwami AHABU.

Ni cyo cyatumye ubwo yari agiye gupfa Imana yamwongereye Imayaka 15 yo kubaho; umuhungu we Manase amaze kwima ingoma yagaruye ibikorwa byo gusenga ibigirwamana, ibikorwa by'uburaguzi n'iby'ubupfumu.

***2 Abami 21:6***
Anyuza umuhungu we mu muriro, akajya araguza akaroga, agashikisha abashitsi, akaraguza abapfumu, akora ibyaha byinshi cyane imbere y'Uwiteka ngo amurakaze

Ibyaha bya Manase byatumye Imana imuteza ibyago imuhana mu maboko y'ingabo za Ashuri aba imbohe.

Icyakora ageze mu makuba yinginze Imana ngo imubabarire Imana iramwumvira baramurekura nk'uko tubisoma mu:

***2 Ingoma 33:11-19***
Ni cyo cyatumye Uwiteka abateza abatware b'ingabo z'umwami wa Ashuri, bagafata Manase bakamushyira mu mihama, bakamujyana I Babuloni bamubohesheje iminyururu.

***2 Ingoma 33:12***
Maze ageze mu makuba yinginga Uwiteka Imana ye, yicishiriza bugufi cyane imbere y'Imana ya ba sekuruza

***2 Ingoma 33:13***
Arayisaba, nuko Imana yemera kwinginga kwe, yumva ibyo asabye imusubiza i yerusalemu mu bwami bwe.

Manase aherako amenya yuko Uwiteka ari we Mana.

***2 Ingoma 33:14***
Hanyuma y'ibyo yubaka inkike y'inyuma y'umudugudu wa Dawidi, iruhande rw'iburasirazuba bw'igikoni mu gikombe, ayigeza ku muharuro wo ku irembo ry'amafi, ayigotesha ofeli ayigira ndende cyane, kandi ashyira abatware b'intwari mu midugudu y'I Buyuda yose igoswe n'inkike.

***2 Ingoma 33:15***
Kandi akuraho imana z'inyamahanga na cya kigirwamana agikura mu nzu y'Uwiteka, asenya ibicaniro byose yari yubatse ku musozi w'inzu y'Uwiteka ari wo Yerusalemu, abijugunya inyuma y'umurwa.

***2 Ingoma 33:16***
Maze asana icyotero cy'Uwiteka, agitambiraho ibitambo by'ishimwe yuko ari amahoro n'ibyo guhimbaza, kandi ategeka Abayuda gukorera Uwiteka Imana ya Isirayeli.

***2 Ingoma 33:17***
Icyakora abantu bakomeza gutambira ibitambo mu ngoro, ariko batambiraga Uwiteka Imana yabo.

***2 Ingoma 33: 18***
Ariko indi mirimo ya Manase, no gusenga yasenze Imana ye, n'amagambo ba bamenya bamubwirizaga mu izina ry'Uwiteka Imana ya Isirayeli, byanditswe mu gitabo cy'ibyakozwe n'Abami ba Isirayeli.

***2 Ingoma 33:19***
kandi no gusenga kwe, n'uko Imana yemeye kumva kwinginga kwe, n'icyaha cye no gucumura kwe, n'ahantu yubatse ingoro akahashyira Ashera n'ibishuhanyo bibajwe ubwo yari ataricisha bugufi, ibyo byanditswe mu magambo ya hozayi.

Kuki abanyarwanda baciye umugani ngo
"Iby'abapfu biribwa n'abapfumu?"
Ubundi umuntu udakomeye mu mutwe iyo ibibazo bimugezeho yumva yabikemura mu buryo butamuvunnye, niko kujya gushaka abapfumu, na bo bakamurya ibye bakabimumaraho kuko aba yabaye umupfu!

Umuntu udashaka gukora no kumenya ukuri (Guhindura imyumvire) ni we ujya gushakira ubukire mu bapfumu.

Abapfumu bakenesha abakiliya babo, uyu munsi umubwira ikibazo ufite ukamuha amaturo, akagupfunyikira ikibiribiri, cya kibazo ntigikemuke ejo ugasubirayo akakubwira ko abakurambere bagaye amaturo yawe, ugatanga andi; umutungo ukagushiraho n'ikibazo cyawe kikikuriho!

Uzasanga umuntu yari afite amafaranga, nko mu gihe cy'ukwezi akaba amushizeho, kubera ko yihaye kujya mu bapfumu bakayamumaraho ntibagire n'icyo bamumarira, tuve muri karande z'ubupfumu nta kamaro.

Ba sogokuruza babayeho baterekera, bakorana n'imyuka mibi y'abadayimoni ngo ni uguterekerera abakurambere, basezerana n'iyo myuka mibi ko abazabakomokaho bazakomeza kubaterekerera bagirana igihango, niyo mpamvu ushobora gusanga mu muryango wanyu hataburamo abagira uburwayi bwo mu mutwe kubera imihamuro yo mu gisekuru.

Uzasanga muhorana ubukene nta kintu mushobora kugeraho kubera imivumo y'ibisekuru, kuko mutagiterekera abakurambere, ukaba ingumba ntumenye impamvu, ukabyara upfusha ntumenye impamvu, wahinga ntiweze, wacuruza ugahomba, wajya kwiga bikakunanira; ariko bikabagora kubisobanukirwa ntimumenye impamvu, kenshi biba bituruka mu bupfumu n'uburaguzi no guterekerera abazimu byakozwe na ba sogokuruza bakaba barabatanzeho ibitambo ko abazabakomokaho bazakorera abazimu, abakurambere, nyabingi.

***Yesaya 29:15***
Bazabona ishyano abashakira ikuzimu aho kugisha Uwiteka inama zabo, imirimo yabo ikaba mu mwijima, bakibwira bati:
ni nde utureba?
Kandi bati: utuzi ni nde?

Ikizakubwira ko kujya mu bapfumu ari ubupfu; ntushobora kujyayo ku mugaragaro, ntushobora kwemera ko ukorana n'imbaraga z'umwijima wakuye mu bapfumu, ntushobora kugaragaza ibihereko baguhaye ugendana, iteka ryose iryo aba ari ibanga ry'umutima wawe.

Tuzabimenya umunsi wihannye umaze gusobanukirwa ko wabaga mu mwijima umaze kuvirwa n'umucyo w'ijambo ry'Imana.

**UBURAGUZI BWAHINDUYE ISURA.**

***Yeremiya 14:14***
Maze Uwiteka arambwira ati: abahanuzi bahanura ibinyoma mu izina ryanjye, si njye wabatumye kandi sinabategetse, haba no kuvugana na bo.

Babahanurira iyerekwa ry'ibinyoma, n'iby'ubupfumu n'ibitagize umumaro, n'uburiganya bwo mu mitima yabo.

Muri iki gihe hadutse uburaguzi bwo mu bundi buryo bukorerwa mu nsengero no mu byumba by'amasengesho, ni UBURAGUZI BW'ABAKRISTO.

Umuntu arahaguruka akajya ku muntu ati "Mukozi w'Imana ndeberamo".
Arakurebera he?
Ubundi aba akurebera iki?
Ese wowe nta burenganzira ufite bwo kwireberamo?
Ese ubundi urashaka kumenya iki?
Imana yabaye vuga nyabingi nyamatanga.
Ku uburyo umuhanuzi ashyira abantu ku murongo buri wese amuza imbere amubwira ibye, avaho undi akurikiraho; ntimubona ko ari ubuyobe?

Ese uwo muhanuzi Imana umubwira kukubariza icyo ikuvugaho wowe si yo usenga? Iyo mana se imwumva wowe ntikumva? Niba itakumva wabanje ugakemura ikibazo ufitanye na yo gituma itakumva!

Urica umubyizi wawe ngo wiriwe ku muhanuzi kujya kumva icyo Imana ikubwira, kandi nawe urabizi ko uri umunyabyaha.

Ntushaka kwihana ngo ugirane imishyikirano n'Imana yawe, niyo mpamvu uwo muhanuzi azemera akubeshye ngo Imana iravuze kandi itavuze kugirango akwikureho, nawe ugende uzi ngo Imana izangirira neza, utegereze amaso ahere mu kirere, kubera ko wishakiye umwigisha uhuje n'irari ryawe (ari we mupfumu wawe).
Ubwo ni uburaguzi si ubuhanuzi.

Bibiliya iravuga iti:

***2 Timoteyo***
kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo"
Benshi bajya kuraguza ku bahanuzi mu nsengero no mu byumba by'amasengesho n'ahandi, kubera ko baba bashaka kumva ibibanezeza bijyanye n'amarari yabo.
Buzuye ibyaha gusa

***1Timoteyo 4; 1-2***
Ariko Umwuka aravuga yeruye ati" mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni bayobejwe n'uburyarya bw'abigisha b'abanyabinyoma, bafite inkovu z'ibyaha mu mitima yabo nk'izubushye."

Bakristo benedata nimuve mu buyobe, bw'iminsi mibi iruhije umugenzi.

Imana si inyamagambo ngo iravugishwa n'ibyo itagambiriye kuvuga, umuhanuzi numutumira iwawe ukamugaburira urumva azava aho ataguhanuriye?

None se mu by'ukuri azaguhanurira ibivuye ku Mana cyangwa azaguhanurira kugirango atavaho adahanuye kandi ari cyo wamuhamagariye.

Wamwohererej̈e tike, wamwemereye ko uramuha n'ituro n'ibyubahiro bidasazwe. Byibazeho nawe.

Yesu amaze gupfa umwenda wari ukingirije ahera watabutsemo kabiri kugirango buri muntu wese yinjire yigerere aho Imana iri ayibarize ibyo ashaka, nayo imwibwirire ibyo ishaka, nta wundi muntu binyuzeho.

Niba ushaka kwinjira aho hera cyane urasabwa gusa kwemera Yesu Kristo nk'umwami n'Umukiza wawe kuko ni we nzira n'ukuri n'ubugingo nta we ujya ku Mana atari we umujyanye.

***Yohana14:6***
Yesu aramubwira ati" ninjye nzira n'ukuri n'ubugingo:
nta we ujya kwa Data ntamunjyanye.

Wa mugore wari umaze imyaka 12 yiruka mu bapfumu, yaje kumva inkuru za Yesu, afata icyemezo aramwizera, kwizera kwe kurazamuka kugera ku rwego rwo kumva ko n'iyo atavugana na we byibuze agakora ku mwenda we ari bukire, uko niko yabigenje akoze ku ncunda z'ikanzu y'umukiza Yesu ako kanya arakira.

***2 Abami 1:16***
Aramubwira ati"Uwiteka avuze ngo mbese icyatumye wohereza intumwa kujya kuraguza barizebuli ikigirwamana cya ekuloni, ni uko nta Mana iri muri isirayeli wagisha inama? Nuko ntuzabyuka ku gisasiro uryamyeho ntakabuza uzapfa.

Nimuve muri karande mbi y'uburaguzi budafite umumaro, twizere Yesu gusa ni we mukiza ubundi dukore tubone ubuzima bwiza muri iyi si.

Aho kwirirwa twicaye ngo Imana hari icyo yatuvuzeho; ni byo koko Imana iravuga kandi igakorera no mu bantu kandi ibyo ivuze irabisohoza.

Ariko si wowe wo kujya gushaka umuhanuzi ahubwo umuhanuzi akwiye kugutumwaho akaza kugushaka akakubwira icyo Imana yamubwiye kuri wowe.

Umva muvandi va mu buyobe Imana nigira icyo ishaka kukubwira kidasanzwe yahagurutsa n'igikona.

Shaka ubusabane bwawe nayo wihane ibyaha ukora ibindi ubiyiharire.
Muri iki gihe abantu ntibakiryoherwa n'iby'Imana kubera ubuhanuzi bw'ibinyoma bahanuriwe kandi ibi ndabishinja abantu babiri:

**1.UHANURIRWA:**

***Imigani 5:12***
akavuga ati"Ayii we ko nanze kwigishwa! Umutima wanjye ukanga guhanwa.

***Imigani 5:13***
sinumviye amajwi y'abanyigishaga kandi sintegere amatwi abampugura.

***Imigani*** 5:15
ujye unywa amazi y'iriba ryawe, amazi ava mu isiko wifukuriye

Wowe wafashe ubuhanuzi ubugira uburaguzi, ntushobora kwicara ngo utazi icyo Imana ikuvuzeho, iyo wiriwe usenga ugataha nta buhanuzi wumvise wumva ko amasengesho yawe ntaho yageze; wemera umuhanuzi kuruta umuha guhanura, wemera ibyo uhanuriwe n'umuntu kuruta uko wemera ijambo ry'Imana niyo mpamvu Imana yakwihoreye uguma muri icyo gipindi cy'abahanuzi baba bishakira ndamu.

Barakurya utwawe bagusezeranya imigisha na bo badafite; aho kwiteza imbere n'ibyo ukorera ubibamariraho, ngo ni abakozi b'Imana, abatumishi, porofete, baguhanurire ubukire n'ibindi nawe uzi neza bakubeshye?

**2. UMUHANUZI:**

***Imigani 5:22***
umunyabyaha azafatwa no gukiranirwa kwe, kandi azakomezwa n'ingoyi z'icyaha cye.

***Imigani*** 5:23
Azapfa azize ko yanze kwigishwa kandi ubupfapfa bwe bwinshi buzamutera kuyoba.

Ni ko wowe muhanuzi reka nkubaze:

Iyo umuntu akubwiye ngo mbariza Imana ibyanjye, umubwira ibyo ubwiwe n'Imana cyangwa uvuga ibyo wishakiye byawe bwite?
Kuko wanze ko akunyuzamo ijisho?
Ese koko iyo ushyira abantu ku murongo ubahanurira uba wumva utabeshya koko?
Ese urabona amaherezo yawe n'uko kubeshyera Imana ngo iravuze, itavuze azaba ayahe?
Niba ubuhanuzi warabugize ibigutunga, utahanuye ntiwarya?
Utahanuye ntiwakwambara?
Utahanuye ntiwabona imodoka ugendamo?
Uramva koko iyo ushonje uhanura ibingana bite?
Niba koko uri umuhanuzi bwira abantu icyo Imana ikubwiye reka kubabeshya kugira ngo bakwemere, wibone indonke.

Ndakubwiza ukuri ibikorwa nk'ibyo ukwiye kubireka Imana itarakuzinukwa, muvandimwe reka kubeshyera Imana.

Kuko Imana ntibeshya, Irera, Irakiranuka, Itinda kurakara, Ntihutiraho, igira ibambe, Ni inyembabazi, Ni inyembaraga.

Igira urukundo, ishyira ikuzimu ikanakurayo, Ikura umutindi mu mukungugu ikamwicaranya n'ibikomangoma.

Iyo ivuze biraba, Yategeka bigakomera, niyo igena ibihe, iha uwishaka kandi iyo iguhaye nta mubabaro yongeraho.

***Dusome ijambo ry'Imana***

***Yesaya 44:25***
Indagu z'abanyabinyoma nzihindura ubusa, abarozi nkabatera ibisazi, nsubiza inyuma abanyabwenge, ubwenge bwabo nkabuhindura ubupfu.

Bahanuzi, bavugabutumwa, baririmbyi, namwe bacuranzi, banyamasengesho, namwe bakirisito, nimureke dukore iby'Imana yaduhamagariye gukora bikwiye, naho ubundi nihataba kwisubiraho mugahorana amakimbira n'inzangano zidashira, abanyabinyoma ngo yavuze itavuze, mukinira mu kazi k'Imana, murateza ubuzima bwanyu konda

***Yesaya 10:16***
Ni byo bizatuma Uwiteka Umwami Nyiringabo ateza abantu be babyibushye konda, kandi mu bwiza bwe hazakongezwa hatwikwe nk'ahatwikwa n'umuriro.

***1Timoteyo 4:2***
bayobejwe n'uburyarya bw'abigisha b'abanyabinyoma, bafite inkovu z'ibyaha mu mitima yabo nk'izubushye.

***Gutegeka kwa kabiri 18:20-22***
Ariko uzahangara kwihimbira ijambo ntamutegetse kuvuga akarivuga mu izina ryanjye, cyangwa akavuga mu izina ry'izindi mana, uwo muhanuzi azapfa.

***Gutegeka kwa kabiri 18:20-21***
Kandi niwibaza uti: tuzamenya dute ijambo Uwiteka atavuze?

***Gutegeka kwa kabiri 18:20-22***
Umuhanuzi navuga mu izina ry'Uwiteka hanyuma icyo yavuze ntikibe, ntigisohore, icyo kizaba kitavuzwe n'Uwiteka.

Uwo muhanuzi azaba ahangaye kucyihimbira, ntuzamutinye

***Soma no muri***

***Ezekiyeli13:8***
babonye iyerekwa ry'ubusa n'ubupfumu bw'ibinyoma, kandi baravuga bati: ni ko Uwiteka avuga.

Nyamara Uwiteka Atari we wabatumye, ariko bemeza abantu kwiringira ko ijambo ryabo rizasohora

## UMWANZURO

Ubupfumu burakenesha nimubuvemo kubera ko ari ubupfu mushake Imana abe ariyo mugisha inama, bakristo, bantu namwe, ni muhumuke mujijuke musobanukirwe imikorere y'Imana.

Umuntu uhora muri Imana irambwiye, mumenye ko Imana atari igipupe, si robo, si nyabingi, Imana ivuga ku gihe cyayo si Radiyo wafungura igihe ushakiye ngo ivuge.

Kandi na Radiyo nayo ntikubwira ibyo ushaka ko ikubwira, ikubwira ibyo yateguye kuvuga.

(Abanyamakuru) umva ukw'Imana ivuga:

***Itangiriro1:11***
Imana iravuga iti "Ubutaka bumeze ubwatsi n'ibimera byose byerere imbuto ku butaka, n'ibiti byerere imbuto ku butaka zirimo utubuto twabyo, igiti cyose cyere imbuto zikwiye ubwoko bwacyo."Biba bityo.

***1Timoteyo1:18***
Mwana wanjye Timoteyo, ndakwihanangiriza nkurikije ubuhanuzi bwa kera bwahanuye ibyawe, kugirango buduheshe kurwana intambara nziza.

Niba uri umwana w'Imana by'ukuri, Imana ifite inzira nyinshi izajya ivuganiramo nawe kandi ukamenya icyo igushakaho n'umugambi wayo kuri wowe, kandi ubuhanuzi butavangiye buri muri Bibiliya, ujye ukunda kuyisoma ibyo ushaka byose birimo.

Hanyuma dusenge dukora kandi dukore dusenga, duterane kugirango duhugurane, twibukiranye ku by'iyi nzira y'agakiza turimo, dufashanye mu kwiteza imbere tuve mu buyobe bw'abapfapfa tube abanyabwenge.

Nukomeza kuba umupfu ibyawe bizajya biribwa n'abapfumu, bigutere guhomba no guhora muri karande y'ubukene.

## II.UBUPFUMU N'UBURAGUZI

### 1.KARANDE Y'IMIGENZO N'IMIHANGO BY'ABANTU
Mu rwego rwo kurushaho kwisobanukirwa no gusobanukirwa neza icyo Imana yacu idushakaho, ubu tugiye kuganira bigere kure ku Migenzo n'Imihango bishyirwaho n'abantu bigahinduka karande kandi bitubahisha Imana Rurema.

Mbere yo gusoma ijambo ry'Imana reka ngire amwe mu magambo nsobanura neza bitume tumenya icyo shaka kuvuga:

**IMIGENZO**

Ni ijambo rikomoka ku nshinga kugenza bisobanuye gukora ikintu runaka mu buryo budahinduka kugirango ugere ku cyo wifuza.

Bivuze ngo IMIGENZO ni uburyo budahinduka cyangwa inzira umuntu cyangwa abantu banyuramo bakora ibintu runaka, akaba ari uko bizwi ko bikorwamo bidashobora guhindurwa n'undi wese ubonetse.

Iri jambo rikunda gukoreshwa ku bikorwa byatangijwe n'abakurambere cyangwa ba sogokuruza ba kera.

Uko iyo mihango bayikoraga tukaba n'uy'umunsi ari ko tugomba kuyikora dukurikije uko babigenzaga dukurikije imigenzo bayikoranaga.

**IMIHANGO**

Ni ijambo rikomoka ku nshinga GUHANGA bisobanuye kurema cyangwa gushyiraho ikitari gisanzwe kibaho.

Dufate urugero ku mihango imwe n'imwe yo mu gihugu cy'u Rwanda:

***1.Umuhango w'ubukwe:***

Abanyarwanda bihimbiye uburyo bwabo uko ubukwe buzajya bukorwa kuva mu irambagiza kugeza abageni babanye;

Ubwo buryo, ni yo migenzo; imigenzo yifashishwa mu gusaba no gukwa ni bya bikorwa, ya myambaro, bya bintu bitangwa ku babyeyi birimo inkwano n'ibindi, ya misango.

Muri make bya bindi byose bitaba bigomba kubura mu muhango wo gusaba no gukwa n'igisobanuro cy'imigenzo igomba kubahirizwa mu muhango w'ubukwe; mu gihe cyo gushyingira abageni, hari ibiba bigomba gukorwa nk'uko umuco ubisaba bikaba bitagomba kubura.

Hari abantu baba batagomba kubura muri ubwo bukwe urugero nk'abasaza bavuga imisango, Banyirasenge bumugeni, ibikoresho birimo ibisabo nibindi, amagambo ataba agomba kubura gukoreshwa mu misango; ibyo byose ni ibisobanura ko hari abantu babihanze babishyiraho nk'itegeko ridakuka kugeza n'uyu munsi, niyo mpamvu byitwa “imihango“ hanyuma imigenzo n'ibyo bikorwa byose kugirango uwo muhango ugerweho neza.

Uretse kuba abantu bashyiraho imigenzo n'imihango ikajya yubahirizwa n'ababakomokaho uko ibisekuru bihaye ibindi, n'abakristo na bo Yesu yabashyiriyeho imihango n'imigenzo bagomba byanze bikunze kujya bakora uko ibisekuru byabo bihaye ibindi:

Twavuga nk'umuhango wo gusangira igaburo ryera, kwegera ameza y'umwami, umuhango wo kubatizwa, umuhango wo kwakira abana bato, n'iyindi n'iyindi.

Reka dusome rero ijambo ry'Imana turebe imihango n'imigenzo mibi yashyizweho n'abantu ariko Imana ikaba itayishima.

***Mariko 7:3***
kuko abafarisayo n'abayuda bose bataryaga batabanje kujabika intoki mu mazi ngo zibe zihumanuwe, bakurikije imigenzo y'abasekuruza.

***Mariko 7:11***
Nyamara mwebweho muravuga muti: umuntu nabwira se cyangwa nyina ati; icyo najyaga kugufashisha ni Korubani (risobanurwa ngo ituro ry'Imana),

***Mariko 7:12***
muba mutakimukundiye kugifashisha se cyangwa nyina.

***Mariko 7:13***
nuko Ijambo ry'Imana mukarihindura ubusa kugirango mukomeze imigenzo yababayeho akarande.

Kandi hariho n'ibindi byinshi mukora nk'ibyo."
Yesu ubwe ni we wavuze aya magambo amaze kubona uburyo abafarisayo bokamwe na karande zo gukurikiza imigenzo aho gukurikiza ukuri; bo bari basanzwe bafite umugenzo washyizweho na ba sekuruza babo wo kurya babanje kujabika intoki mu mazi, basekuruza babo bari barabemeje ku buryo budahinduka ko iyo ujabitse intoki mu mazi si ugukaraba intoki ni ukujabika uba uhumanutse.

Kandi n'ibyo ugiye kurya bikaba bihumanutse nta kibazo.
Batungurwa no kubona abigishwa ba Yesu bo bariye badakoze uwo muhango.
Barivovota cyane kuko bari bishe imigenzo basigiwe n'abakurambere babo, babaza Yesu impamvu abigishwa be badakurikiza karande za basekuru.

Yesu yaje kudukura muri kavukire no mu mivumo ikomoka mu mihango n'amasezerano abakurambere bacu bagiranye n'abazimu mu mihango yo guterekera, kuragura, n'iyindi isa nayo, ariko abafarisayo bo bari bagitsimbaraye.

Kuri iyo mihango bashyiriweho n'abantu; Yesu arabitegereza asanga uretse n'uwo mugenzo wo kujabika intoki mu mazi, hari indi myinshi bishyiriyeho.

Urugero twatanga ni urw'uko babuzaga abantu gufasha ababyeyi babo, ahubwo bakabategeka gutanga KOROBANI Ituro ry'Imana

Tugaruke mu muco nyarwanda, aho tuzi neza ko ba sogokuru babagaho mu myemerere yabo bakora imihango n'imigenzo byo gusenga abapfuye, guterekera n'ibindi bifitanye isano n'imyuka mibi.

Uyu munsi hari ibintu bigenda bigaragara mu miryango yacu ntitumenye ko turi mu ngaruka mbi z'imitongero twavuzweho na ba sogokuruza.

Mu mihango yabo n'imigenzo yabo mu bijyanye n'imiterekero; aho mu masezerano yabo n'imyuka mibi cyangwa mu bisabisho byabo, amasengesho basingizaga imana zabo bazisezeranya ko ibyo bazikorera bizahoraho, kandi ko utazabikora mu muryango we atazagira amahoro mu rugo rwe (impamvu yo kutubaka ngo ruhame), atazabona urubyaro, impamvu y'ubugumba, atazagira icyo akora ngo kimuhire impamvu yo gukora cyane ariko bikaguca mu myanya y'intoki ureba, ko utazabikora azaba umusazi ku gasozi, impamvu y'indwara zo mu mutwe mu miryango imwe n'imwe, ko ntawe uzakora ibirori ngo anezerwe kuko nawe aba yaranze kunezeza abakurambere.

Impamvu yo kugumirwa no kuba ingaramakirambi, cyangwa se ubukwe bugapfa bwari bugeze kure mu myiteguro; n'ibindi byinshi batwatuyeho batitaye ku ngaruka z'ayo masezerano.

Icyo babikoreraga kuri bo kwari ugushimisha imana zabo z'imyuka mibi y'abadayimoni, ndetse byageraga aho bemera kuyishyingira abana babo, bakabatangaho ibitambo mu buryo bw'imyuka mibi, niba ari umukobwa batambye akabatwa n'umwuka w'ubusambanyi mu buryo utazi ko ariho bikomoka, cyangwa akaba nta wundi musore yemerewe gushaka kuberako ari umugore w'abazimu.

Ibyo n'uyu munsi hari abantu bakiri muri ubwo bugwate ku buryo bisanga hari ibintu bidasanzwe bibabaho ntibamenyeko batanzwe kera na ba sekuruza bakera, abo twakwita abakuru b'imiryango migari kandi batakiriho.

Ese mu by'ukuri izi karande z'imihango n'imigenzo by'abakurambere ko bifite ingaruka mbi nyinshi umuntu umaze kubisobanukirwa ko bimukurikirana byamucikaho biciye mu zihe nzira?

***Luka 8:27-28***
Yomotse imusozi, umuntu utewe na dayimoni wavuye mu mudugudu ahura na we.

Uwo yari amaze iminsi myinshi yambaye ubusa, nta nzu yabagamo
ahubwo yabaga mu mva.

***Luka 8:27-28***
Abonye Yesu aratake, amwikubita imbere avuga ijwi rirenga ati:
Duhuriye he, Yesu Mwana w'Imana Isumbabyose?
Ndakwinginze ntunyice urupfu n'agashinyaguro.

***1Petoro4:3***
Kuko igihe cyashize cyari gihagije gukora ibyo abapagani bakunda gukora, no kugira ingeso n'isoni nke n'izo kurarikira no kunywa inzoga nyinshi, no kugira ibiganiro bibi no gusinda, n'imigenzo izira cyane y'abasenga ibishushanyo.

Kugira ngo izo karande z'abadayimoni zigucikeho, ukeneye guhura n'umuntu udafite aho ahuriye n'abadayimoni kandi akaba umuntu utinywa n'abadayimoni.

Uwo ni Yesu Umwana w'Imana usumba byose na bose, Yesu gusa ni we ufite imbaraga zimira izindi mbaraga zose watejwe n'ibisekuru byawe.

Yesu gusa ni we abadayimoni bakurimo babona bagahinda umushyitsi bakamwingingira kutabica urupfu n'agashinyaguro baramutinya cyanee.

Umaze iminsi uba mu mva bisobanuye ko kuba uri umucakara w'abazimu bagukoresha ibyo bashaka urasa n'uwapfuye ukeneye kuva ibuzimu ugasubizwa ubuzima,
ni Yesu gusa waguha ubuzima.

Ukeneye kubohorwa wowe n'umuryango wawe mukava mu mivumo mwaturiweho
na ba sekuruza banyu ibagiraho ingaruka n'uyu munsi wa none.

***Ibyakozwe n'Intumwa 4:12***
"Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo."

Iri zina ni ryo ryonyine mu isi no mu ijuru ndetse n'ikuzimu rifite ububasha
bwo gutsinda imitsindo yose y'abadayimoni, imbaraga zose zirwanya Imana.

Ziri munsi y'izina rya Yesu niyo mpamvu kuryatura ubwabyo bihinduka umuriro utwika imyuka mibi y'abadayimoni n'imbaraga zabo.

Nta mbaraga z'icyaha, nta mbaraga z'icyago, nta mbaraga z'indwara, nta mbaraga z'imyuka mibi iyo ariyo yose zishobora kujya hejuru y'imbaraga z'Umwami Yesu.

Umuntu wese uri munsi y'izuba ushaka gukira karande zose z'imyuka mibi yo mu miryango ye n'imbaraga zayo asabwa gusa, kwizera izina rya Yesu.

***2Petero 3:17***
nuko rero bakundwa, ubwo muburiwe hakiri kare mwirinde mutayobywa n'uburiganya bw'abanyabyaha mukareka gushikama kwanyu.

**2. IMBARAGA ZA KARANDE Z'IMIHANGO N'IMIGENZO**

Muri iyi ngingo turakomereza ku ntego dufite y'imigenzo n'Imihango bishyirwaho n'abantu bigahinduka karande kandi bitubahisha Imana Rurema.

Ariko twibande noneho ku mbaraga karande mbi za ba sogokuruza zigira mu buzima bwacu bwo muri iki gihe kandi bo batakiriho.

***Dusome Ijambo ry'Imana***

***Abakolosayi 2:8***
Mwirinde, hatagira umuntu ubanyagisha ubwenge bw'abantu n'ibihendo by'ubusa bikurikiza imihango y'abantu, iyo bahawe na ba sekuruza ho akarande, kandi bigakurikiza imigenzereze ya mbere y'iby'isi bidakurikiza Kristo.

Mu ngingo iheruka nagiye ngaragaza ko hari imigenzo n'imihango byagiye bishyirwaho n'abantu bikaba akarande mu bantu kugeza na bugingo n'ubu ku buryo hari ibintu bibi abantu badashobora kureka gukora kubera ko ari umurage basigiwe na ba sekuruza, banga kubahemukira no kubatetereza kuko bazi ko babiretse byabagiraho ingaruka mbi zikomeye bo ni miryango yabo; bityo ugasanga barabyigisha abana babo bagakurira muri uwo mwijima ndetse bakabikangurira n'abandi babyita gusigasira umuco w'abakurambere, Muby'ukuri udafite icyo umariye abantu ndetse n'igihugu muri rusange, iyo mihango ishyirwaho n'abantu bagashaka kuyemeza abantu buhumyi tuyisanga no mu madini n'amatorero ku rwego abantu babaho munsi y'ububata bw'abayobozi b'amadini n'amatorero aho kuba munsi yubuyobozi bwa Kristo.

***Dusome ijambo ry'Imana***

***Abakorosayi 2:20***
Nuko rero niba mwarapfanye na Kristo mukaba mwarapfuye ku migenzereze ya mbere y'iby'isi ni iki gituma mwemera kuyoboka amategeko y'imihango nk'aho mukiri ab'isi.

Kudasobanukirwa ko abantu bihangira sisiteme z'ibinyoma zirambye zo kubabeshaho bo n'abazabakomokaho. Kandi izo systeme zikaba arizo guhindura bamwe mu babagana impumyi ku rwego babategeka guhora bakora imihango runaka babemeza ko ariho ubuzima bwabo bushingiye, ko kutabikora ari ukwikururira imivumo n'inyatsi.

Aho kubereka ko inkomoko yabo n'ibikorwa byabo ko ari bibi ngo bazibukire ku bwo kwizera Umwami Yesu ahubwo bakabashyira imbere imihango n'imigenzo bakwiye gukurikiza kugirango babone umugisha w'Imana.

Kandi mubigaragara ahubwo bari gufata umugisha bari basanzwe bafite bakawugurana guhaza inda muri bene iyo systeme mu buryo batazi bagahora basiragirira mu nsengero nk'abatazi iyo bava n'iyo bagana.

Bagahorana Ibyifuzo bidasubizwa kuko batasobanukiwe uwo basenga n'uburyo bukwiye bwo kumusenga; ndetse bagasuzugura ubushobozi buri muri bo bakajya kubushakira mu bandi bantu bameze nkabo bitwaje ngo Imana ikorana na bo nk'aho Imana ari iya bamwe atari iya bose.

Izo mbaraga zirakomeye kuzisobanukirwa ko ari karande mbi kuko zitwikira igitambaro cyo kuyoboka no gushaka Imana.

Ndetse iyo systeme ukaba utayihindura kuko iba yarubatswe mu mbaraga z'ubwenge bw'abantu zikomeye cyane.

Ariho Ijambo ryatubwiye kwirinda kuko ubwenge bw'abantu n'ibihendo byabo bigamije kunyaga umuntu ibyo yari afite agategekwa gukurikiza imihango ya ba sekuruza yababayeho akarande; bivuze ngo ntibashaka kuyicikaho ndetse n'abazabakomokaho ntibifuza ko bazayireka; none se urumva gukurikiza ibyo abantu bihangiye no gukurikiza ibyo Imana yahanze wahitamo iki?

Bisaba gushishoza no kugira ubwenge bw'Imana ukamenya ko imbaraga za karande ari zo zigukururira mu bitagira umumaro no guta igihe cyawe ku busa, zigatuma uhora usiragira inyuma y'umuyaga.

Ugahora mu bibazo n'ibyifuzo bidashira kuko umwanya wo gutekereza no gukora wawutaye mu gukurikiza imihango yashyizweho n'abantu ku nyungu zabo.

Ibi simbivugiye kubuza abantu kwitabira amadini n'amatorero kuko nanjye ndaterana nkavuga n'ubutumwa bwiza bwa Yesu KIRISITO ndasenga kandi ndaterana, ahubwo mbivugiye kugirango buri wese yisobanukirwe amenye icyo ashaka aho ateranira hose ndetse asobanukirwe icyo akurikiye, akurikirane inkomoko z'imihango imwe ni mwe, ategekwa gukora niba yarashyizweho n'Imana cyangwa akaba ari imbaraga za karande zibategeka gukora imihango nk'iyo.

***Reka turebe izo mbaraga za karande mu masano y'abantu***

Karande zo mu bisekuru byacu zikora mu buryo bw'umwuka w'ikiryango abantu benshi bazi ko isano y'abagize umuryango ishingiye ku maraso gusa ariko burya iyo sano y'amaraso ni mama w'andi masano yo muri uwo muryango:

1.Isano y'isura usanga abagize umuryango umwe bafite ukuntu basa ku isura, igihagararo, ibara ry'uruhu, bimwe mu bice by'umubiri n'ibindi.

2.Isano y'imvugo bashobora kuba bafite ukuntu bahuza mu mivugire yabo, aha turavuga kuvuga kimwe mu ijwi no guhuza amagambo amwe n'amwe; uko bikiriza, uko baganira, uko batera urwenya, ku buryo nko kuri telephone byakugora gutandukanya uwo uhamagaye n'ukwitabye kubera ko amajwi yabo ameze kimwe n'uburyo bavuga bikaba bisa rwose)

3.Isano karande ishingiye ku myifatire, imikorere, n'imyemerere.
• Isano karande ishingiye ku myifatire ni igihe umuryango uba ufite imyifatire imwe idahinduka, ku buryo n'iyo baba batuye mu bice bitandukanye udashobora kuyoberwa ko umuntu runaka yaba akomoka mu muryango uyu n'uyu kubera uko ubonye imyifatire ye ihuje rwose niy'uwo muryango usanzwe uzi.

Ingero ni nyinshi: bashobora kuba bakira abashyitsi mu buryo bumwe kuko ari ko babitojwe n'abo bakomokaho.

Bashobora kuba ari abanyamwanda batagira isuku ari cyo kibaranga muri uwo muryango; bashobora kuba bahuriye ku mahane, ku buryo bigorana kubana na bo udakomoka muri uwo muryango; bashobora kuba bahuje ubupfura cyangwa ubuhemu, bitonda cyangwa ari indyarya, n'indi myifatire yaba myiza cyangwa mibi akaba ari karande zo muri uwo muryango.

Isano ishingiye ku mikorere ni igihe abagize umuryango wose usanga bahuriye ku bikorwa byenda gusa.

Wenda ugasanga benshi muri uwo muryango ni abubatsi, cyangwa abahanzi, cyangwa ba rwiyemeza mirimo, cyangwa abapfumu, cyangwa abarozi, cyangwa abayobozi bakomeye, ku buryo uwuvukiyemo akura muri we asa n'ufite umurongo w'ubuzima agomba gukurikiza kubera ko ari wo umuryango we ugenderamo.

• Isano ishingiye ku myemerere; kenshi na kenshi twisanga mu myemerere y'abatubyaye cyangwa abatureze kuva tukiri bato.

Bityo imico, imigenzo n'imihango by'ayo madini akaba ari byo dukura dukurikiza rimwe na rimwe tugatozwa tukiri bato ko ibyo nitubitatira tuzarimbuka, umuntu agakurira mu bintu na we ubwe atabasha kubonera ibisobanuro, ibyo ni byo byitwa karande n'imbaraga zabyo.

Iyi sano igira ingaruka cyane ku buryo imyemerere itandukanya abantu pe bakangana kuko umwe adakurikiza imihango y'imyemerere y'undi, abari bakundanye bashaka gushinga urugo bagatandukanywa n'uko badahuje imyemerere, abakora hamwe ugasanga ntibakundana kubera imyemerere badahuje, irondadini mu bikorwa bimwe na bimwe rikabera abandi imbogamizi zo kwiteza imbere.

Kuba abantu bahuje idini cyangwa itorero ni isano ikomeye ariko ntikwiye kuba intandaro yo kugirira nabi abo mudahuje.

Ikindi kandi ukwiye kumenya impamvu ubarizwa aho,ukamenya impamvu undi abarizwa ahandi, ugasobanukirwa ukuri kw'imyemerere yawe n'imihango yayo utabibwiwe n'abakuyobora cyangwa abakujyanyeyo, ahubwo uyisobanuriwe n'ijambo ry'Imana n'umwuka w'Imana kuko ari wo muyobozi mwiza utayobya, abayoborwa n'umwuka nibo bana b'Imana.

Iyi myemerere kandi ishobora kuba ishingiye kuri ba sogokuruza; kwa kundi babandwaga, bagaterekera, bagakora iby'ubukonikoni bitandukanye, natwe bikaba bikidukurikirana ku buryo bidashoboka ko umuryango wagira amahoro cyangwa ngo ugere ku ntego zawo z'ubuzima udafite bamwe mu bawugize bakomeje umuco gakondo w'igisekuru cyawo.

Kenshi habaho gutatira icyo gihango umuryango wose ukabura amahoro, ugaterwa n'abadayimoni b'uburyo butandukanye, abateza ibisazi, abateza impanuka, abateza impfu zitunguranye, abateza ubukene bwa karande, abateza gupfusha, abateza ubugumba, abateza ubuhehesi n'ubusambanyi bukabije mu muryango, abateza bamwe kuba abajura ku rwego rwo hejuru, abateza bamwe gusarikwa n'ibiyobyabwenge, abateza gusabiriza ku mihanda no mu masoko, abateza inyatsi, wakora ntuhembwe, wahembwa ntuyashyitse mu rugo, wayashyitsa ntumenye icyo yakoreshejwe, n'ibindi byinshi.

Tugana ku musozo ijambo ry'Imana ryatugiriye inama yo kwirinda tukamenya ibyo turimo kuko hari byinshi byashyizweho n'abantu haba mu isi no mu matorero ariko bidafitanye isano n'ibyo Imana ishima ahubwo ari imihango bashyiriweho n'abasekuruza ikaba akarande ndetse ikaba ikurikiza iby'isi bidafite aho bihuriye n'iby'ijuru tujyamo, hanyuma imbaraga zabyo akaba ari zo zikorera mu batubyara, abatuyobora, ndetse n'abandi bashobora kubidukangurira ngo tubijyemo, ariko turasabwa kwirinda kugirango izo karande zitadufata, abamaze gufatwa na zo niba umaze kwisobanukirwa no kubimenya ubu wafata umwanzuro uhamye wo kuziyambura ugatangira ubuzima bushya.

***Dusome ijambo ry'Imana***

***Ibyakozwe nintumwa17:30***

Nuko iyo minsi yo kujijwa Imana yarayiregagije, ariko noneho itegeka abantu bose aho bari hose kwihana.

Ukava mu bibi ukomora mu bisekuru byawe cyangwa mu bakwigishije ibihabanye n'ukuri, maze ukemera Yesu akaba umwami w'ubuzima bwawe, ugahinduka umwana w'Imana nawe ugafata imico imiterere kamere na karande nziza z'Imana ukazabona ubugingo, kandi mu isi ukahagirira ubuzima bwiza buzira intimba n'ubutunzi bwuzuye umugisha uva ku Mana Data.

Wowe usoma iki gitabo tangira wibaze ndi mwene nde? Wande? wabaye mu buhe buzima ufite ayahe mateka bizagufasha mu buzima kumenya icyo ushaka n'impinduka ucyeneye ku buzima bwawe ibyiza ubyishimire, ibibi bigutere gushaka umuti w'igisubizo cyibangamiye ubuzima bwawe.

**URUGERO**

Ushobora kuvuka ugasanga uri ikinege kandi mama wawe atabana n'uwamubyariye ariwe papa wawe uribubigenze gute?

Reka nkuganirize intambwe ukwiye gutera.

Kugirango ibyabaye kuri maman wawe bitakubaho nawe cyangwa se papa wawe ubaye uri umuhungu ufite aya mateka ateye atyo.

Ese ukunda kubona maman wawe yiganiriza ukabona ahorana umunabi nta kimushimisha, ahora ahindagura inshuti nta muntu yizera mu buzima bwe bwose?

Ahora yumva ko abantu bamwanga, kubera ibikomere afite by'uruherekane rw'ubuzima yanyuzemo, iyo yambaye neza ntabibona, iminsi myinshi usanga anegura abandi, iyariye ntahaga, niyo asenze ntiyizera impinduka Abantu bose kuriwe ni babi.

Nusanga waravutse wisanga muri iki cyiciro, ufite akazi kenshi muri iyi isi urimo ko gukora impinduka ikomeye muri uyu muryango ukomokamo ndetse nuzagukomokaho wowe ubwawe.

Tangira wibaze impamvu umubyeyi wawe ahorana umubabaro, ufate icyemezo niba akiriho umwomore ibikomere afite, mwegere witinya, tinyuka kuko umubabaro afite ni wowe atekerezaho kenshi rimwe na rimwe yibaza kugusobanurira ibyamubayeho bikamunanira, arara amajoro menshi agutekerezaho.

Wowe mwegere uciye bugufi, reba ibikorwa ukora bibi bikababaza mama wawe mubwire ko utazongera kumubabaza.

Ca bugufi umusabe imbabazi uwo munsi umureke, ejo wongere umusubire umubwire ngo maman ndagukunda, musekere, ca bugufi mwereke urukundo rwinshi, mubaze witonze useka ufite umutima wicishije bugufi, mubaze ngo maman, papa aba hehe cyangwa se papa, maman aba hehe?

Mu gihe ataragusubiza mubaze ngo maman kuki nta murumuna wanjye urabyara, mu gihe akibaza ibyo akubwira mwongere kandi umubwire ngo maman ndagukunda cyane kandi amakosa umbonaho sinzayongera kuyakora bityo azameneka, akuganirize bigufashe kumenya ah'uvuka bigutere kumenya iy'ujya ndabizi azakubwira ababaye ariko ntuzamwereke ko wowe ubabaye.

Mutege amatwi neza wirinde kumubaza iKibazo cyamubabaza, bibaye byiza wamutega amatwi gusa.

Hari ibisubizo ashobora kugusubiza wibyibazaho cyane ngo bikubabaze tangira wowe ubishakire igisubizo.

Hari igihe yakubwira ko atazi papa wawe cyangwa yatandukanye na maman wawe, akubwire ko kukubyara byamutunguye cyangwa se usange muri abana benshi, ariko badahuje ababyeyi bombi.

Ukimara kubimenya gira umutima utuje umenye ko wamaze kuvuka, kuvuka kwawe ntaruhare wabigizemo.

Ubuzima bubi urimo nta ruhare wabugizemo tangira wishakemo igisubizo cy'ubuzima kugirango ibyababaye ku bakubanjirije bitakuviramo akarande mbi, ejo nawe bikaba uko.

Fata icyemezo, gira ibyo uhindura mu muryango wawe nusanga waravutse bitunguranye kubera imyitwarire mibi y'abakubyaye, irinde gusambana, irinde gusamara, irinde abakubeshya ko bagukunda, tekereza kenshi uwo wifuza kuba we, shaka umuntu ugira icyitegererezo cy'ubuzima bwawe, atura kenshi ko utazaba mu mateka mabi wakuriyemo, fata umwanya usenge ubwira Imana ko ubyanze.

Kunda umubyeyi wawe cyane kuko nta wundi wakubyaye niwe nyoko, ubuzima yakubyariyemo bwose n'iyo bwacya wowe ugahirwa ntibyamubuza kwitwa maman wawe.

Umva nkubwire nshuti yanjye tuvugana, hari ubupfapfa urubyuruko tugira, umuntu ntumuzi, ntuzi n'aho avuka, aho atuye kugeza ubu ntuhazi, muhuriye mu nzira cyangwa se muri bisi cyangwa se kwa muganga, ku bigo by'amashuri, mu bukwe n'ahandi henshi, uwo mwanya mugahita mukundana, bwacya akaguhamagara mugahura mbere yo kugirango mwibwirane birambuye mugahita mukorana imibonano mpuzabitsina, icyaha cyo gusambana, harya mbwira nawe, iyo myaku witeye uzayikizwa nande, nasiga aguteye inda iyonda uzayibazande?

Nasiga akwanduje indwara iyo ndwara izakugeza hehe?

Baca umugani, ngo uwicaye nabi ababaza imbere ye, uburangazi ufite nta wundi uzagufasha mu ngaruka zabwo uretse wowe wenyine.

Wikikanga ubwiza n'igihagararo cyangwa ngo ushukwe n'umubiri ngo wumve ko ukunzwe n'abantu bose, muri abo harimo n'abashaka kukwangiriza ubuzima, gira ubwenjye muvandimwe.

Umuntu yarwara bakamugemurira ariko ukugemuriye ntiyakwemera kugusimbura mu gitanda uryamyeho uri muri bomboni?

Umuganga wagira uburwayi akagufasha ibishoboka, yewe akakubaga ariko ntiyakwemerako ariwe ubagwa mu kimbo cyawe.

Kuko ni ingaruka.

Menya rero muvandimwe ko ingaruka mbi ufite none abo ukomokaho hari uruhare bazifiteho, ariko tekereza ingaruka urimo none uzirinde abawe bose, ubere umuryango inyenyeri, amateka mabi akwiye kukubera isomo, kuba uri ikinege s'ikibazo ariko ni n'ikibazo.

Bikosore none mu migendere myiza yawe shaka uburyo wowe uzungura umuryango, imyitwarire yawe niyo yonyine yabigufashamo.

Kuba muvukana mudahuje ababyeyi iryo ni ikosa ryakozwe n'abo ukomokaho ariko wowe n'ubwo wavukiye mu makosa shaka uburyo ayo makosa atakongera kubaho.

Ni mpamvu ki nkubwira kuva muri karande mbi: ni uko usanga amakosa papa yakoze nawe yarayahawe mu ruhererekane rw'amaraso mu myaka y'ubusore bwe ujya kureba ugasanga nanjye umaze imyaka nk'iyo ufite nawe uyagwamo kandi uzi neza ko iwanyu bayaguyemo bikakugiraho ingaruka mbi.

Rubyiruko nidufate icyemezo maze turakira dusohoke mu bibazo, bagabo n'abagore nimuhindure ibyabananiye twisunge inama ikubiye muri iki gitabo turakira icyago, nta wunezezwa no guhora ababaye.

Bishoboka ko wafashwe ku ngufu, iryo fatwa ukaribyariramo umwana, akavuka nka Yabesi, inkuru ze twazivuze haruguru, ariko nyuma yo gufatwa ku ngufu ubyaye abandi babiri batangira se uzwi neza, ubwose wavuye hehe?
Ugeze hehe?

Urarushaho gushyira ubuzima bwawe mu kanga ndetse n'abana ubyaye.
Imana igutabare uhindure imyumvire yawe.

UYU WE ntakazi yemera gukora kaha mu rugo, ngo yarize! Iyo abonye agahuye n'icyo yize ngo kamuhemba make!

N'ako yemeye gukora agakora nabi, ahora ahabwa gasopo!

Ntuzi guhinga, nta mwuga ushaka kumenya ngo ntiwabishobora.
Wabaye umutwaro ku bandi wirirwa ubara inkuru wumvise uzibwira utakwitayeho, kuko we yarenze icyiciro urimo cy'imyumvire.

Gutira umwenda mwiza wadutse urabishoboye byo kuko ukunda kugaragara neza ngo urasha kuba umusitari.

Inama nziza z'abakuru, n'urungano rwawe ntuzikozwa, inshuti yawe ni abakugira inama mbi, na terefone, wirirwa uhamagara, wibereye ku mbuga nkoranyambaga, uta umwanya ureba ibikorwa by'urukozasoni n'ibindi.

Iyo terefone yawe ufite mu ntoki wanze no kuyibyaza umusaruro ngo baguseka uwakubona warabaye umu Ajenti, n'ibindi.

Mbese ibyawe byaranyobeye pe kandi si njyewe gusa hari n'abandi wabereye inshoberamahanga. Wakisubiyeho koko!

**Tugana kumusozo**

***Dusome ijambo ry'Imana***

***Yuda 1:3***
Bakundwa, ubwo nagiraga umwete wo kubandikira iby'agakiza dusangiye niyumvisemo ko mpaswe no kubahugura, kugira ngo mushishikarire kurwanira ibyo kwizera abera bahawe rimwe, bakazageza iteka ryose.

***Zaburi13:6***
Ariko niringiye imbabazi zawe, umutima wanjye uzishimira agakiza kawe.

Ndaririmbira Uwiteka, kuko yangiriye neza.

Umva rero ntushaka no gukizwa byibuze ukijijwe ukakira agakiza wamenya ko imyitwarire nk'iyo ufite harimo no gusambana ari mibi bikagufasha kutabyara abazicwa n'agahinda ukamenya ko udakora adakwiye no kurya.

None wowe imibereho yawe urayishakira mu kwiyandarika, no mu kutumvira inama nziza z'abakuru n'urungano rwawe.

Bavandimwe ndababwiza ukuri karande mbi ibaho nta kibi kikuriho gishyashya ariko inama ni ukudahora mu bibi bidufiteho ingaruka mbi.

Ntitwicare dushake ibyiza byatuma imitima yacu ishira intimba n'umubabaro, nidushake amahoro tuyakurikire kugirango tuyashyikire turandure karande mbi z'ibibi, tubibe imbuto nziza mu muryango, y'ibyiza y'amahoro y'ubukire n'icyubahiro nk'uko ijambo ry'Imana ribitwemerera, iy'urukundo, iyo guhugurana, iyo gufashanya.

Twirinda amakimbirane n'amacakubiri mu muryango, guca burundu ingeso y'ubusambanyi mu muryango.

Ariko ibyo byose bibanzirizwe no kubaha Imana Rurema yaremye ijuru n'isi.

Ndetse n'abatuyoboye mu buryo butandukanye

***Abaroma 13:1***
Umuntu wese agandukire abatware bamutwara, kuko ari nta butware butava ku Mana, n'abatware bariho bashyizweho n' Imana.

Basomyi b'iki gitabo ni ngobwa kubaha abayobozi bacu kuko umwanya umuntu wese

yicayemo yawuhawe n'Imana.

Wimupinga, umva neza ibyo akubwira kuko nutabyumva usuzuguye uwamushyize kuri uwo mwanya kandi nta wundi n'Imana kuko niyo yimika abami kandi ikimika uwo ishaka, mu buzima kubaha ni imwe mu ndangagaciro z'umuntu.

Komeza usome imirongo ikurikira yo muri Bibiliya urarushaho gusobanukirwa urebe umuntu utubaha ibimuteganirijwe mw'ijambo ry'Imana (ibihano).

***Abaroma 13:2***
nicyo gituma ugandira umutware aba yanze itegeko ry'Imana kandi abaryanga bazatsindwa n'urubanza.

***Abaroma13:3***
abatware si abo gutinywa n'abakora ibyiza, keretse abakora nabi.
Mbese ushaka kudatinya umutware? Kora neza nawe azagushima.

***Abaroma13:4***
kuko ari umukozi w'Imana uguhesha ibyiza ariko nukora nabi utinye, kuko adatwarira inkota ubusa ni umukozi w'Imana uhoresha umujinya ukora nabi.

***Abaroma13:5***
nicyo gituma ukwiriye kuganduka utabitewe no gutinya umujinya gusa, ahubwo ubyemejwe n'umutima uhana.

***Abaroma13:6***
nicyo gituma musora kuko abatware ari abagaragu b'Imana bitangiye gukora uwo murimo.

***Abaroma13:7***
mwishyure bose ibibakwiriye: Abasoresha mubasorere, Abahinisha mubahinire,
abo gutinywa mubatinye, n'abo kubahwa mububahe.

***Abaroma13:8***
ntimukagire umwenda wose uretse gukundana kuko ukunda undi aba ashoje amategeko.

***Abaroma13:9***
kuko ibi ngo "ntugasambane, ntukice, ntukibe, ntukifuze" n'ayandi mategeko yose bihurira muriri jambo ngo" Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.

***Abaroma13:10***
Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi, nicyo gituma urukundo arirwo rusohoza amategeko.

***Abaroma13:11***
nuko mujye mugenza mutyo, kuko muzi yuko igihe cyo gukanguka gisohoye rwose dore agakiza kacu karatwegereye kuruta igihe twizereye.

***Abaroma13:12***
ijoro rirakuze burenda gucya. Nuko twiyambure imirimo y'umwijima, twambare intwaro z'umucyo.

***Abaroma13:13***
tugendane ingeso nziza nk'abagenda mu mucyo, tutagira ibiganiro bibi, tudasinda, tudasambana, tudakora iby'isoni nke, tudatongana kandi tutagira ishyari.

***Abaroma13:14***
Ahubwo mwambare Umwami Yesu Kiristo, kandi ntimuhe urwaho imibiri yanyu ngo ibone uko ikora ibyo yifuza.

**IMANA Y'AMAHORO NIGUFASHE GUHITAMO ICYAGUKIZA.**

Nyuma y'iki gitabo cya mbere va muri karande mbi hari gutegurwa n'ibindi bizagikurikira kuko mfite intego yo gushaka impinduka nziza kubigaragara nk'ibinaniranye.

***Ibyahishuwe 22:21***
ubuntu bw'Umwami Yesu bubane namwe mwese.

**Amen**



fidelenzigiyimana@gmail.com